<p>gusubizwa nyirayo; akubiyemo kandi n'inyungu zikomoka kuri ayo mafaranga ziyongereyeho cyangwa zityongereyeho hakurikijwe ibyumvikanywe;</p> <p>(k) “imyenda” hakubiyemo ubwoko bwose bw'inguzanyo, ifunguza ry'inguzanyo, inyandiko mpeshanguzanyo, avansi, inyandiko nyemezamwenda n'ubundi buryo nk'ubwo butangwamo cyangwa bwemererwamo inguzanyo bitangwa na banki bihabwa umukiriya, kimwe n'imigabane, ifata ry'uruhare mu mari shingiro n'ubundi buryo bwo gushora amafaranga abyara inyungu mu kigo runaka;</p> <p>(l) “banki y'inyamahanga” bivuga ikigo gifite ubuzimagatozi cyanditswe nka sosiyete mu gihugu cy'amahanga kandi cyemerewe gukora nka banki aho gikomoka;</p> <p>(m) “abantu bahujwe n'inyungu” bivuga abantu babiri cyangwa benshi cyangwa ibigo bifite ubuzimagatozi cyangwa bidafite ubuzimagatozi bafatwa nk'aho bafite inyungu bahuriyeho iyo –</p> <p>(i) umwe azenzura undi cyangwa abandi bose mu buryo butaziguye cyangwa buziguye;</p>	<p>includes interests generated from those funds, whether or not such interests are increased by new interests according to the agreed terms.</p> <p>(k) “exposures” includes all types of credits, credit openings, letters of credit, advances, debt securities and similar forms of credits or credit commitments granted by a bank to a client, as well as shares, participation in the capital and other types of investments in any other undertaking;</p> <p>(l) “foreign bank” means a legal entity incorporated in a foreign country that is licensed as a bank in its country of origin;</p> <p>(m) “interconnected parties” means two or more natural persons or entities having or not legal personality that are regarded as interconnected because –</p> <p>(i) one controls the other or the entire group, directly or indirectly;</p>	<p>comprend également les intérêts générés par ces fonds et auxquels s'ajoutent ou non de nouveaux intérêts selon les termes convenus ;</p> <p>(k) « engagements » comprend toutes les catégories de crédits, ouvertures de crédit, lettres de crédit, avances, titres de créance et autres formes analogues d'octroi ou d'engagements de crédit par une banque à un client ainsi que les actions, prise de participation au capital et autres types d'investissement de fonds dans une telle ou telle autre entité;</p> <p>(l) « banque étrangère » signifie une personne morale constituée en société dans un pays étranger et agréée comme banque dans son pays d'origine;</p> <p>(m) « parties liées » signifie deux ou plusieurs personnes physiques ou des entités dotées ou non la personnalité qui sont considérées comme étant liées parce que –</p> <p>(i) l'une contrôle l'autre ou tout le groupe, directement ou indirectement ;</p>
---	--	--

<p>(ii) cyangwa bafitanye imikoranyire ku buryo iyo umwe agize ibibazo mu rwego rw'imari, undi cyangwa abandi bose bagira ibibazo byo kwishyura;</p> <p>(n) banki y'ishoramari" bivuga banki abakiriya batabitsamo amafaranga, yemewe n'Ikigo kibifitiye ububasha hakurikijwe itegeko rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda;</p> <p>(o) “umwenda munini” bivuga umwenda umukiriya cyangwa itsinda ry'abakiriya bafitiye banki, ungana nibura na 10% y'imari shingiro ya banki;</p> <p>(p) “ishoramari rinini” bivuga amafaranga banki yashoye mu kigo runaka ahwanye nibura na 5% by'imari shingiro y'icyo kigo cyangwa arengeje 5% by'imari shingiro ya banki;</p> <p>(q) “ahakorera banki” hakubiyemo icyicaro gikuru cya banki, ishami ryayo, agashami n'icyicaro cy'intumwa n'ahandi hose hakorerwa ibikorwa bya banki;</p>	<p>(ii) or they are so interrelated that, if one of them is experiencing financial problems, the other or all of the others encounter repayment difficulties;</p> <p>(n) “investment bank” means a non-deposit taking institution licensed by the Authority in accordance with the law regulating capital markets in Rwanda;</p> <p>(o) “large exposure” means credits a client or a group of clients owe to a bank and which represent at least 10% or more of the bank's core capital;</p> <p>(p) “major investment” means a holding by a bank in an entity that represents at least 5% of the equity capital of the entity or a shareholding that exceeds 5% of the core capital of the bank;</p> <p>(q) “place of business of a bank” includes head office of a bank, branch, sub-branch, an agency office or any place where banking activities are operated;</p>	<p>(ii) ou elles sont tellement interdépendantes que, si l'une d'entre elles a des problèmes financiers, l'autre ou tous les autres éprouvent des difficultés de paiement;</p> <p>(n) « banque d'investissement » signifie un établissement financier qui n'accepte pas de dépôts, agréé par l'Autorité compétente conformément à la loi portant régulation du marché des capitaux au Rwanda;</p> <p>(o) « engagement important » signifie des crédits dus à une banque par un client ou un groupe de clients et qui représentent au moins 10% des fonds propres de la banque;</p> <p>(p) « placement majeur » signifie une participation d'une banque dans une entité qui représente au moins 5% du capital social de l'entité ou une participation qui excède 5% des fonds propres de la banque;</p> <p>(q) « lieu d'activité de la banque » comprend le siège de la banque, la branche, la succursale, l'agence ou tout lieu où les activités bancaires sont effectuées;</p>
--	--	---

<p>(r) “uruhare rugaragara” bivuga imigabane muri banki, iri yonyine cyangwa iri hamwe n’indi, ihwanye ku buryo butaziguye cyangwa buziguye nibura na 5% by’imari shingiro ya banki cyangwa by’uburenganzira bwo gutora bwa nyirayo cyangwa imuhesha ububasha bwagira ingaruka mu ifatwa ry’ibyemezo mu micungire y’iyo banki.</p> <p>(s) “Umuntu” bivuga umuntu ku giti cye, ikigo cyangwa isosiyete ifite ubuzima gatozi;</p> <p>(t) “Iperereza” bivuga ikusanywa ry’amakuru yerekeye imikorere ya banki hagamijwe kubona ibimenyetso bijyanye n’ibikorwa bikemangwa. Iperereza rivugwa ntirireba ibikorwa byo mu rwego mpanabyaha;</p> <p>(u) “Inyandiko” bivuga inyandiko ikoze mu buryo busanzwe cyangwa ikoze mu buryo bw’ikoranabuhanga.</p>	<p>(r) “significant holding” means a shareholding in a bank that, directly or indirectly, alone or in conjunction with others, represents at least 5% of the equity capital or voting rights, or that makes it possible to exercise a significant influence over decisions related to the management of that bank;</p> <p>(s) “person” means an individual, entity or company with legal personality;</p> <p>(t) “investigation” means the collection of information on the functioning of a bank to obtain evidence available in relation to suspicious transactions. The investigation referred to does not involve criminal activities;</p> <p>(u) “document” means a document in paper-based or electronic form.</p>	<p>(r) « participation significative » signifie une participation dans une banque qui, directement ou indirectement, représente seule ou avec d’autres, au moins 5% des fonds propres de la banque ou de ses droits de vote ou qui permet d’exercer une influence significative dans la prise de décisions relatives à la gestion de cette banque ;</p> <p>(s) « personne » signifie un individu, une entité ou une société dotées de la personnalité juridique ;</p> <p>(t) « investigation » signifie une collecte d’informations sur le fonctionnement d’une banque pour obtenir des preuves liées à des opérations douteuses. L’investigation visée n’implique pas les activités criminelles ;</p> <p>(u) « document » signifie un document sur papier ou sous format électronique.</p>
<p><u>Ingingo ya 3: Ibirebwa n’iri tegeko</u></p> <p>(1) Iri tegeko rireba –</p>	<p><u>Article 3: Scope of this Law</u></p> <p>(1) This Law applies to –</p>	<p><u>Article 3 : Champ d’application de la présente loi</u></p> <p>(1) La présente loi s’applique –</p>

<p>(a) banki;</p> <p>(b) itsinda ry'amabanki;</p> <p>(c) n'isosiyete y'imari ibumbye izindi.</p> <p>(2) Icyakora, iri tegeko ntireba banki z'ishoramari zigengwa n'itegeko rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 4: Ibyiciro by'amabanki</u></p> <p>Amabwiriza ya Banki Nkuru akena ibyiciro by'amabanki hashingiwe ku mirimo ikora, sitati no ku mikorere byayo.</p> <p><u>Ingingo ya 5: Kutemererwa kwakira amafaranga abitswa</u></p> <p>Nta muntu wemerewe kwakira amafaranga abitswa atabyemerewe mu buryo buteganywa n'iri tegeko. Icyakora, ibi ntibireba –</p> <p>(a) Banki Nkuru;</p> <p>(b) ibigo by'imari iciriritse byakira amafaranga abitswa;</p>	<p>(a) a bank;</p> <p>(b) a banking group;</p> <p>(c) a financial holding company.</p> <p>(2) However, this Law does not apply to investment banks governed by the Law regulating capital market in Rwanda.</p> <p><u>Article 4: Categories of banks</u></p> <p>The Central Bank's regulation establishes bank categories basing on their services, their legal status as well as their mode of operations.</p> <p><u>Article 5: Restrictions on deposit- taking</u></p> <p>No one is allowed to receive deposits unless authorized to do so under the conditions provided for under this Law. However, this does not apply to –</p> <p>(a) the Central Bank;</p> <p>(b) deposit-taking microfinance institutions;</p>	<p>(a) à une banque ;</p> <p>(b) à un groupe bancaire ;</p> <p>(c) à une société holding financière.</p> <p>(2) Toutefois, la présente loi ne s'applique pas aux banques d'investissement régies par la loi portant régulation du marché des capitaux au Rwanda.</p> <p><u>Article 4 : Catégories de banques</u></p> <p>Un règlement de la Banque centrale établit les catégories de banques sur la base de leurs services, de leur statut juridique et de leur mode de fonctionnement.</p> <p><u>Article 5 : Restrictions à la collecte de dépôts</u></p> <p>Nul n'est autorisé à recevoir des dépôts à moins qu'il ne soit autorisé dans les conditions prévues par les dispositions de la présente loi. Toutefois, cela ne s'applique pas–</p> <p>(a) à la Banque centrale;</p> <p>(b) aux institutions de microfinance de dépôt;</p>
--	--	--

<p>(c) n'ikindi kigo cyakwemererwa na Banki Nkuru.</p>	<p>(c) and any other institution which may be authorized by the Central Bank.</p>	<p>(c) et à toute autre institution pouvant être autorisée par la Banque centrale.</p>
<p><u>Ingingo ya 6: Imirimo y'amabanki</u></p>	<p><u>Article 6: Banking activities</u></p>	<p><u>Article 6 : Activités bancaires</u></p>
<p>(1) Banki ikora imirimo yo kwakira amafaranga abitswa no gutanga inguzanyo ku giti cyayo.</p>	<p>(1) A bank carries on activities consisting in accepting deposits and granting loans on its own account.</p>	<p>(1) Une banque exerce les activités d'acceptation de dépôts et octroi des prêts pour son propre compte.</p>
<p>(2) Banki ishobora kandi –</p>	<p>(2) A bank may also –</p>	<p>(2) Une banque peut également –</p>
<p>(a) gutanga ingwate izo ari zo zose z'amafaranga;</p>	<p>(a) issue monetary guarantees of all types;</p>	<p>(a) émettre des garanties monétaires de toutes sortes;</p>
<p>(b) gutanga, gucunga, kugura cyangwa kugurisha inyandiko zikoreshwa ku isoko ry'amafaranga, ibyikorera cyangwa ibikorera abakiriya;</p>	<p>(b) issue, manage, purchase or sell money market instruments, on its own account or on behalf of clients;</p>	<p>(b) émettre, gérer, acheter ou vendre des instruments du marché monétaire pour son propre compte ou pour le compte de ses clients ;</p>
<p>(c) gutanga serivisi yerekeranye no kwishyurana;</p>	<p>(c) provide services related to payment;</p>	<p>(c) offrir des services en rapport avec le paiement ;</p>
<p>(d) gutanga serivisi yerekeranye no gucunga imari;</p>	<p>(d) provide financial management services;</p>	<p>(d) offrir des services de gestion financière ;</p>
<p>(e) guha serivisi z'imari zihariye abantu bafite umutungo munini;</p>	<p>(e) provide private banking services;</p>	<p>(e) offrir des services bancaires privés;</p>
<p>(f) gukora ibikorwa by'ivunjisha;</p>	<p>(f) engage in foreign exchange transactions;</p>	<p>(f) effectuer les opérations de change;</p>
<p>(g) gutanga cyangwa gucunga inyandiko</p>	<p>(g) issue or administer means of payment,</p>	<p>(g) émettre ou administrer des moyens</p>

<p>zikoreshwa mu kwishyurana nka sheki, ikarita zo kwishyurana no kuguriza, sheki zo mu ngenzi mu mahanga n'izindi nyandiko zifashishwa mu mabanki;</p> <p>(h) guhagararira banki cyangwa ikigo cy'imari byemerewe gukora mu gihugu bikomokamo;</p> <p>(i) kubikira abandi bantu impapuro z'agaciro;</p> <p>(j) no gukora ikindi gikorwa kiri mu rwego rw'imirimo ya banki kandi cyemewe na Banki Nkuru.</p> <p>(3) Banki Nkuru ishobora gushyiraho amabwiriza yihariye arebana no gutanga imirimo ivugwa mu gika cya (2) cy'iyi ngingo.</p>	<p>such as checks, payment and credit cards, traveller's checks and other bank drafts;</p> <p>(h) represent a bank or any other financial institution licensed by the country of origin;</p> <p>(i) hold securities for third parties;</p> <p>(j) and carry out any other activity related to banking activities approved by the Central Bank.</p> <p>(3) The Central Bank may issue a specific regulation relating to the provision of the activities referred to in Paragraph (2) of this Article.</p>	<p>de paiement tels que les chèques, cartes de paiement et de crédit, les chèques de voyage et d'autres traites bancaires;</p> <p>(h) représenter une banque ou une institution financière agréée par son pays d'origine;</p> <p>(i) garder les effets de valeur pour des tiers ;</p> <p>(j) et effectuer toute autre activité assimilée aux activités bancaires et approuvée par la Banque centrale.</p> <p>(3) La Banque centrale peut émettre un règlement spécifique en rapport avec la prestation des activités visées au paragraphe (2) du présent article.</p>
<p><u>UMUTWE WA II: KWEMERERWA GUKORA IMIRIMO Y'AMABANKI</u></p>	<p><u>CHAPTER II: BANKING LICENCE</u></p>	<p><u>CHAPITRE II : LICENCE BANCAIRE</u></p>
<p><u>Ingingo ya 7: Uruhushya rwo gukora imirimo y'amabanki</u></p>	<p><u>Article 7: Banking licence</u></p>	<p><u>Article 7 : Licence bancaire</u></p>
<p>(1) Uruhushya rwo gukora imirimo y'amabanki rutangwa na Banki Nkuru.</p> <p>(2) Amabwiriza ya Banki Nkuru akena</p>	<p>(1) The banking licence is granted by the Central Bank.</p> <p>(2) The regulation of the Central Bank</p>	<p>(1) La licence bancaire est délivrée par la Banque centrale.</p> <p>(2) Le règlement de la Banque centrale</p>

<p>uburyo bukurikizwa mu gutanga uruhushya rwo gukora imirimo y'amabanki, kuruhagarika by'agateganyo cyangwa kuruhagarika burundu.</p>	<p>determines the modalities to grant, suspend or revoke a banking licence.</p>	<p>détermine les modalités d'octroi, de suspension ou de retrait d'une licence bancaire.</p>
<p><u>Ingingo ya 8:</u> Ibisabwa banki mbere yo kwemererwa gukora</p>	<p><u>Article 8:</u> Preconditions for licensing a bank</p>	<p><u>Article 8 :</u> Conditions préalables pour agréer une banque</p>
<p>(1) Banki Nkuru ishobora kwemerera banki gukora, imaze kureba niba –</p> <p>(a) banki ishingwa ifite imari shingiro ihagije igenwa na Banki Nkuru;</p> <p>(b) abanyamigabane muri banki ishingwa bafite ubushobozi buhagije bwo kuyifasha mu gihe bibaye ngombwa;</p> <p>(c) banki ishingwa yagaragaje nyir'umutungo nyawe;</p> <p>(d) banki ishingwa yatanze inyandiko muri Banki Nkuru yemeza ko yubahirije ibiteganywa n'iri tegeko n'amabwiriza arishyira mu bikorwa;</p> <p>(e) imiterere y'imari ya banki ishingwa igaragazwa kandi yerekana ko</p>	<p>(1) The Central Bank may license a bank after checking whether –</p> <p>(a) the prospective bank has the required paid-up capital determined by the Central Bank;</p> <p>(b) the prospective bank shareholders have the adequate means to support the bank in case of need;</p> <p>(c) the prospective bank has indicated the beneficial owner;</p> <p>(d) prospective bank has submitted to the Central Bank certification that it complies with the provisions of this Law and its implementing regulations;</p> <p>(e) the projections concerning the financial status of the prospective bank are</p>	<p>(1) La Banque centrale peut agréer une banque après avoir vérifié si –</p> <p>(a) la banque en constitution dispose d'un capital libéré déterminé par la Banque centrale;</p> <p>(b) les actionnaires de la banque en constitution ont les moyens suffisants pour soutenir la banque en cas de besoin;</p> <p>(c) la banque en constitution a indiqué le bénéficiaire effectif;</p> <p>(d) la banque en constitution a soumis à la Banque centrale la certification qu'elle se conforme aux dispositions de la présente loi et de ses règlements d'application;</p> <p>(e) les projections concernant la situation financière de la banque en</p>

Official Gazette n° 24 Bis of 10/06/2024

<p>ubushobozi bw'imari ishingiyeho buzatuma ibikorwa biteganyijwe bigerwaho;</p> <p>(f) abagize Inama y'Ubutegetsi n'ubuyobozi bukuru bya banki ishingwa bafite ubumenyi n'uburambe bikwiye kandi bazwiho ubwangamugayo;</p> <p>(g) uburyo bw'imicungire ya banki ishingwa busobanutse neza ku buryo kuyikorera igenzura risanzwe n'irihujwe byakoroha;</p> <p>(h) abanyamigabane bafite uruhare rugaragara muri banki ishingwa ari inyangamugayo bituma imicungire yayo iba myiza, barangwa n'ubushishozi kandi batarigeze bishora mu byaha by'iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba n'ibindi byaha byo mu rwego rw'imari;</p> <p>(i) n'imiterere, imikorere na politiki ndetse n'igenzura ryihariye bya banki</p>	<p>documented and demonstrate a sound financial basis for carrying out banking activities;</p> <p>(f) members of the Board of Directors and senior management of the prospective bank have relevant qualifications and experience and enjoy irreproachable integrity;</p> <p>(g) the management structure of the bank being established is sufficiently transparent to enable an effective prudential and consolidated supervision;</p> <p>(h) shareholders with a significant holding in the bank being established enjoy irreproachable integrity to ensure sound and prudent management of the bank being established, are trustworthy and have not been involved in money laundering and financing of terrorism and other financial offences; and</p> <p>(i) the structure, functioning, policies as well as internal controls of the bank being established are appropriate for</p>	<p>constitution sont documentées et démontrent une assise financière solide pour réaliser des activités bancaires;</p> <p>(f) les membres du Conseil d'administration et de la direction générale de la future banque ont des qualifications et une expérience convenables et jouissent d'une intégrité irréprochable ;</p> <p>(g) la structure de gestion de la banque en constitution est suffisamment transparente pour permettre un contrôle prudentiel et consolidé efficace;</p> <p>(h) les actionnaires qui détiennent une participation significative dans l'actionnariat d'une banque en constitution jouissent d'une intégrité irréprochable pour garantir une gestion saine et prudente de cette banque et n'ont pas été impliqués dans le blanchiment de capitaux et dans le financement du terrorisme et autres infractions financières ; et</p> <p>(i) la structure, le fonctionnement, les politiques ainsi que les contrôles internes de la banque en constitution</p>
--	--	--

<p>ishingwa bikwiranye n'ibikorwa iteganya kuzakora.</p> <p>(2) Amabwiriza ya Banki Nkuru ashobora kugena ibindi bisabwa kugira ngo banki yemererwe gukora.</p> <p><u>Ingingo ya 9: Ibisabwa kugira ngo banki yabyawe n'isosiyete y'inyamahanga cyangwa ishami rya banki y'inyamahanga byemererwe gukora</u></p> <p>(1) Banki Nkuru ishobora kwemera banki yabyawe n'isosiyete y'inyamahanga cyangwa ishami rya banki y'inyamahanga isaba gukora imirimo y'amabanki mu Rwanda yujuje ibi bikurikira:</p> <p>(a) kuba yujuje ibisabwa bivugwa mu ngingo ya (8) y'iri tegeko;</p> <p>(b) kuba sosiyete y'inyamahanga cyangwa banki y'inyamahanga yemerewe gukora mu gihugu ikomokamo;</p> <p>(c) kuba umugenzuzi wo mu gihugu isosiyete y'inyamahanga cyangwa banki y'inyamahanga ikomokamo akora igenzura rihujwe;</p>	<p>the envisaged operations.</p> <p>(2) The Central Bank's regulation may establish other criteria for a bank to be licensed.</p> <p><u>Article 9: Requirements for licensing a subsidiary or a branch of a foreign bank</u></p> <p>(1) The Central Bank may grant a licence to a subsidiary or a branch of a foreign bank applying for carrying out banking activities in Rwanda subject to the following conditions:</p> <p>(a) compliance with the preconditions provided for under Article 8 of this Law;</p> <p>(b) the foreign company or foreign bank is registered or licensed in its country of origin;</p> <p>(c) the supervisor in the country of origin of the foreign company or foreign bank exercises consolidated supervision;</p>	<p>conviennent pour les opérations envisagées.</p> <p>(2) Le règlement de la Banque centrale peut établir d'autres critères applicables pour qu'une banque soit agréée.</p> <p><u>Article 9 : Conditions pour octroyer une licence à une filiale ou une branche d'une banque étrangère</u></p> <p>(1) La Banque centrale peut accorder une licence à une filiale ou une branche d'une banque étrangère qui demande à exercer des activités bancaires au Rwanda si les conditions suivantes sont remplies :</p> <p>(a) respect des conditions préalables prévues à l'article 8 de la présente loi ;</p> <p>(b) la société étrangère ou banque étrangère est incorporée ou agréée dans son pays d'origine;</p> <p>(c) le superviseur du pays d'origine de la société étrangère ou banque étrangère exerce un contrôle consolidé;</p>
--	---	---

<p>(d) kuba isosiyete y'inyamahanga cyangwa banki y'inyamahanga ifite icyemezo cy'umugenzuzi mu gihugu ikomokamo cy'uko nta nkomyi n'icyo kwemera guhererekanya amakuru no gukorana neza na Banki Nkuru;</p> <p>(2) Isosiyete y'inyamahanga cyangwa banki y'inyamahanga itanga andi makuru ya ngombwa, igihe ibisabwe na Banki Nkuru.</p>	<p>(d) the foreign company or foreign bank has obtained a non-objection from the supervisor of the country of origin and a proof of consent for information sharing and cooperation with the Central Bank;</p> <p>(2) The foreign company or foreign bank provides any other necessary information as may be requested by the Central Bank.</p>	<p>(d) la société étrangère ou banque étrangère a obtenu la non-objection de son superviseur dans le pays d'origine et une preuve de consentement pour l'échange d'information et coopération avec la Banque centrale;</p> <p>(2) La société étrangère ou la banque étrangère fournit toute autre information nécessaire que la Banque centrale peut exiger.</p>
<p><u>Ingingo ya 10: Ibisabwa kugira ngo isosiyete y'imari ibumbye izindi n'itsinda ry'amabanki byemererwe gukora</u></p> <p>(1) Isosiyete y'imari ibumbye izindi cyangwa itsinda ry'amabanki byemererwa gukora iyo bifite uruhushya rutangwa na Banki Nkuru.</p> <p>(2) Amabwiriza ya Banki Nkuru akena ibisabwa mu gutanga uruhushya rwo gukora, imikorere y'isosiyete y'imari ibumbye izindi n'itsinda ry'amabanki, akanagena n'uburyo bwo kuzigenzura.</p>	<p><u>Article 10: Requirements for licensing a financial holding company and banking group</u></p> <p>(1) A financial holding company or banking group is authorized to operate if it has a license issued by the Central Bank.</p> <p>(2) The Central Bank's regulation determines the conditions for granting licenses, the operating procedures for a financial holding company and banking group, and the procedures for supervision thereof.</p>	<p><u>Article 10 : Conditions d'octroi de licence à une société holding financière et un groupe bancaire</u></p> <p>(1) Une société holding financière ou un groupe bancaire se voient autorisés à exercer leur activité s'ils disposent d'une licence délivrée par la Banque centrale.</p> <p>(2) Le règlement de la Banque centrale détermine les conditions d'octroi des licences, les modalités de fonctionnement d'une société holding financière et d'un groupe bancaire et détermine les modalités de leur supervision.</p>

<p><u>Ingingo ya 11: Gushyiraho no kugenzura ishami rya banki y’inyamahanga</u></p> <p>Amabwiriza ya Banki Nkuru akena ibisabwa byihariye n’ibindi bikurikizwa mu gushyiraho no kugenzura ishami rya banki y’inyamahanga.</p> <p><u>Ingingo ya 12: Gushyiraho ibiro bihagarariye banki y’inyamahanga mu Rwanda</u></p> <p>(1) Banki Nkuru ishobora kwemerera banki y’inyamahanga gushyiraho ibiro biyihagarariye mu Rwanda.</p> <p>(2) Amabwiriza ya Banki Nkuru ashiraho ibisabwa kugira ngo ibiro bihagarariye banki y’inyamahanga mu Rwanda bihabwe uburenganzira n’ibirebana n’ibikorwa byabyo. Akena kandi ibikurikizwa mu kugenzura ibiro bihagarariye banki y’inyamahanga mu Rwanda.</p>	<p><u>Article 11: Establishment and supervision of a branch of a foreign bank</u></p> <p>The regulation of the Central Bank determines specific requirements and other modalities for the establishment and supervision of a branch of a foreign bank.</p> <p><u>Article 12: Establishment of a representative office of a foreign bank in Rwanda</u></p> <p>(1) The Central Bank may authorize a foreign bank to establish a representative office in Rwanda.</p> <p>(2) The Central Bank’s regulation determines the authorization and operational requirements of a representative office of a foreign bank in Rwanda. It also determines procedures for supervision of a representative office of a foreign bank in Rwanda.</p>	<p><u>Article 11 : Établissement et surveillance d’une branche d’une banque étrangère</u></p> <p>Le règlement de la Banque centrale détermine les exigences spécifiques et d’autres modalités pour l’établissement et la surveillance d’une branche d’une banque étrangère.</p> <p><u>Article 12 : Établissement d’un bureau de représentation d’une banque étrangère au Rwanda</u></p> <p>(1) La Banque centrale peut autoriser une banque étrangère à avoir un bureau de représentation au Rwanda.</p> <p>(2) Le règlement de la Banque centrale détermine les exigences relatives à l’autorisation et aux opérations d’un bureau de représentation d’une banque étrangère au Rwanda. Il détermine également les modalités de supervision d’un bureau de représentation d’une banque étrangère au Rwanda.</p>
---	---	---

<p><u>Ingingo ya 13:</u> Urutonde rw'amabanki, amasosiyete y'imari abumbye izindi, amatsinda y'amabanki n'ibiro bihagarariye banki z'inyamahanga mu Rwanda</p> <p>(1) Banki Nkuru ikora urutonde rw'amabanki, amasosiyete y'imari abumbye izindi, amatsinda y'amabanki n'ibiro bihagarariye banki z'inyamahanga mu Rwanda byemewe kandi igatangaza urwo rutonde ku rubuga rwayo rwa interineti.</p> <p>(2) Banki, amasosiyete y'imari abumbye izindi, amatsinda y'amabanki n'ibiro bihagarariye banki z'inyamahanga mu Rwanda bimanika uruhushya cyangwa uburenganzira bwabyo bwo gukora ku cyicaro gikuru cyabyo n'ahandi hose bikorera.</p>	<p><u>Article 13:</u> List of banks, financial holding companies, banking groups and representative offices of foreign banks in Rwanda</p> <p>(1) The Central Bank establishes a list of licensed banks, financial holding companies, banking groups and representative offices of foreign banks in Rwanda and publishes it on its website.</p> <p>(2) Banks, financial holding companies, banking groups and representative offices of foreign banks in Rwanda display their licence or authorisation at their principal office and at any place of business.</p>	<p><u>Article 13 :</u> Liste de banques, de sociétés holding financières, de groupes bancaires et de bureaux de représentation de banques étrangères au Rwanda</p> <p>(1) La Banque centrale établit une liste de banques, de sociétés holding financières, de groupes bancaires et de bureaux de représentation de banques étrangères au Rwanda agréés et la publie sur son site web.</p> <p>(2) Les banques, les sociétés holding financières, les groupes bancaires et les bureaux de représentation de banques étrangères au Rwanda agréés affichent leur licence ou autorisation à leur siège principal et à tout lieu d'activité.</p>
<p><u>Ingingo ya 14:</u> Impamvu zituma banki yamburwa uruhushya rwo gukora</p> <p>(1) Banki Nkuru ishobora kwambura banki uruhushya rwo gukora yahawe mu gihe icyo ari cyo cyose iyo –</p> <p>(a) hashize amezi atandatu banki itaratangira gukora uherye ku itariki yahereweho uruhushya rwo gukora;</p>	<p><u>Article 14:</u> Grounds for revocation of a licence granted to a bank</p> <p>(1) The Central Bank may revoke a licence granted to a bank at any time if –</p> <p>(a) the bank has not commenced operations within six months from the date on which the licence was granted;</p>	<p><u>Article 14 :</u> Motifs de révocation d'une licence octroyée à une banque</p> <p>(1) La Banque centrale peut retirer la licence accordée à une banque à tout moment si –</p> <p>(a) la banque n'a pas débuté des opérations dans les six mois à partir de la date d'octroi de la licence;</p>

Official Gazette n° 24 Bis of 10/06/2024

<p>(b) banki yahagaritse gukora mu gihe kirenze ukwezi kumwe;</p>	<p>(b) the bank has ceased operations for a period of more than one month;</p>	<p>(b) la banque a cessé ses opérations pendant une période de plus d'un mois;</p>
<p>(c) banki yabonye uruhushya rwo gukora hashingiwe ku makuru atari yo cyangwa mu buryo bw'uburiganya;</p>	<p>(c) the bank has obtained a licence to operate on the basis of false or fraudulent information;</p>	<p>(c) la banque a obtenu une licence d'exploitation sur la base d'informations fausses ou frauduleuses ;</p>
<p>(d) banki itacyujuje ibyashingiweho kugira ngo yemerwe;</p>	<p>(d) the bank no longer meets the applicable licensing criteria;</p>	<p>(d) la banque ne répond plus aux critères d'obtention de licence applicables;</p>
<p>(e) isosiyete ibyara banki iri guseswa;</p>	<p>(e) the parent company of the bank is undergoing liquidation;</p>	<p>(e) la société mère de la banque est en liquidation;</p>
<p>(f) banki ikora ibikorwa by'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba, gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbuzi n'ibindi bikorwa bigize ibyaha byo mu rwego rw'imari;</p>	<p>(f) the bank engages in money laundering and financing terrorism, the financing of proliferation of weapons of mass destruction and other constituent acts of financial offences;</p>	<p>(f) la banque se livre à des activités de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme, de financement de la prolifération des armes de destruction massive et à d'autres actes constitutifs des infractions financières ;</p>
<p>(g) banki ikora ibikorwa byatuma urwego rw'imari ruhungabana;</p>	<p>(g) the bank performs activities compromising the soundness of the financial sector;</p>	<p>(g) la banque mène des activités compromettant la solidité du secteur financier ;</p>
<p>(h) banki ikora serivisi za banki mu buryo bunyuranye n'inyungu z'abayibitsamo n'iza rubanda;</p>	<p>(h) the bank conducts banking services contrary to the interests of the depositors and the public;</p>	<p>(h) la banque effectue des opérations bancaires d'une manière contraire aux intérêts de ses déposants et du public ;</p>
<p>(i) banki itubahiriza amategeko agenga banki n'amabwiriza ajyanye n'ayo mategeko cyangwa amabwiriza</p>	<p>(i) the bank fails to comply with the banking laws, its corresponding regulations or the directives issued by</p>	<p>(i) la banque ne respecte pas les lois bancaires, les règlements correspondants ou les directives émises par la Banque</p>

<p>atangwa na Banki Nkuru ;</p> <p>(j) banki irimo guseswa;</p> <p>(k) banki yayibyaye itagifite uruhushya rwo gukora mu gihugu ifitemo icyicaro gikuru;</p> <p>(l) cyangwa indi mpamvu yagenwa na Banki Nkuru.</p> <p>(2) Banki yambuwe uruhushya rwo gukora, ikorerwa iseswa ritegetswe hubahirijwe ibikubiye muri iri tegeko, keretse Banki Nkuru ibitegetse ukundi.</p>	<p>the Central Bank;</p> <p>(j) the bank goes into liquidation;</p> <p>(k) the parent bank is no longer authorised to operate in its home country; or</p> <p>(l) any such other ground as may be determined by the Central Bank.</p> <p>(2) A bank from which the licence is revoked is subject to forced liquidation in accordance with the provisions of this Law, unless the Central Bank decides otherwise.</p>	<p>centrale;</p> <p>(j) la banque est mise en liquidation ;</p> <p>(k) la banque mère n'est plus autorisée à opérer dans son pays d'origine ; ou</p> <p>(l) tout autre motif pouvant être déterminé par la Banque centrale.</p> <p>(2) Une banque dont la licence est révoquée est soumise à une liquidation forcée conformément aux dispositions de la présente loi, à moins que la Banque centrale n'en décide autrement.</p>
<p><u>UMUTWE WA III: AMABWIRIZA Y'UBWIRINZI</u></p>	<p><u>CHAPTER III: PRUDENTIAL RULES</u></p>	<p><u>CHAPITRE III : RÈGLES PRUDENTIELLES</u></p>
<p><u>Icyiciro cya mbere: Imari shingiro n'amafaranga abitse</u></p>	<p><u>Section One: Capital and liquidity</u></p>	<p><u>Section première : Capital et liquidités</u></p>
<p><u>Ingingo ya 15: Imari shingiro itagibwa muni</u></p>	<p><u>Article 15: Minimum paid-up capital</u></p>	<p><u>Article 15 : Capital libéré minimal</u></p>
<p>(1) Imari shingiro itagibwa muni igomba kuba ingana nibura n'umubare ugenwa na Banki Nkuru n'umubare wamenyeshejwe mu nyandiko isaba ukwemererwa.</p>	<p>(1) The minimum paid-up capital of a bank must be at least equal to the minimum amount set by the Central Bank and to the amount declared in the license application.</p>	<p>(1) Le capital libéré minimal d'une banque doit être au moins égal au montant minimal fixé par la Banque centrale et au montant déclaré lors de la demande d'agrément.</p>

<p>(2) Iyo kongera imari shingiro itagibwa muni bitegetswe na Banki Nkuru, amafaranga atangwa mu gihe cyagenwe na Banki Nkuru.</p>	<p>(2) In case an increase of the minimum paid-up capital is required by the Central Bank, it is paid within the timeframe set by the Central Bank.</p>	<p>(2) Lorsque l'augmentation du capital libéré minimal est exigée par la Banque centrale, elle est libérée dans les délais fixés par la Banque centrale.</p>
<p><u>Ingingo ya 16: Ibigize imari shingiro yose</u></p>	<p><u>Article 16: Composition of total capital</u></p>	<p><u>Article 16 : Composition du capital total</u></p>
<p>Imari shingiro yose ya banki igizwe n'imari shingiro bwite n'imari shingiro y'inyongera nk'uko biteganywa n'amabwiriza ya Banki Nkuru.</p>	<p>A bank total capital is comprised of the core capital and the supplementary capital as defined by Central Bank regulation.</p>	<p>Un capital total d'une banque est constitué par le capital de base et le capital supplémentaire tels que définis par le règlement de la Banque centrale.</p>
<p><u>Ingingo ya 17: Igipimo cy'imari shingiro ihagije no kuzigamira imari shingiro</u></p>	<p><u>Article 17: Capital adequacy ratio and capital buffer</u></p>	<p><u>Article 17 : Ratio d'adéquation du capital et marge de capital</u></p>
<p>(1) Banki itegetswe guhorana igipimo cy'imari shingiro ihagije kigenwa n'amabwiriza ya Banki Nkuru.</p>	<p>(1) A bank is required to maintain at all times a capital adequacy ratio set by the Central Bank regulation.</p>	<p>(1) Une banque est tenue de maintenir en permanence un ratio d'adéquation du capital fixé par le règlement de la Banque centrale.</p>
<p>(2) Amabwiriza ya Banki Nkuru ashiraho ibisabwa mu igenwa ry'ibizigamirwa imari shingiro.</p>	<p>(2) The Central Bank's regulation determines capital buffer requirements.</p>	<p>(2) Un règlement de la Banque centrale détermine les exigences en matière de marge de capital.</p>
<p><u>Ingingo ya 18: Gusaba kongera igipimo cy'imari shingiro</u></p>	<p><u>Article 18: Requiring capital charges</u></p>	<p><u>Article 18 : Imposition de charges sur le capital</u></p>
<p>(1) Banki Nkuru ishobora gusaba kongera igipimo cy'imari shingiro mu rwego rwo guteganyiriza ingorane zaturuka ku bikorwa bya banki.</p>	<p>(1) The Central Bank may impose the capital charges to prevent risks that may arise in the process of banking activities.</p>	<p>(1) La Banque centrale peut imposer des charges sur le capital pour prévenir les risques susceptibles de surgir en cours d'exercice des activités bancaires.</p>

<p>(2) Banki Nkuru ishobora gusaba banki kugira igipimo cy'inyongera ku gipimo cy'imari shingiro kitagibwa munsu kiyifasha guhangana n'ibihe bibi mu gihe kizaza.</p>	<p>(2) The Central Bank may require a bank to maintain a capital buffer to enable it withstands future periods of distress.</p>	<p>(2) La Banque centrale peut exiger d'une banque qu'elle maintienne une marge de capital pour lui permettre de résister à de futures périodes de détresse.</p>
<p><u>Ingingo ya 19: Ibisabwa ku mafaranga abitse</u></p>	<p><u>Article 19: Liquidity requirements</u></p>	<p><u>Article 19 : Exigences de liquidités</u></p>
<p>(1) Banki icunga imitungo yayo, ibyishyurwa n'inshingano zitari mu ifoto y'umutungo, kugira ngo hishyurwe imyenda igejeje igihe kandi igateganya umutungo uhagije wakoresha mu kwishyura imyenda itunguranye.</p>	<p>(1) A bank manages its assets, liabilities and off-balance sheet obligations in a manner to fully meet its financial obligations as they fall due and avails sufficient capital buffer to cover unexpected obligations.</p>	<p>(1) Une banque gère son actif, son passif et ses engagements hors bilan afin de s'acquitter entièrement de ses obligations financières à leur échéance et prévoit suffisamment de marge de capital pour couvrir des engagements imprévus.</p>
<p>(2) Amabwiriza ya Banki Nkuru akena igipimo cy'amafaranga abitse ahoraho banki igomba kuba ifite n'ibindi bisabwa ku mafaranga abitse.</p>	<p>(2) The Central Bank's regulation, determines the liquidity ratio to be maintained by a bank and other liquidity requirements.</p>	<p>(2) Le règlement de la Banque centrale détermine le ratio de liquidité devant être maintenu par une banque et d'autres exigences de liquidités.</p>
<p><u>Icyiciro cya 2: Kugira imigabane no kwegurira undi uruhare rugaragara muri banki</u></p>	<p><u>Section 2: Shareholding and transfer of significant holding in a bank</u></p>	<p><u>Section 2 : Actionnariat et transfert de participation significative dans une banque</u></p>
<p><u>Ingingo ya 20: Igipimo ntarengwa cy'imigabane y'abagize banki</u></p>	<p><u>Article 20: Restrictions on shareholding in a bank</u></p>	<p><u>Article 20 : Restrictions sur l'actionnariat d'une banque</u></p>
<p>(1) Umuntu ku giti cye n'uwo bafitanye isano cyangwa isosiyete n'abafitanye isano na yo igenzurwa n'umuntu umwe ntibashobora kugira cyangwa</p>	<p>(1) A natural person including his or her related party, or a body corporate including its related party owned or controlled by one person must not directly</p>	<p>(1) Une personne physique, y compris sa personne apparentée, ou une société, y compris sa personne apparentée, détenue ou contrôlée par une seule</p>

<p>kwegurirwa ku buryo butaziguye cyangwa buziguye ibirenga 25% by'imigabane ya banki, keretse iyo ari ikigo cy'imari cyizewe, isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane yizewe, guverinoma y'inyamahanga, ikigo mpuzamahanga cyangwa undi muntu, babanje kubyemererwa na Banki Nkuru.</p> <p>(2) Ibivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo ntibireba Guverinoma y'u Rwanda n'inzego zayo.</p> <p>(3) Iyo umuntu afite imigabane muri banki mu buryo bunyuranyije n'ibivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, iyo migabane nta gaciro igira, ntimuhesha ububasha bwo gutora kandi nta nyungu ayibonamo.</p> <p><u>Ingingo ya 21:</u> Ibisabwa kugira ngo umuntu yegukane cyangwa yegurirwe uruhare rugaragara cyangwa icungwa ry'inyungu za banki</p> <p>(1) Umuntu ntiyemerewe kwegurirwa cyangwa kwegurira undi uruhare</p>	<p>or indirectly own or acquire more than 25% of the shares of a bank unless it is a reputable financial institution, a reputable public company, foreign government, international institution or any other person on conditions that they have been authorised by the Central Bank.</p> <p>(2) The provisions of Paragraph (1) of this Article do not apply to the Government of Rwanda and its organs.</p> <p>(3) Where a person holds shares in a bank in contravention of Paragraph (1) of this Article, that shareholding is void and does not entitle the holder to voting rights or dividends.</p> <p><u>Article 21:</u> Condition for acquisition or transfer of significant holding or controlling interest in a bank</p> <p>(1) A person shall not acquire or transfer directly or indirectly a significant holding</p>	<p>personne, ne doit pas détenir ou acquérir directement ou indirectement plus de 25% des actions d'une banque, à moins qu'il ne s'agisse d'une institution financière de bonne réputation, une société publique reconnue, un gouvernement étranger, une institution internationale ou toute autre personne à condition qu'ils soient autorisés par la Banque centrale.</p> <p>(2) Les dispositions du paragraphe (1) du présent article ne s'appliquent pas au Gouvernement du Rwanda et à ses organes.</p> <p>(3) Lorsqu'une personne détient des actions d'une banque en violation du paragraphe (1) du présent article, cette participation est nulle et ne lui donne pas droit au vote ni aux dividendes.</p> <p><u>Article 21 :</u> Condition d'acquisition ou de transfert de la participation significative ou de contrôle d'intérêt dans une banque</p> <p>(1) Une personne ne peut pas acquérir ou transférer directement ou indirectement</p>
--	---	---

<p>rugaragara cyangwa icungwa ry'inyungu za banki ku buryo buziguye cyangwa butaziguye atabihereye uruhushya na Banki Nkuru.</p>	<p>or controlling interest in a bank without prior authorisation from the Central Bank.</p>	<p>une participation significative ou de contrôle d'intérêt dans une banque sans autorisation préalable de la Banque centrale.</p>
<p>(2) Uruhare rugaragara cyangwa icungwa ry'inyungu za banki umuntu yahawe nta ruhushya rwa Banki Nkuru nta gaciro bigira. Umuntu weguriwe imigabane atabanje kubibonera uruhushya atakaza uburenganzira bwo kuyibonaho inyungu, uburenganzira bwo gutora n'ubundi burenganzira bwose bushingiye kuri iyo migabane.</p>	<p>(2) Significant holding or controlling interests acquired without prior authorisation from the Central Bank become void. A person who acquires shares without authorisation loses his or her right to receive dividends, the voting right and other rights attached to the shares.</p>	<p>(2) Les participations significatives ou les participations de contrôle acquises sans l'autorisation préalable de la Banque centrale deviennent nulles et non avenues. Une personne ayant acquis des actions sans autorisation préalable perd le droit à la perception des dividendes, le droit de vote et tous les autres droits se rattachant à ces actions.</p>
<p>(3) Banki Nkuru ishobora guhagarika by'agateganyo cyangwa burundu umunyamigabane wanyuranyije n'ibiteganywa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo. Iyo habayeho ihagarikwa rya burundu, imigabane y'uwo munyamigabane yegurirwa undi munyamigabane muri banki cyangwa ikagurishwa ku munyamigabane mushya.</p>	<p>(3) The Central Bank may suspend provisionally or definitively a shareholder who violated the provision of Paragraph (1) of this Article. In case of definitive suspension, shares allocated to that shareholder are transferred to another shareholder of the bank or sold to a new shareholder.</p>	<p>(3) La Banque centrale peut suspendre provisoirement ou définitivement un actionnaire qui a violé la disposition du paragraphe (1) du présent article. En cas de suspension définitive, les actions attribuées à cet actionnaire sont transférées à un autre actionnaire de la banque existant ou vendues à un nouvel actionnaire.</p>
<p><u>Ingingo ya 22: Iyipimo by'igenzura ry'imigabane y'abagize banki</u></p>	<p><u>Article 22: Supervisory thresholds of the shareholding of a bank</u></p>	<p><u>Article 22 : Seuils de contrôle de l'actionnariat d'une banque</u></p>
<p>(1) Iyo hari umuntu ushaka kwegurira undi cyangwa kongera uruhare rugaragara ku buryo ikigereranyo cy'uburenganzira bwo gutora cyangwa cy'imigabane afite</p>	<p>(1) If a person intends to transfer or increase his or her significant holding in a bank so that the proportion of voting rights or of the shares held by that person, directly or</p>	<p>(1) Lorsqu'une personne a l'intention de transférer ou d'augmenter sa participation significative dans une banque, de sorte que la proportion des droits de vote ou</p>

<p>muri banki mu buryo butaziguye cyangwa buziguye byangana cyangwa bigasumba ibipimo by'igenzura ry'imigabane muri banki, banki igomba kubanza kubiharerwa uruhushya na Banki Nkuru.</p> <p>(2) Amabwiriza ya Banki Nkuru ashiraho ibipimo by'igenzura mu kwegurirwa cyangwa kongera uruhare rugaragara rw'imigabane ya banki.</p> <p><u>Ingingo ya 23: Impamvu zatumye Banki Nkuru yanga kwemeza kongera, kwegurirwa cyangwa kwegurira undi imigabane</u></p> <p>Banki Nkuru ishobora kwanga kwemeza kongera, kwegurirwa cyangwa kwegurira undi imigabane iyo –</p> <p>(a) byahungabanya imicungire myiza ya banki cyangwa imari yayo;</p> <p>(b) byatumye umuntu agira imbaraga mu buryo budasanzwe, byatumye yiharira isoko cyangwa byahungabanya cyane ihiganwa;</p> <p>(c) byabangamira inyungu z'ababitsa muri banki;</p>	<p>indirectly, may reach or exceed the supervisory thresholds of the shareholding of a bank, the bank must obtain prior authorisation from the Central Bank.</p> <p>(2) The Central Bank's regulation sets supervisory thresholds in the transfer or increase of the significant shareholding of a bank.</p> <p><u>Article 23: Grounds for rejection by the Central Bank of a proposal for increase, acquisition or transfer of shares</u></p> <p>The Central Bank may reject any proposal of any increase, acquisition, or transfer of shares that may –</p> <p>(a) compromise the quality of the bank's management or its financial soundness;</p> <p>(b) give rise to undue influence, result in a monopoly or otherwise substantially lessen competition;</p> <p>(c) jeopardize the interests of the bank's depositors;</p>	<p>d'actions qu'elle détient directement ou indirectement soit égale ou supérieure aux seuils de contrôle de l'actionnariat d'une banque, la banque doit obtenir une autorisation préalable de la Banque centrale.</p> <p>(2) Le règlement de la Banque centrale établit les seuils de contrôle dans le transfert et l'augmentation de la participation significative dans une banque.</p> <p><u>Article 23 : Motif du refus de proposition d'augmentation, d'acquisition ou de transfert d'actions par la Banque centrale</u></p> <p>La Banque centrale peut refuser toute proposition d'augmentation, d'acquisition ou de transfert d'actions qui –</p> <p>(a) compromet la qualité de gestion de la banque ou sa solidité financière;</p> <p>(b) donne lieu à une influence indue, entraîne un monopole ou réduit substantiellement la concurrence;</p> <p>(c) porte préjudice aux intérêts des déposants de la banque ;</p>
---	--	--

<p>(d) byadindiza imigenzurire ikwiye ya banki;</p> <p>(e) cyangwa byabangamira iseswa riboneye rya banki.</p> <p><u>Ingingo va 24:</u> Kumenyekanisha ukutubahiriza uruhare rugaragara</p> <p>Umuntu wese mu bagize Inama y'Ubutegetsi, uri mu buyobozi cyangwa umugenzuzi wigenga ategetswe kumenyeshya Banki Nkuru akimara kumenya ko hari umuntu utubahirije ingingo zirebana no kugira uruhare rugaragara.</p> <p><u>Ingingo va 25:</u> Ibitegekwa abanyamigabane bafite uruhare rugaragara muri banki</p> <p>Banki Nkuru ishobora gutegeka abanyamigabane bafite uruhare rugaragara cyangwa bacunga inyungu za banki kongera cyangwa kugabanya umubare w'imigabane bafite mu gihe ari ngombwa mu miterere ya banki.</p> <p><u>Icyiciro cya 3:</u> Kwibumbira hamwe kw'amabanki</p>	<p>(d) hinder effective supervision of the bank; or</p> <p>(e) creates obstacles to the orderly resolution of the bank.</p> <p><u>Article 24:</u> Disclosure of violation of significant holding</p> <p>Any member of the Board of Directors, the management, or any external auditor is required to inform the Central Bank immediately after obtaining knowledge that a person has violated provisions relating to significant holding.</p> <p><u>Article 25:</u> Obligations imposed on significant shareholders in a bank</p> <p>The Central Bank may impose obligations on shareholders with a significant holding or controlling interest in a bank to increase or reduce the number of shares held in a bank if the situation of the bank so requires.</p> <p><u>Section 3:</u> Amalgamation of banks</p>	<p>(d) entrave l'efficacité du contrôle de la banque; ou</p> <p>(e) crée des obstacles à la résolution ordonnée de la banque.</p> <p><u>Article 24 :</u> Communication de la violation de la participation significative</p> <p>Tout membre du Conseil d'administration, de la direction ou tout auditeur externe est tenu d'informer immédiatement la Banque centrale dès qu'il a connaissance de la violation des dispositions relatives à la participation significative.</p> <p><u>Article 25 :</u> Obligations imposées aux actionnaires significatifs dans une banque</p> <p>La Banque centrale peut imposer des obligations aux actionnaires détenant une participation significative ou de contrôle d'intérêt dans une banque d'augmenter ou réduire le nombre d'actions détenues dans une banque si la situation de la banque l'exige.</p> <p><u>Section 3 :</u> Fusion de banques</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 26:</u> Uburenganzira bwo kwibumbira hamwe kw'amabanki</p> <p>Bitabangamiye ibiteganywa n'itegeko rigenga amasosiyete y'ubucuruzi n'itegeko rigenga ihiganwa mu bucuruzi, Banki Nkuru ni yo itanga uburenganzira bwo kwibumbira hamwe kw'amabanki.</p>	<p><u>Article 26:</u> Authorisation of the amalgamation of banks</p> <p>Without prejudice to the provisions of the law governing companies as well as the competition law, the Central Bank grants the authorisation of the amalgamation of banks.</p>	<p><u>Article 26 :</u> Autorisation de fusion de banques</p> <p>Sans préjudice des dispositions de la loi régissant les sociétés commerciales et de la loi relative à la concurrence, c'est la Banque centrale qui octroie l'autorisation de fusion de banques.</p>
<p><u>Ingingo ya 27:</u> Ubusabe bwo kwibumbira hamwe kw'amabanki</p> <p>Amabwiriza ya Banki Nkuru akena uburyo bwo gusaba kubumbira hamwe amabanki.</p>	<p><u>Article 27:</u> Application for amalgamation of banks</p> <p>The Central Bank's regulation sets procedures for application for amalgamation of banks.</p>	<p><u>Article 27 :</u> Demande de fusion de banques</p> <p>Un règlement de la Banque centrale détermine la procédure de demande de fusion des banques.</p>
<p><u>Iciviro cya 4:</u> Amabwiriza yubahirizwa mu bikorwa bya banki</p>	<p><u>Section 4:</u> Restrictions on operations of Banks</p>	<p><u>Section 4 :</u> Restrictions sur les opérations de banques</p>
<p><u>Ingingo ya 28:</u> Amabwiriza mu kwishyura inyungu ku migabane</p> <p>(1) Banki ntishobora kumenyekanisha, gutanga, kwishyura cyangwa kohereza mu mahanga inyungu iyo ari yo yose ku migabane cyangwa urundi rwunguko mbere y'uko –</p> <p>(a) amafaranga yose yakoreshejwe akomoka ku mari shingiro, akubiyemo amafaranga y'ibanze mu gutangira n'ayerekeye ishingwa rya</p>	<p><u>Article 28:</u> Restrictions on payment of dividends</p> <p>(1) A bank cannot declare, credit, pay or transfer abroad any dividend or make any other transfer from profits until –</p> <p>(a) all its capitalised expense, including preliminary expenses and those relating to its incorporation, share selling commission, brokerage, loss</p>	<p><u>Article 28 :</u> Restrictions sur le paiement de dividendes</p> <p>(1) Une banque ne peut déclarer, créditer, payer ou transférer à l'étranger un dividende ni effectuer tout autre transfert des bénéfices avant que –</p> <p>(a) toutes ses dépenses capitalisées, y compris les dépenses préliminaires et celles en relation avec sa constitution, la commission sur les ventes</p>

<p>banki, amafaranga yishyurwa abakora imirimo y'ubucuruzi bw'imigabane, gucuruza imigabane, igihombo cyagaragaye n'ibindi bihombu bitagaragazwa mu mitungo ifatika byose bikurwaho;</p> <p>(b) ibyatubije umutungo n'ibiteganyijwe kongera imari shingiro byitabwaho;</p> <p>(c) ingoboka zikwiye zikorwa uko Banki Nkuru ibiteganya hakurikijwe imyenda itarishyuwe neza.</p> <p>(2) Gutanga agahimbazamusyi ku nyungu z'imigabane bifatwa nko gutanga inyungu ku migabane.</p> <p>(3) Umushinga wose wo kumenyekanisha inyungu ku migabane bikoze n'Inama y'Ubutegetsi ugomba kumenyeshwa Banki Nkuru mu buryo buteganywa na Banki Nkuru.</p> <p><u>Ingingo ya 29: Amabwiriza yubahirizwa mu masezerano banki ikorana n'umuntu ufitanye isano na banki n'abantu bahujwe n'inyungu</u></p> <p>(1) Amasezerano yose banki ikorana n'umuntu ufitanye isano na yo</p>	<p>incurred and any other item of expense not represented by tangible assets, have been completely written off;</p> <p>(b) expenses and buffers in its capital have been considered;</p> <p>(c) adequate provisions, to the satisfaction of the Central Bank, has been made in respect of non-performing loans.</p> <p>(2) Issuing bonus shares out of profits is considered to be a payment of dividends.</p> <p>(3) Any proposal of dividend declaration by the Board of Directors must be notified to the Central Bank in the manner that is prescribed by the Central Bank.</p> <p><u>Article 29: Restrictions on transactions that a bank undertakes with a bank-related party and interconnected parties</u></p> <p>(1) All transactions that a bank undertakes with a bank-related party and</p>	<p>d'actions, le courtage, la perte encourue et toute autre dépense non représentée par les valeurs matérielles, soient complètement amorties;</p> <p>(b) les dépenses et les marges dans son capital soient prises en compte;</p> <p>(c) des provisions adéquates, à la satisfaction de la Banque centrale, soient constituées en ce qui concerne les créances douteuses.</p> <p>(2) La distribution des bonus sur les actions est considérée comme un paiement de dividendes.</p> <p>(3) Toute proposition de déclaration de dividendes par le Conseil d'administration doit être notifiée à la Banque centrale selon les modalités prescrites par cette dernière.</p> <p><u>Article 29 : Restrictions sur les transactions de la banque avec la personne apparentée à la banque et les parties liées</u></p> <p>(1) Toutes les transactions de la banque avec une personne apparentée à la</p>
---	--	--

<p>agomba gukorwa ku buryo bumwe nk'ubukoreshwa n'iyo banki kuri rubanda, uretse abayobozi bakuru bashobora kubona ibyo bagenerwa mu rwego rw'ibihembo.</p> <p>(2) Amabwiriza ya Banki Nkuru akena ibigenderwaho na banki mu gihe igirana amasezerano n'abantu bafitanye isano na yo n'abantu bahujwe n'inyungu.</p>	<p>interconnected parties are conducted according to the same modalities as those that the bank offers to the public except senior managers that may benefit from the overall remuneration package benefits.</p> <p>(2) The Central Bank's regulation determines conditions that a bank considers when dealing with a bank-related party and interconnected parties.</p>	<p>banque les parties liées sont effectuées selon les mêmes modalités que celles qu'elle offre au public à l'exception des dirigeants qui peuvent bénéficier des avantages du paquet global de rémunération.</p> <p>(2) Le règlement de la Banque centrale détermine les conditions sur lesquelles la banque se base en effectuant des transactions avec des personnes apparentées à la banque et les parties liées.</p>
<p><u>Ingingo ya 30: Kubuzwa gukoresha imigabane nk'ingwate</u></p> <p>Banki ntiyemerewe guha umunyamigabane inguzanyo iyo atanze imigabane ayifitemo nk'ingwate.</p>	<p><u>Article 30: Restriction on the use of bank's shares as a collateral</u></p> <p>A bank is not allowed to grant any credit facility to the shareholder against the security or collateral of his or her own shares.</p>	<p><u>Article 30 : Restriction sur l'utilisation des actions bancaires comme garantie</u></p> <p>Une banque n'est pas autorisée à accorder un crédit à l'actionnaire contre la sécurité ou la garantie de ses actions.</p>
<p><u>Ingingo ya 31: Amabwiriza yubahirizwa na banki mu gukora ishoramari rinini</u></p> <p>(1) Ishoramari rinini ntirikorwa na banki itabanje kubyemererwa na Banki Nkuru.</p> <p>(2) Mu isuzuma ry'isaba rya banki ryo gukora ishoramari rinini, Banki Nkuru igomba kubanza kureba niba</p>	<p><u>Article 31: Restrictions on major investment of banks</u></p> <p>(1) A major investment shall not be undertaken by a bank without prior approval of the Central Bank.</p> <p>(2) In assessing the major investment application of a bank, the Central Bank must ensure that such investment shall not–</p>	<p><u>Article 31 : Restrictions sur l'investissement majeur des banques</u></p> <p>(1) Un investissement majeur n'est pas entrepris par une banque sans l'approbation préalable de la Banque centrale.</p> <p>(2) Lors de l'évaluation de la demande d'investissement majeur d'une banque, la Banque centrale doit</p>

<p>iryo shoramari –</p> <p>(a) ritahungabanya imicungire myiza ya banki cyangwa imari yayo;</p> <p>(b) ritabangamira uburenganzira bw’ababitsa muri banki;</p> <p>(c) ritabangamira ubugenzuzi ngenderwaho bwa banki; kandi</p> <p>(d) ritashyira banki mu ngorane zitari ngombwa.</p> <p>(3) Banki Nkuru kandi igomba kureba ko banki ifite imiyoborere n’imiterere bikwiye mu gucunga ishoramari rinini.</p> <p>(4) Banki Nkuru, ikoresheje amabwiriza, igena ibisabwa n’uburyo banki ikoresha mu gusaba gukora ishoramari rinini.</p>	<p>(a) undermine the bank’s management and financial soundness;</p> <p>(b) jeopardize the rights of its depositors;</p> <p>(c) hinder effective prudential supervision of the bank; and</p> <p>(d) expose the bank to undue risks.</p> <p>(3) The Central Bank must also ensure that a bank has adequate managerial and organisational resources to handle the major investment.</p> <p>(4) The Central Bank, by regulation, determines requirements and procedures for a bank’s application to make a major investment.</p>	<p>s’assurer que cet investissement –</p> <p>(a) ne nuit pas à la bonne gestion et à la solidité financière de la banque ;</p> <p>(b) ne compromet pas les droits de ses déposants ;</p> <p>(c) n’entrave pas le contrôle prudentiel efficace de la banque ; et</p> <p>(d) n’expose pas la banque à des risques indus.</p> <p>(3) La Banque centrale doit s’assurer également qu’une banque dispose de ressources de gestion et d’organisation adéquates pour gérer l’investissement majeur.</p> <p>(4) La Banque centrale, par voie de règlement, détermine les conditions et les procédures pour la demande d’une banque de réaliser un investissement majeur.</p>
<p><u>Ingingo ya 32: Kubuzwa gukora ubundi bucuruzi no kwegukana imitungo itimukanwa</u></p> <p>(1) Banki ntishobora gukora mu buryo butaziguye cyangwa buziguye</p>	<p><u>Article 32: Restrictions in other trading activities and acquisition of immovable properties</u></p> <p>(1) A bank shall not engage directly or indirectly in business activities other than</p>	<p><u>Article 32 : Restrictions à d’autres activités commerciales et à l’acquisition des biens immobiliers</u></p> <p>(1) Une banque ne peut pas s’engager directement ou indirectement dans des</p>

<p>ibikorwa by'ubucuruzi bitemewe n'iri tegeko cyangwa kwegukana imitungo itimukanwa, keretse bikomoka ku mwenda iberewemo.</p> <p>(2) icyakora, banki ishobora kwegukana umutungo utimukanwa uwo ari wo wose cyangwa ubundi burenganzira kuri wo mu gihe ibona ko ari ngombwa mu bikorwa byayo cyangwa ari ugufasha abakozi bayo, iyo kwegukana umutungo bitarengeje ijanisha ry'imari shingiro bwite ya banki igenwa na Banki Nkuru.</p> <p>(3) Banki Nkuru igena igihe banki igomba kumarana umutungo yabonye hashingiwe ku bivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo.</p>	<p>those permitted under this Law or acquire immovable properties except for the satisfaction of debt due to it.</p> <p>(2) However, a bank may acquire any immovable property or any right over it as may be necessary for the purpose of conducting its business or providing services for its staff, if the cost of the property does not exceed a percentage of the bank's core capital fixed by the Central Bank.</p> <p>(3) The Central Bank determines the time during which a bank can hold assets acquired as provided for in Paragraph (1) of this Article.</p>	<p>activités commerciales autres que celles autorisées par la présente loi ou dans l'acquisition de biens immobiliers sauf en cas de satisfaction de dette qui lui est due.</p> <p>(2) Toutefois, une banque peut acquérir des biens immobiliers ou un droit sur ceux-ci si cela est nécessaire pour lui permettre de mener ses affaires ou de fournir des services à son personnel, lorsque le coût de la propriété n'excède pas un certain pourcentage du capital principal fixé par la Banque centrale.</p> <p>(3) La Banque centrale détermine la durée pendant laquelle la banque peut détenir les actifs acquis conformément aux dispositions du paragraphe (1) du présent article.</p>
<p><u>Ingingo ya 33: Amabwiriza ngenderwaho ku mafaranga abikijwe hagati y'amabanki</u></p> <p>(1) Banki Nkuru, ikoresheje amabwiriza, ishyiraho ijanisha ry'amafaranga banki yemerewe gushyira kuri konti cyangwa kubitsa mu yandi mabanki cyangwa ibigo by'imari hashingiwe ku mari shingiro yayo.</p>	<p><u>Article 33: Restrictions on inter-bank placement or deposits</u></p> <p>(1) The Central Bank, by regulation, sets a percentage of the bank's core capital for which a bank can place or make deposits in other banking or financial institutions.</p>	<p><u>Article 33 : Restrictions au placement ou aux dépôts interbancaires</u></p> <p>(1) La Banque centrale fixe par règlement le pourcentage du capital principal de la banque pour lequel une banque peut faire des placements ou dépôts dans les institutions bancaires ou financières.</p>

<p>(2) Ibikorwa byo gushyira kuri konti cyangwa kubitsa amafaranga hagati ya banki n'indi cyangwa mu bigo by'imari bifitanye isano na banki yabikije bifatwa nk'ibikozwe n'umuntu ufitanye isano na banki kandi hakubahirizwa amabwiriza ajyanye na byo.</p> <p><u>Ingingo ya 34: Amabwiriza ngenderwaho yihariye</u></p> <p>(1) Banki Nkuru ishobora gushyiriraho banki, itsinda ry'amabanki cyangwa isosiyete y'imari ibumbye izindi amabwiriza ngenderwaho yihariye hashingiwe ku mirimo yayo, sitati zayo, ingano yayo n'imiterere n'uburemere by'imirimo yayo.</p> <p>(2) Banki Nkuru ifite ububasha bwo guhindura amabwiriza ngenderwaho kuri banki, itsinda ry'amabanki cyangwa ku isosiyete y'imari ibumbye izindi, hashingiwe ku ngorane ashobora guhura na zo no ku kamaro kayo.</p> <p><u>Iciviro cya 5: Imicungire y'ibyateza ingorane, ishyirwa mu byiciro ry'imyenda n'iteganywa ry'amafaranga y'ingoboka</u></p>	<p>(2) Placements or deposits between affiliated banks or affiliated financial institutions are considered as bank - related party transactions and are subject to the relevant regulations.</p> <p><u>Article 34: Specific prudential requirements</u></p> <p>(1) The Central Bank may establish specific prudential requirements applicable to a bank, banking group or financial holding company based on their activities, statutes, size, nature of businesses as well as the complexity.</p> <p>(2) The Central Bank has the power to modify any prudential requirements for a bank, banking group or financial holding company based on their risk profile and systemic importance.</p> <p><u>Section 5: Risk management, credit classification and provisioning</u></p>	<p>(2) Les placements ou les dépôts entre les banques affiliées ou les institutions financières affiliées sont considérés comme des opérations d'une partie apparentée à la banque et sont soumis aux règlements y relatifs.</p> <p><u>Article 34 : Règles prudentielles particulières</u></p> <p>(1) La Banque centrale peut établir des règles prudentielles particulières applicables à une banque, à un groupe bancaire ou à une société holding financière en fonction de leurs activités, de leurs statuts, de leur taille ainsi que de la nature et de la complexité de leurs activités.</p> <p>(2) La Banque centrale a le pouvoir de modifier toute règle prudentielle pour une banque, un groupe bancaire ou une société holding financière en fonction de leur profil de risque et de leur importance systémique.</p> <p><u>Section 5 : Gestion des risques, classification des crédits et provisions</u></p>
---	---	--

<u>Ingingo ya 35: Uburyo bw'imicungire y'ibyateza ingorane</u>	<u>Article 35: Risk management process</u>	<u>Article 35 : Processus de gestion des risques</u>
<p>(1) Banki ishyiraho gahunda ihamye yo gucungana n'icyateza ingorane binyuze mu kugaragaza, gufata ingamba, gusesengura, kugenzura, gutanga raporo no gukurikirana cyangwa kugabanya buri gihe icyateza ingorane. Iyo gahunda igaragaza uburyo Inama y'Ubutegetsi n'ubuyobozi bukuru bakora ingenzura.</p>	<p>(1) A bank adopts a comprehensive risk management framework to identify, measure, evaluate, monitor, make reports and control or mitigate all material risks on a regular basis. This framework includes also an effective oversight by the Board of Directors and senior management.</p>	<p>(1) Une banque adopte un cadre complet de gestion des risques pour identifier, mesurer, évaluer, surveiller, faire des rapports et contrôler ou atténuer tous les risques matériels au moment opportun. Ce cadre inclut également une surveillance efficace effectuée par le Conseil d'administration et la direction générale.</p>
<p>(2) Banki ingenzura ubushobozi bw'imari shingiro n'amafaranga abitse ugereranyije n'ingorane ifite, ingaruka zerekeye isoko n'ubukungu bwagutse.</p>	<p>(2) The bank assesses the adequacy of its capital and liquidity in relation to its risk profile, market and macroeconomic conditions.</p>	<p>(2) La banque évalue l'efficacité de son capital et sa liquidité par rapport à son profil de risque, à son marché et à ses conditions macroéconomiques.</p>
<p>(3) Uburyo bwo gucungana n'icyateza ingorane bwita kuri ibi bikurikira:</p> <p>(a) icyateza ingorane ku nguzanyo;</p> <p>(b) icyateza ingorane ku mafaranga abitse;</p> <p>(c) icyateza ingorane ku bikorwa bya banki;</p> <p>(d) icyateza ingorane zerekeye imiterere y'isoko;</p>	<p>(3) The risk management framework takes into consideration the following:</p> <p>(a) the credit risks;</p> <p>(b) the liquidity risks;</p> <p>(c) the operational risks of banks;</p> <p>(d) the market risks;</p>	<p>(3) Le cadre de gestion des risques prend en compte ce qui suit :</p> <p>(a) les risques de crédit ;</p> <p>(b) les risques des liquidités ;</p> <p>(c) les risques opérationnels des banques;</p> <p>(d) les risques du marché ;</p>

<p>(e) icyateza ingorane zerekeye igihugu n'izerekeye ihererekanya;</p> <p>(f) icyateza ingorane zishingiye ku ngamba zafashwe;</p> <p>(g) icyateza ingorane ziyanye n'ikoranabuhanga n'umutekano w'ibijyanye n'ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho;</p> <p>(h) icyateza ingorane ziyanye no kudakurikiza amategeko;</p> <p>(i) icyateza ingorane mu rwego rw'imari zifitanye isano n'imihindagurikire y'ibihe;</p> <p>(j) ikindi cyose banki isanga gishobora guteza ingorane;</p> <p>(4) Amabwiriza ya Banki Nkuru ashiraho uburyo bwo gucungana n'icyateza ingorane.</p>	<p>(e) the country and transfer risks;</p> <p>(f) the strategic risks;</p> <p>(g) the technology and cybersecurity risks;</p> <p>(h) the legal and compliance risk;</p> <p>(i) climate-related financial risks;</p> <p>(j) any other risk that a bank considers possible.</p> <p>(4) The Central Bank's regulation establishes the risk management framework.</p>	<p>(e) les risques de pays et les risques de transfert;</p> <p>(f) les risques stratégiques;</p> <p>(g) les risques liés à la technologie et à la cyber sécurité;</p> <p>(h) les risques juridiques et de conformité;</p> <p>(i) les risques financiers liés au climat;</p> <p>(j) tout autre risque qu'une banque trouve nécessaire.</p> <p>(4) Le règlement de la Banque centrale établit le cadre de gestion des risques.</p>
<p><u>Ingingo va 36:</u> Ishyirwa mu byiciro ry'imyenda n'iteganywa ry'amafaranga y'ingoboka</p> <p>(1) Banki ishyira mu byiciro imyenda yayo</p>	<p><u>Article 36:</u> Credit classification and provisioning</p> <p>(1) A bank classifies its loans and</p>	<p><u>Article 36 :</u> Classification des crédits et provisions</p> <p>(1) Une banque classifie ses crédits et</p>

<p>kandi igahorana igihe cyose gahunda inoze yo guteganyiriza ingoboka.</p> <p>(2) Amabwiriza ya Banki Nkuru akena uburyo gushyira imyenda mu byiciro no guteganyiriza ingoboka ku myenda bikorwa.</p>	<p>maintains at all times an appropriate and adequate provisioning level.</p> <p>(2) The Central Bank's regulation determines the criteria for loans classification and provisioning levels.</p>	<p>maintient à tout moment un niveau de provisions adéquat.</p> <p>(2) Le règlement de la Banque centrale détermine les critères de classification des crédits et les niveaux de provisions.</p>
<p><u>UMUTWE WA IV: IMIYOBORERE YA BANKI</u></p>	<p><u>CHAPTER IV: GOVERNANCE OF A BANK</u></p>	<p><u>CHAPITRE IV: GOUVERNANCE D'UNE BANQUE</u></p>
<p><u>Ingingo va 37: Inshingano z'abanyamigabane mu miyoborere ya banki</u></p>	<p><u>Article 37: Responsibilities of shareholders in bank governance</u></p>	<p><u>Article 37 : Attributions des actionnaires dans la gouvernance d'une banque</u></p>
<p>Bitabangamiye ibiteganywa n'itegeko rigenga amasoyete y'ubucuruzi, mu miyoborere ya banki abanyamigabane bagira inshingano zikurikira:</p> <p>(a) kumenya ko abantu bafitiwe icyizere kandi bazwiho ubushobozi ari bo bonyine batorerwa kuba abagize Inama y'Ubutegetsi;</p> <p>(b) kumenya niba Inama y'Ubutegetsi buri gihe ikurikirana ko banki ifite imiyoborere myiza kandi itanga umusaruro;</p> <p>(c) guhindura abagize Inama y'Ubutegetsi iyo idakora neza ngo itange umusaruro</p>	<p>Without prejudice to the provisions of the law governing companies, the shareholders of a bank have the following responsibilities in bank governance:</p> <p>(a) to ensure that only persons who are trustworthy and competent are elected as members of the Board of Directors;</p> <p>(b) to ensure that the Board of Directors are regularly held accountable for the efficient and effective governance of the bank;</p> <p>(c) to change the composition of the Board of Directors in case of</p>	<p>Sans préjudice des dispositions de la loi régissant les sociétés commerciales, les actionnaires d'une banque ont les attributions suivantes dans la gouvernance d'une banque:</p> <p>(a) s'assurer que seules les personnes fiables et compétentes sont élues comme membres du Conseil d'administration;</p> <p>(b) s'assurer que le Conseil d'administration est constamment tenu responsable d'une gouvernance efficiente et efficace de la banque;</p> <p>(c) changer la composition du Conseil d'administration en cas d'inefficacité</p>

<p>witezwe cyangwa kubahindura hakurikijwe inshingano za banki;</p> <p>(d) kumenya ko abagize Inama y'Ubutegetsi bafite ubushobozi kandi ko ubumenyi bwabo buri mu ngeri zitandukanye.</p> <p><u>Ingingo ya 38: Inshingano z'Inama y'Ubutegetsi</u></p> <p>Bitabangamiye ibiteganywa n'itegeko rigenga amasosiyete y'ubucuruzi, Inama y'Ubutegetsi ya banki ifite inshingano zikurikira:</p> <p>(a) kuyobora ibikorwa bya banki no kumenya uburyo banki iyobowe hagamijwe kurinda ukutajegajega kwayo;</p> <p>(b) kwemeza ingamba na politiki banki igenderaho mu mirimo yayo;</p> <p>(c) gushyiraho no guhindura ubuyobozi bukuru iyo ari ngombwa, no kugena gahunda ihamye y'uko ubuyobozi busimburana;</p> <p>(d) kureberera ubuyobozi bukuru bwa banki mu rwego rwo kugenzurana;</p>	<p>inefficiency or in accordance with the mission of the bank;</p> <p>(d) to ensure that members of the Board of Directors are qualified and possess a variety of skills.</p> <p><u>Article 38: Responsibilities of Board of Directors</u></p> <p>Without prejudice to the provisions of the law governing companies, the Board of Directors of a bank has the following responsibilities:</p> <p>(a) to manage the operations of a bank and monitor the administration of the bank to ensure its soundness;</p> <p>(b) to approve the business strategy and policies of a bank;</p> <p>(c) to appoint and replace where necessary members of senior management and to determine an appropriate plan for succession;</p> <p>(d) to oversee the senior management of a bank as part of checks and balances;</p>	<p>ou en conformité avec la mission d'une banque;</p> <p>(d) s'assurer que les membres du Conseil d'administration sont qualifiés et possèdent une variété de compétences.</p> <p><u>Article 38 : Attributions du Conseil d'administration</u></p> <p>Sans préjudice des dispositions de la loi régissant les sociétés commerciales, le Conseil d'administration d'une banque a les attributions suivantes :</p> <p>(a) diriger les opérations de la banque et assurer le suivi de l'administration de la banque en vue d'assurer sa solidité;</p> <p>(b) approuver la stratégie et les politiques de l'activité de la banque;</p> <p>(c) nommer et remplacer si nécessaire les membres de la direction générale et déterminer un plan approprié de remplacement;</p> <p>(d) superviser la direction générale de la banque dans le cadre de contre-pouvoirs;</p>
---	---	---

<p>(e) kurengera inyungu zemewe n'amategeko z'abanyamigabane, ababikije amafaranga n'abandi bafatanyabikorwa ba banki;</p> <p>(f) kugenzura niba banki ifite imibanire myiza n'abayigenzura;</p> <p>(g) gukora izindi nshingano Inama y'Ubutegetsi yahabwa ziteganywa mu yandi mategeko.</p>	<p>(e) to safeguard the legitimate interests of shareholders, depositors and other relevant stakeholders of a bank;</p> <p>(f) to ensure that a bank maintains an effective relationship with its supervisors;</p> <p>(g) to perform any other activity as may be assigned to the Board of Directors by other laws.</p>	<p>(e) protéger les intérêts légitimes des actionnaires, des déposants et d'autres parties prenantes de la banque;</p> <p>(f) s'assurer que la banque maintient un rapport efficace avec ses superviseurs;</p> <p>(g) s'acquitter de toute autre tâche qui peut lui être assignée par d'autres lois.</p>
<p><u>Ingingo ya 39:</u> Komite z'Inama y'Ubutegetsi</p>	<p><u>Article 39:</u> Committees of the Board of Directors</p>	<p><u>Article 39 :</u> Comités du Conseil d'administration</p>
<p>(1) Inama y'Ubutegetsi ya banki ishyiraho Komite z'Inama y'Ubutegetsi ziyifasha gukora inshingano zayo.</p>	<p>(1) The Board of Directors of a bank establishes committees of the Board of Directors to enable the Board to discharge its responsibilities.</p>	<p>(1) Le Conseil d'administration d'une banque crée des Comités du Conseil d'administration pour lui permettre de s'acquitter de ses attributions.</p>
<p>(2) Ishyirwaho rya Komite z'Inama y'Ubutegetsi riterwa n'impamvu nyinshi harimo ubunini bwa banki, imiterere y'ibikorwa bya banki n'ingorane zayo.</p>	<p>(2) The establishment of the committees of the Board of Directors depends on many factors, including the size of the bank, the nature of operations and its risks.</p>	<p>(2) La création des Comités du Conseil d'administration dépend de plusieurs facteurs dont la taille de la banque, la nature de ses opérations ainsi que ses risques.</p>
<p>(3) Amabwiriza ya Banki Nkuru akena Komite z'Inama y'Ubutegetsi za ngombwa zitagibwa muni hakurikijwe ingano yayo.</p>	<p>(3) The Central Bank's regulation determines the minimum mandatory committees of Board of Directors on the proportionate basis.</p>	<p>(3) Le règlement de la Banque centrale détermine les Comités obligatoires minimums du Conseil d'administration sur une base proportionnelle.</p>

<p><u>Ingingo va 40:</u> Inshingano z’ubuyobozi bukuru bwa banki</p> <p>Ubuyobozi bukuru bwa banki, buyobowe n’Inama y’Ubutegets, bukora ku buryo ibikorwa bya banki bijyana n’ingamba zayo, igipimo cy’ibyateza ingorane banki ishobora gukoreramo na politiki zemejwe n’Inama y’Ubutegets.</p> <p><u>Ingingo va 41:</u> Kubuzwa gukomatanya imyanya</p> <p>(1) Umuntu ntiyemerewe kuba mu Nama y’Ubutegets cyangwa umwe mu bagize ubuyobozi bukuru muri banki irenze imwe yemerewe gukora hashingiwe kuri iri tegeko, keretse iyo ari isosiyete n’amasosiyete ayikomokaho.</p> <p>(2) Umunyamigabane ufite uruhare rugaragara muri banki ntagomba kuba umuyobozi cyangwa umuyobozi wungirije w’Inama y’Ubutegets.</p> <p>(3) Umuntu ntiyemerewe gukomatanya inshingano z’ubuyobozi bw’Inama y’Ubutegets n’inshingano z’umuyobozi mukuru wa banki.</p>	<p><u>Article 40:</u> Responsibilities of senior management of a bank</p> <p>The senior management of a bank, under the direction of the Board of Directors, ensures that the operations of a bank are consistent with its strategy, risk tolerance and policies approved by the Board of Directors.</p> <p><u>Article 41:</u> Prohibition of multiple positions</p> <p>(1) A person is not allowed to be a member of the Board of Directors or a member of senior management in more than one bank licensed under this Law unless the position is held in a parent company and its subsidiaries.</p> <p>(2) A shareholder with a significant holding shall not be appointed as a chairperson or deputy chairperson of the Board of Directors.</p> <p>(3) A person is not allowed combine duties of the chairperson of the Board of Directors and duties of the managing director of a bank.</p>	<p><u>Article 40 :</u> Attributions de la direction générale d’une banque</p> <p>La direction générale d’une banque, sous la direction du Conseil d’administration, veille à ce que les opérations de la banque soient conformes à sa stratégie, à sa tolérance du risque et à ses politiques approuvées par le Conseil d’administration.</p> <p><u>Article 41 :</u> Interdiction de cumul de postes</p> <p>(1) Une personne ne peut pas être membre du Conseil d’administration ou membre de la direction générale dans plus d’une banque agréée en vertu de la présente loi à moins que le poste ne soit occupé dans une société mère et ses filiales.</p> <p>(2) Un actionnaire ayant une participation significative ne peut pas être nommé président ou vice-président du Conseil d’administration.</p> <p>(3) Une personne ne peut pas combiner les attributions de président du Conseil d’administration et celles de directeur général d’une banque.</p>
---	--	--

<p>(4) Umuyobozi mukuru wa banki ntiyemerewe kuba mu wundi mwanya wo kuba umuyobozi mukuru w'indi sosiyete y'ubucuruzi.</p> <p><u>Ingingo ya 42: Kwemeza ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa ugize ubuyobozi bukuru</u></p> <p>(1) Umuntu ntashyirwa ku mwanya w'ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa mu buyobozi bukuru bwa banki atabanje kwemezwa na Banki Nkuru.</p> <p>(2) Amabwiriza ya Banki Nkuru akena ibishingirwaho mu gushyiraho abagize Inama y'Ubutegetsi n'abayobozi bakuru.</p> <p><u>Ingingo ya 43: Andi mahame n'imirongo ngenderwaho y'imiyoborere ya banki</u></p> <p>Amabwiriza ya Banki Nkuru ashyiraho andi mahame n'imirongo ngenderwaho y'imiyoborere igenga banki.</p>	<p>(4) A managing director of a bank is not allowed to hold any other position of a managing Director in another company.</p> <p><u>Article 42: Approval of a member of the Board of Directors of senior management</u></p> <p>(1) A person shall not be appointed as a member of the Board of Directors or of senior management of a bank before he or she is approved by the Central Bank.</p> <p>(2) The Central Bank's regulation determines the criteria for appointment of members of the Board of Directors and senior managers.</p> <p><u>Article 43: Other bank governance principles and standards</u></p> <p>The Central Bank's regulation establishes other governance principles and standards that govern a bank.</p>	<p>(4) Un directeur général d'une banque ne peut pas avoir un poste de directeur général dans une autre société commerciale.</p> <p><u>Article 42 : Approbation d'un membre du Conseil d'administration ou de la direction générale</u></p> <p>(1) Une personne ne peut pas être nommée membre du Conseil d'administration ou de la direction générale d'une banque avant son approbation par la Banque centrale.</p> <p>(2) Le règlement de la Banque centrale détermine les critères de nomination des membres du Conseil d'administration et des cadres supérieurs.</p> <p><u>Article 43 : Autres principes et normes d'administration d'une banque</u></p> <p>Le règlement de la Banque centrale établit d'autres principes et normes d'administration qui régissent une banque.</p>
---	---	--

<p>UMUTWE WA V: IBARURAMARI, GUTANGAZA AMAKURU Y'IBARURAMARI N'UBUGENZUZI BW'IMARI Bwigenga</p>	<p>CHAPTER V: ACCOUNTS, DISCLOSURE OF FINANCIAL STATEMENTS AND EXTERNAL AUDIT</p>	<p>CHAPITRE V : COMPTABILITÉ, PUBLICATION DES ÉTATS FINANCIERS ET AUDIT EXTERNE</p>
<p><u>Ingingo ya 44:</u> Amahame ashingirwaho mu gutegura raporo y'ibaruramari</p>	<p><u>Article 44:</u> Standards for preparation of financial statements</p>	<p><u>Article 44 :</u> Normes de préparation des états financiers</p>
<p>Ibaruramari rya banki, iry'itsinda ry'amabanki n'iry'isosiyete y'imari ibumbye izindi ryubahiriza amahame mpuzamahanga yo gutegura raporo y'ibaruramari.</p>	<p>The financial statements of a bank, banking group and financial holding company comply with the International Financial Reporting Standards (IFRS).</p>	<p>Les états financiers d'une banque, d'un groupe bancaire et d'une société holding financière se conforment aux normes internationales d'information financière (IFRS).</p>
<p><u>Ingingo ya 45:</u> Inshingano yo gukora ibaruramari</p>	<p><u>Article 45:</u> Obligation to maintain accounts</p>	<p><u>Article 45 :</u> Obligation de tenir la comptabilité</p>
<p>(1) Banki, itsinda ry'amabanki, isosiyete y'imari ibumbye izindi bikora ibaruramari hakurikijwe amahame n'amabwiriza y'ibaruramari kandi bikabikora nk'uko bigenwa na Banki Nkuru.</p>	<p>(1) A bank, banking group and financial holding company maintain their accounts in accordance with accounting principles and as directed by the Central Bank.</p>	<p>(1) Une banque, un groupe bancaire et une société holding financière tiennent leur comptabilité conformément aux principes comptables et selon les directives de la Banque centrale.</p>
<p>(2) Banki ibyarwa na banki y'inyamahanga cyangwa banki yabyawe n'isosiyete y'ubucuruzi y'inyamahanga igomba gukora ibaruramari ritandukanye n'irikorwa n'iyi ikomokaho.</p>	<p>(2) A subsidiary of a foreign bank or a foreign company must maintain accounts separate from that of the parent bank or parent company.</p>	<p>(2) Une filiale d'une banque étrangère ou d'une société commerciale étrangère doit tenir une comptabilité séparée de celle de la banque ou de la société mère.</p>

<u>Ingingo ya 46: Inshingano yo kubika amakuru</u>	<u>Article 46: Obligation to keep records</u>	<u>Article 46 : Obligation de conserver des dossiers</u>
(1) Banki ibika mu nyandiko cyangwa mu bundi buryo bwose bugenwa na Banki Nkuru, amakuru yuzuye yerekeye ibikorwa byose ikora, hakurikijwe igihe yabonekeye cyangwa ikindi cyashingirwaho, kugira ngo byorohe kuyabona.	(1) A bank keeps, in written or in any such other form as determined by the Central Bank, a full and written record of every transaction it conducts in relation to its activities, in chronological or sequential order as appropriate, to ease identification.	(1) Une banque conserve, sous forme écrite ou sous toute autre forme déterminée par la Banque centrale, un dossier écrit et complet de toutes les transactions qu'elle effectue dans le cadre de ses activités, dans un ordre chronologique ou séquentiel, selon le cas, pour faciliter l'identification.
(2) Amakuru avugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo abikwa ku cyicaro gikuru cya banki cyangwa ahandi hantu hakwemezwa na Banki Nkuru mu gihe cy'imyaka icumi nibura nyuma y'igikorwa ayo makuru areba.	(2) The records mentioned in Paragraph (1) of this Article are kept at the head office of the bank or other place as may be approved by the Central Bank for a period of at least ten years after completion of the transaction to which it relates.	(2) Les dossiers visés au paragraphe (1) du présent article sont conservés au siège de la banque ou à un endroit approuvé par la Banque centrale pendant une période d'au moins dix ans après la fin de la transaction à laquelle ils se rapportent.
(3) Amakuru avugwa mu gika cya (1) n'icya (2) by'iyi ngingo abamo –	(3) The records referred to in Paragraphs (1) and (2) of this Article include –	(3) Les dossiers visés aux paragraphes (1) et (2) du présent article comprennent –
(a) inyandiko z'ibaruramari zerekana ibikorwa bya banki n'uburyo ihagaze mu rwego rw'imari kugira ngo zifashe Banki Nkuru kumenya niba iri tegeko n'amabwiriza ajyana na ryo byarubahirijwe;	(a) accounting records showing the state of the bank's affairs and financial position to enable the Central Bank to determine as to whether there has been compliance with this Law and its corresponding regulations;	(a) des documents comptables montrant l'état des affaires et la situation financière de la banque, afin de permettre à la Banque centrale de déterminer s'il y a eu conformité avec la présente loi et ses règlements y relatifs;
(b) raporo y'ibaruramari ya banki;	(b) the financial statements of the bank;	(b) les états financiers de la banque;

<p>(c) dosiye za konti n'iz'ibikorwa bya buri mukiriya harimo amabaruwa yanditswe, amakuru arambuye ku bikorwa n'ingano y'amafaranga banki igomba umukiriya cyangwa ayigomba;</p> <p>(d) inyandiko zijyanye n'inguzanyo;</p> <p>(e) n'indi nyandiko yose yagenwa n'amabwiriza ya Banki Nkuru.</p>	<p>(c) files of accounts and transactions of every customer including correspondences, particulars of the transactions and the amount owed to or by that customer;</p> <p>(d) credit documentation; and</p> <p>(e) any other record as may be determined by the Central Bank's regulation.</p>	<p>(c) les dossiers des comptes et des transactions de chaque client, y compris les correspondances, les détails des transactions et le montant dû à ou par ce client;</p> <p>(d) les documents de crédit ; et</p> <p>(e) tout autre document pouvant être déterminé par un règlement de la Banque centrale.</p>
<p><u>Ingingo ya 47: Gutanga no gutangaza raporo y'ibaruramari n'andi makuru bya banki</u></p>	<p><u>Article 47: Submission and disclosure of financial statements and other information of a bank</u></p>	<p><u>Article 47 : Transmission et publication des états financiers et autres informations d'une banque</u></p>
<p>(1) Haseguriwe ibiteganywa n'itegeko rigenga amasosiyete y'ubucuruzi, banki ishyikiriza Banki Nkuru raporo y'ibaruramari yagenzuwe mu gihe cy'amezi atatu nyuma y'impera y'umwaka w'ingengo y'imari.</p>	<p>(1) Subject to the provisions of the law governing companies, a bank submits to the Central Bank audited financial statements within three months after the end of the financial year.</p>	<p>(1) Sous réserve des dispositions de la loi régissant les sociétés commerciales, la banque transmet à la Banque centrale les états financiers audités dans une période de trois mois après la fin de l'exercice.</p>
<p>(2) Banki Nkuru ishobora, ikoresheje inyandiko, gusaba banki gutegura raporo y'ibaruramari yayo mu gihe gito ku kivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo.</p>	<p>(2) The Central Bank may require, by a way of notice in writing, a bank to prepare its financial statements for a period shorter than the period referred to in Paragraph (1) of this Article.</p>	<p>(2) La Banque centrale peut exiger, par voie de notification écrite, qu'une banque prépare ses états financiers pour une période plus courte que celle visée au paragraphe (1) du présent article.</p>
<p>(3) Buri banki itangaza raporo y'ibaruramari yayo yagenzuwe cyangwa itagenzuwe</p>	<p>(3) Every bank publishes its audited or unaudited financial statements and any</p>	<p>(3) Chaque banque publie ses états financiers audités ou non audités et toute autre</p>

<p>n’andi makuru yose nk’uko bishobora kugenwa na Banki Nkuru.</p> <p>(4) Amabwiriza ya Banki Nkuru akena uburyo bukorehwa mu gutangaza raporo y’ibaruramari n’andi makuru yose ya banki.</p>	<p>other information as may be prescribed by the Central Bank.</p> <p>(4) The Central Bank determines, by regulation, modalities for publishing the financial statements and any other information of a bank.</p>	<p>information qui peut être prescrite par la Banque centrale.</p> <p>(4) La Banque centrale détermine, par voie de règlement, les modalités de publication des états financiers et toute autre information d’une banque.</p>
<p><u>Ingingo ya 48: Gutangaza raporo ya banki ihujwe ya buri mwaka</u></p>	<p><u>Article 48: Publication of the bank integrated annual report</u></p>	<p><u>Article 48 : Publication du rapport annuel intégré de la banque</u></p>
<p>(1) Bitabangamiye ibiteganywa n’itegeko rigenga amasosiyete y’ubucuruzi, banki itangaza raporo ihujwe ya buri mwaka igaragaza ibigize imari shingiro yayo, ibyateza ingorane, ingamba zo gucungana na byo n’ibikorwa byayo mu rwego rw’ibidukikije, imibereho myiza n’imiyoborere.</p> <p>(2) Amabwiriza ya Banki Nkuru akena andi makuru yashyirwa muri raporo y’umwaka ihujwe.</p>	<p>(1) Without prejudice to the provisions of the law governing companies, a bank publishes an integrated annual report that reflects its capital composition, risk exposures, risk management strategies as well as its environmental, social and governance activities.</p> <p>(2) The Central Bank’s regulation determines other information to be included in the integrated annual report.</p>	<p>(1) Sans préjudice des dispositions de la loi régissant les sociétés commerciales, une banque publie un rapport annuel intégré qui reflète la composition de son capital, les risques encourus, les stratégies de gestion des risques ainsi que ses activités environnementales, sociales et de gouvernance.</p> <p>(2) Un règlement de la Banque centrale détermine les autres informations à inclure dans le rapport annuel intégré.</p>
<p><u>Ingingo ya 49: Raporo y’ibaruramari rihujwe</u></p>	<p><u>Article 49: Consolidated accounting</u></p>	<p><u>Article 49 : Comptabilité consolidée</u></p>
<p>(1) Banki iyo ari yo yose ifite amasosiyete ayikomokaho cyangwa isosiyete y’imari ibumbye izindi bitegura raporo y’imari yayo ukwayo hamwe na raporo y’ibaruramari rihujwe.</p>	<p>(1) Any bank with subsidiaries or financial holding company prepares its financial statements on both individual and consolidated basis.</p>	<p>(1) Toute banque qui a des filiales ou société holding financière prépare ses états financiers sur une base individuelle et consolidée.</p>

<p>(2) Mu kugena igipimo cy'imari shingiro ihagije, banki ifite amasosiyete ayikomokaho cyangwa isosiyete y'imari ibumbye izindi igomba kubanza kuvana mu mari shingiro yayo, igishoro n'umubare wose w'amafaranga yashoye mu masosiyete ayikomokaho n'ahandi hose yashoye imari no mu mitungo yose igabanyijweho ibyateza ingorane yahura na zo.</p>	<p>(2) In determining the adequacy of a bank capital, a bank with subsidiaries or financial holding company must deduct the aggregate amount of its outstanding equity in subsidiaries and in other investments from both total capital and risk weighted assets.</p>	<p>(2) En déterminant l'adéquation du capital de banque, une banque qui a des filiales ou société holding financière doit déduire du capital total et des actifs pondérés en fonction de risques le montant investi dans les filiales et dans d'autres investissements de capitaux propres.</p>
<p><u>Ingingo ya 50: Ubugenzuzi bwigenga bwa banki</u></p>	<p><u>Article 50: External audit of a bank</u></p>	<p><u>Article 50 : Auditeur externe d'une banque</u></p>
<p>(1) Banki yose itegegetswe gushyiraho nibura umugenzuzi wigenga wemewe na Banki Nkuru.</p>	<p>(1) Every bank is required to designate at least one external auditor accredited by the Central Bank.</p>	<p>(1) Toute banque est tenue de désigner au moins un auditeur externe accrédité par la Banque centrale.</p>
<p>(2) Amabwiriza ya Banki Nkuru akena uburyo bwo kwemeza umugenzuzi wigenga n'ibindi agomba kuzuzwa mu gihe akora akazi ke.</p>	<p>(2) The Central Bank's regulation determines the procedures of accreditation of the external auditor and other requirements that the external auditor must meet in the exercise of his or her professional exercise.</p>	<p>(2) Un règlement de la Banque centrale détermine les procédures d'accréditation d'un auditeur externe ainsi que les autres exigences auxquelles l'auditeur externe doit satisfaire dans l'exercice de sa profession.</p>
<p>(3) Banki Nkuru ishobora gusaba umugenzuzi wigenga kwagura ubugenzuzi bwe cyangwa kugira ibindi asuzuma hanyuma agaha raporo Banki Nkuru.</p>	<p>(3) The Central Bank may require an external auditor to extend their scope of audit or undertake other examination and provide a report to the Central Bank.</p>	<p>(3) La Banque centrale peut demander à un auditeur externe d'étendre la portée de son audit ou d'entreprendre d'autres examens et de fournir un rapport à la Banque centrale.</p>

Ingingo ya 51: Ibihano bifatirwa umugenzuzi wigenga	Article 51: Sanctions imposed to an external auditor	Article 51 : Sanctions prises contre l'auditeur externe
<p>(1) Bitabangamiye ibindi bihano byo mu rwego rw'ubutegetsi cyangwa mpanabyaha, bitewe n'uburemere bw'ikosa, Banki Nkuru ishobora gufatira umugenzuzi wigenga kimwe muri ibi bihano bikurikira igihe atubahirije ibyo asabwa byerekeye imirimo ye:</p> <p>(a) kwihanangirizwa;</p> <p>(b) kubuzwa gukomeza imirimo y'ubugenzuzi yakoraga muri iyo banki;</p> <p>(c) gukurwa ku rutonde rw'abagenzuzi bemewe na Banki Nkuru mu gihe cyagenwa na Banki Nkuru;</p> <p>(d) gukurwa burundu ku rutonde rw'abagenzuzi rugenwa na Banki Nkuru;</p> <p>(e) gucibwa ihazabu igenwa na Banki Nkuru.</p> <p>(2) Amabwiriza ya Banki Nkuru akena amakosa ahanishwa ibihano bivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo.</p>	<p>(1) Without prejudice to other disciplinary sanctions or criminal proceedings, the Central Bank may impose, depending on the gravity of the fault, one of the following sanctions on an external auditor who does not comply with requirements relating to his or her duties:</p> <p>(a) warning;</p> <p>(b) prohibition from carrying on audit operations in the bank;</p> <p>(c) removal from the list of auditors accredited by the Central Bank for a period determined by the Central Bank;</p> <p>(d) permanent removal from the list of auditors accredited by the Central Bank;</p> <p>(e) fines determined by the Central Bank.</p> <p>(2) The Central Bank's regulation determines the faults to which the sanctions provided for under Paragraph (1) of this Article apply.</p>	<p>(1) Sans préjudice des autres sanctions disciplinaires ou poursuites pénales, la Banque centrale peut imposer à l'auditeur externe l'une des sanctions suivantes selon la gravité de violation lorsqu'il ne se conforme pas aux exigences en rapport avec ses fonctions :</p> <p>(a) l'avertissement ;</p> <p>(b) l'interdiction de poursuivre les opérations d'audit au sein de la banque;</p> <p>(c) la radiation de la liste des auditeurs agréés par la Banque centrale pour une durée déterminée par la Banque centrale;</p> <p>(d) la radiation définitive de la liste des auditeurs accrédités par la Banque centrale;</p> <p>(e) une amende déterminée par la Banque centrale.</p> <p>(2) Le règlement de la Banque centrale détermine les fautes auxquelles s'appliquent les sanctions visées au paragraphe (1) du présent article.</p>

<p>UMUTWE WA VI: IGENZURA RIKORWA NA BANKI NKURU KU MABANKI</p>	<p>CHAPTER VI: SUPERVISION OF BANKS BY THE CENTRAL BANK</p>	<p>CHAPITRE VI : SUPERVISION DES BANQUES PAR LA BANQUE CENTRALE</p>
<p><u>Ingingo ya 52:</u> Ububasha bwa Banki Nkuru bwo kugenzura</p>	<p><u>Article 52:</u> Supervisory powers of the Central Bank</p>	<p><u>Article 52 :</u> Pouvoirs de supervision de la Banque centrale</p>
<p>(1) Banki Nkuru ikurikirana uko amabanki, itsinda ry'amabanki, isosiyete y'imari ibumbye izindi n'ibiro bihagarariye banki y'inyamahanga mu Rwanda byubahiriza amategeko n'amabwiriza ikoresheje uburyo bwo kugenzura.</p> <p>(2) Ikiguzi kijyanye n'igenzura rivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo gitangwa na banki, itsinda ry'amabanki, isosiyete y'imari ibumbye izindi n'ibiro bihagarariye banki y'inyamahanga mu Rwanda nk'uko bigenwa n'amabwiriza ya Banki Nkuru.</p>	<p>(1) The Central Bank ensures that banks, banking group, financial holding company and representative office of a foreign bank in Rwanda are in compliance with legal and regulatory provisions through the supervisory mechanism.</p> <p>(2) The cost relating to the supervision referred to in Paragraph (1) of this Article is borne by a bank, banking group, financial holding company and representative office of a foreign bank in Rwanda according to the regulation of the Central Bank.</p>	<p>(1) La Banque centrale veille à ce que les banques, un groupe bancaire, une société holding financière et un bureau de représentation d'une banque étrangère au Rwanda se conforment aux dispositions légales et réglementaires par le mécanisme de supervision.</p> <p>(2) Le coût relatif à la supervision mentionnée au paragraphe (1) du présent article est à la charge d'une banque, d'un groupe bancaire, d'une société holding financière et d'un bureau de représentation d'une banque étrangère au Rwanda selon le règlement de la Banque centrale.</p>
<p><u>Ingingo ya 53:</u> Igenzura ku cyicaro cya banki</p>	<p><u>Article 53:</u> On-site inspection</p>	<p><u>Article 53 :</u> Inspection sur place</p>
<p>(1) Abagenzuzi ba Banki Nkuru bafite uburenganzira bwo kwinjira mu biro bya banki iyo ari yo yose kugira ngo bakore igenzura.</p>	<p>(1) The Central Bank inspectors have the right to enter any office of a bank for the purpose of inspection.</p>	<p>(1) Les inspecteurs de la Banque centrale ont le droit d'entrer dans tout bureau d'une banque à des fins d'inspection.</p>

<p>(2) Banki itegetswe kwemerera abagenzuzi boherejwe na Banki Nkuru kugenzura amafaranga babitse, inyandiko ishobora gucuruzwa n'izindi mpapuro mpeshagaciro kimwe n'ibitabo byabyo, inyandiko mvugo, ibyemezo byakirirwaho amafaranga n'izindi nyandiko zasabwa mu igenzura.</p>	<p>(2) Banks are required to allow the Central Bank inspectors to inspect cash in deposit, securities and other portfolio values, books, minutes, receipts as well as any other documents required for inspection.</p>	<p>(2) Les banques sont tenues de permettre aux inspecteurs de la Banque centrale d'inspecter leur encaisse, les titres et d'autres effets de valeurs en portefeuille, livres, comptes rendus, reçus ainsi que tous les autres documents exigés pour l'inspection.</p>
<p>(3) Abagenzuzi bashobora guhabwa inyandiko y'umwimerere cyangwa kopi y'inyandiko basabye kugira ngo bajye kuyisuzumira mu biro bya Banki Nkuru ariko bagatanga icyemezo cy'uko bayijyanye.</p>	<p>(3) Inspectors may be given, against a receipt, the original or a copy of a document as requested for analysis in the premises of the Central Bank.</p>	<p>(3) Les inspecteurs peuvent se voir remettre, contre récépissé, l'original ou la copie d'un document demandé pour analyse dans les locaux de la Banque centrale.</p>
<p>(4) Ububasha Banki Nkuru ihabwa n'iri tegeko ibukoresha no ku byerekeye itsinda ry'amabanki, isosiyete ibumbye izindi cyangwa indi sosiyete bifite ibaruramari rihurijwe hamwe n'irya banki cyangwa ibiro bihagarariye banki y'inyamahanga mu Rwanda.</p>	<p>(4) The powers entrusted to the Central Bank under this Law is also exercised with regard to a banking group, a financial holding company or any company of which accounts are consolidated with those of the bank or representative office of a foreign bank in Rwanda.</p>	<p>(4) Les pouvoirs dévolus à la Banque centrale en vertu de la présente loi s'exercent également pour un groupe bancaire, une société holding ou toute société dont les comptes sont consolidés avec ceux de la banque ou d'un bureau de représentation d'une banque étrangère au Rwanda.</p>
<p>(5) Igenzura ryihariye rikorwa n'abagenzuzi ba Banki Nkuru kugira ngo basuzume iyubahirizwa ry'amategeko n'amabwiriza akumira kandi agahana ibyaha by'iyezandonke no gushyigikira iterabwoba.</p>	<p>(5) Specific supervision is exercised by the Central Bank inspectors to assess compliance with the laws and regulations on prevention and penalizing the crimes of money laundering and financing terrorism.</p>	<p>(5) Une supervision spécifique est conduite par les inspecteurs de la Banque centrale pour évaluer la conformité aux lois et aux règlements sur la prévention et la répression du blanchiment de capitaux et du financement du terrorisme.</p>

<p>(6) Amakuru yose yavuye mu igenzura agirwa ibanga agakoreshwa gusa mu rwego rwo kubahiriza iri tegeko n'andi mategeko.</p> <p>(7) Ibivuzwe mu gika cya (6) cy'iyi ngingo ntibibuza Banki Nkuru guhererekanya amakuru n'izindi nzego z'ubugenzuzi bifitanye amasezerano, inzego za Leta, inzego zishinzwe iyubahirizwa ry'amategeko n'inkiko.</p>	<p>(6) All information obtained in the course of an inspection is treated as confidential and used solely for the purposes of this Law and other Laws.</p> <p>(7) The provisions of Paragraph (6) of this Article do not prohibit the Central Bank from sharing information with other supervisory authorities under cooperation agreement, Government entities, law enforcement authorities and courts.</p>	<p>(6) Toute information obtenue au cours d'une inspection est tenue confidentielle et utilisée uniquement aux fins de la présente loi et d'autres lois.</p> <p>(7) Les dispositions du paragraphe (6) du présent article n'interdisent pas la Banque centrale d'échanger les informations avec d'autres autorités de supervision dans le cadre d'un accord de coopération, les entités étatiques, les organes d'exécution de la loi et les juridictions.</p>
<p><u>Ingingo ya 54: Igenzura rihujwe</u></p> <p>(1) Banki Nkuru igena ibipimo ngenderwaho, yakira kandi igasesengura ibyerekeye umutungo n'andi makuru ku mibare ihuriye hamwe y'itsinda ry'amabanki n'isosiye y'imari ibumbye izindi hitabwa ku mari shingiro ihagije, amafaranga abitse, imyenda minini, imyenda y'abafitanye isano na banki, ibipimo ntarengwa byo gutanga inguzanyo ndetse n'imiterere y'itsinda.</p> <p>(2) Banki Nkuru ifite ububasha bwo kugabanya umubare w'ibikorwa amatsinda ahujwe ashobora gukora</p>	<p><u>Article 54: Consolidated supervision</u></p> <p>(1) The Central Bank imposes prudential standards, collects and analyses financials and other information on a consolidated basis for a banking group and financial holding company, covering capital adequacy, liquidity, large exposures, exposures to related parties, lending limits and group structure.</p> <p>(2) The Central Bank is vested with the power to limit the range of activities the consolidated group may conduct and</p>	<p><u>Article 54 : Supervision consolidée</u></p> <p>(1) La Banque centrale impose des normes prudentielles, collecte et examine les informations financières et toute autre information sur une base consolidée pour un groupe bancaire et une société holding financière, couvrant l'adéquation du capital, la liquidité, les engagements importants, les crédits aux personnes liées, les plafonds de crédit et la structure du groupe.</p> <p>(2) La Banque centrale est dotée du pouvoir de limiter la liste d'activités que le groupe consolidé peut exercer et les lieux dans</p>

Official Gazette n° 24 Bis of 10/06/2024

<p>n'aho bishobora gukorerwa ikoresheje uburyo burimo n'ubwo gufunga amashami ya banki ari mu mahanga, iyo ibonye ko –</p>	<p>locations in which activities can be conducted including the closing of foreign offices if it determines that –</p>	<p>lesquels ces activités peuvent être exercées, y compris la fermeture des bureaux à l'étranger, si elle trouve que –</p>
<p>(a) ibyo bikorwa bishobora guhungabanya umudendezo n'imikorere myiza ya banki, itsinda ry'amabanki cyangwa isosiyete y'imari ibumbye izindi;</p>	<p>(a) those activities may compromise the safety and soundness of the bank, banking group or financial holding company;</p>	<p>(a) ces activités peuvent compromettre la sécurité et la solidité de la banque, d'un groupe bancaire ou d'une société holding financière ;</p>
<p>(b) ibyo bikorwa bishobora gushyira banki, itsinda ry'amabanki cyangwa isosiyete y'imari ibumbye izindi mu ngorane zikomeye kandi nta buryo bunoze buhari bwo kuzikumira;</p>	<p>(b) those activities may expose the bank, banking group or financial holding company to excessive risk and there are no measures to prevent it;</p>	<p>(b) ces activités peuvent exposer la banque, un groupe bancaire ou une société holding financière au risque excessif et qu'il n'existe aucune mesure pour l'empêcher ;</p>
<p>(c) igenzura ry'abagenzuzi bandi ridakwiriye ku birebana n'ibikorwa bihari;</p>	<p>(c) the supervision by other supervisors is not adequate with regard to current activities; or</p>	<p>(c) la supervision par d'autres superviseurs n'est pas adéquate en ce qui concerne les activités en cours ; ou</p>
<p>(d) cyangwa gukora igenzura rihamye rishingiye ku mibare ihuriye hamwe bibangamye.</p>	<p>(d) the exercise of effective supervision on a consolidated basis is a hindrance.</p>	<p>(d) l'exercice de la supervision efficace sur une base consolidée est une entrave.</p>
<p><u>Ingingo ya 55:</u> Igenzura ry'isosiyete yabyawe na banki nyarwanda, iry'ishami n'iry'ibiro bihagarariye banki y'in yarwanda byashinzwe mu mahanga</p>	<p><u>Article 55:</u> Supervision of a subsidiary, branch and representative office of a Rwandan bank established in foreign country</p>	<p><u>Article 55 :</u> Supervision d'une filiale, d'une branche et d'un bureau de représentation d'une banque rwandaise établis dans un pays étranger</p>
<p>(1) Banki Nkuru igenzura isosiyete yabyawe na banki nyarwanda, ishami</p>	<p>(1) The Central Bank supervises a subsidiary, branch, representative office</p>	<p>(1) La Banque centrale supervise une filiale, une branche, un bureau de représentation</p>

<p>n'ibiro bihagarariye banki y'inyarwanda byashinzwe mu mahanga, hatabangamiwe ububasha bufitwe n'ubuyobozi bw'ubugenzuzi mu gihugu bikoreramo.</p> <p>(2) Igenzura rivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo rishobora gukorwa ku buryo bw'ubufatanye n'ubuyobozi bw'ubugenzuzi mu gihugu bikoreramo hakoreshejwe amasezerano y'ubufatanye.</p> <p><u>Ingingo ya 56: Ubugenzuzi bukoze n'abakora igenzura bo mu gihugu cy'amahanga</u></p> <p>Bitabangamiye iyubahirizwa ry'amasezerano y'ubufatanye Banki Nkuru ishobora kugirana n'ubuyobozi bw'ubugenzuzi bw'igihugu banki iturukamo, abagenzuzi bo mu gihugu cy'amahanga bashobora gukora imirimo yabo muri banki, banki yabyawe n'isosiyete y'inyamahanga cyangwa ishami rya banki y'inyamahanga cyangwa ibiro bihagarariye banki z'inyamahanga mu Rwanda ari uko babanje kubimenyesha mu nyandiko Banki Nkuru.</p> <p><u>Ingingo ya 57: Raporo y'ubugenzuzi</u></p> <p>(1) Imyanzuro y'igenzura ryakozwe na</p>	<p>of a Rwandan bank established in a foreign country, without prejudice to the power of the supervisory authority of the host country.</p> <p>(2) The supervision referred to in Paragraph (1) of this Article may be done through cooperation with the supervisory authority of the host country by means of a cooperation agreement.</p> <p><u>Article 56: Inspection by supervisory authority of a foreign country</u></p> <p>Without prejudice to the application of any cooperation agreement that may exist between the Central Bank and the supervisory authority of the country of origin, inspectors from the supervisory authority of a foreign country may exercise their functions with regard to the supervision of a bank, a subsidiary or branch or representative office of foreign banks in Rwanda upon prior written notification to the Central Bank.</p> <p><u>Article 57: Report of inspection</u></p> <p>(1) The recommendations of inspection</p>	<p>d'une banque rwandaise établis dans un pays étranger, sans préjudice du pouvoir de l'autorité de supervision du pays d'accueil.</p> <p>(2) La supervision visée au paragraphe (1) du présent article est exercée à travers la coopération avec l'autorité de supervision du pays d'accueil au moyen d'un accord de coopération.</p> <p><u>Article 56 : Inspection par l'autorité de supervision d'un pays étranger</u></p> <p>Sans préjudice de l'application de tout accord de coopération pouvant exister entre la Banque centrale et l'autorité de supervision du pays d'origine, les inspecteurs de l'autorité de supervision d'un pays étranger peuvent exercer leurs fonctions pour ce qui est de la supervision d'une banque, d'une filiale ou d'une succursale ou d'un bureau de représentation des banques étrangères au Rwanda sur notification écrite préalable adressée à la Banque centrale.</p> <p><u>Article 57 : Rapport d'inspection</u></p> <p>(1) Les recommandations de l'inspection</p>
---	---	---

<p>Banki Nkuru ishyikirizwa Inama y'Ubutegetsi, ubuyobozi bwa banki yagenzuwe bukagenerwa kopi. Iyo myanzuro ishobora no guhabwa abagenzuzi bigenga bakorana na banki yagenzuwe.</p>	<p>conducted by the Central Bank are reported to the Board of Directors and its copy is sent to the management of the inspected bank. Those recommendations may also be forwarded to external auditors working with the inspected bank.</p>	<p>effectuée par la Banque centrale sont communiquées au Conseil d'administration et une copie est fournie à la direction de la banque inspectée. Ces recommandations peuvent également être transmises aux auditeurs externes travaillant avec la banque inspectée.</p>
<p>(2) Banki yagenzuwe ishyikiriza Banki Nkuru gahunda y'ibikorwa igena uburyo imyanzuro iri muri raporo izashyirwa mu bikorwa. Gahunda y'ibikorwa yerekana igihe ntarengwa buri mwanzuro uzashyirirwa mu bikorwa.</p>	<p>(2) The inspected bank submits to the Central Bank an action plan for implementing all recommendations set out in the report. The action plan indicates the deadline within which each recommendation will be implemented.</p>	<p>(2) La banque inspectée soumet à la Banque centrale un plan d'action de mise en exécution de toutes les recommandations mentionnées dans le rapport. Le plan d'action indique le délai dans lequel chaque recommandation sera mise en application.</p>
<p>(3) Iyo gushyira mu bikorwa imyanzuro ya Banki Nkuru bitakozwe, Banki Nkuru ishobora gushaka umuti w'ikibazo cyangwa igafatira ibihano iyo banki hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.</p>	<p>(3) Failure to implement the Central Bank recommendations may lead to a remedial action or sanction by the Central Bank against the concerned bank in accordance with the provisions of this Law.</p>	<p>(3) La non-exécution des recommandations de la Banque centrale peut conduire à une mesure corrective ou une sanction par la Banque centrale contre la banque concernée conformément aux dispositions de la présente loi.</p>
<p>(4) Imyanzuro ya Banki Nkuru ivugwa muri iyi ngingo ifatwa nk'ibyemezo bya Banki Nkuru.</p>	<p>(4) The recommendations of the Central Bank referred to in this Article are considered as decisions of the Central Bank.</p>	<p>(4) Les recommandations de la Banque centrale visées dans le présent article sont considérées comme des décisions prises par la Banque centrale.</p>
<p><u>Ingingo ya 58:</u> Gukoresha umuntu wigenga</p>	<p><u>Article 58:</u> Use of independent party</p>	<p><u>Article 58 :</u> Recours à un tiers indépendant</p>
<p>Banki Nkuru ishobora gukoresha umuntu</p>	<p>The Central Bank may use a third party to</p>	<p>La Banque centrale peut recourir à un tiers</p>

<p>wigenga kugira ngo akore umurimo wihariye ufitanye isano n’ishingano zayo. Gukoresha undi muntu ntibigomba gufatwa nko kwifashisha undi muntu mu nshingano za Banki Nkuru zo gushishoza.</p>	<p>carry out a specific assignment related to its responsibilities. The use of third party cannot be taken as outsourcing the Central Bank prudential responsibilities.</p>	<p>pour exécuter une mission spécifique liée à ses responsabilités. Le recours à un tiers ne peut être considéré comme une externalisation des responsabilités prudentielles de la Banque centrale.</p>
<p><u>Ingingo ya 59:</u> Uburyo bwo kugeza amakuru kuri Banki Nkuru</p>	<p><u>Article 59:</u> Modalities for communication of information to the Central Bank</p>	<p><u>Article 59 :</u> Modalités de communication des informations à la Banque centrale</p>
<p>(1) Banki itegegetswe kugeza kuri Banki Nkuru inyandiko yose na raporo y’ibaruramari hakoreshejwe kuzuzwa inyandiko mbonera, andi makuru yose cyangwa ibisobanuro bishobora gusabwa kandi ikubahiriza ingarukagihe igenwa na Banki Nkuru.</p>	<p>(1) The bank is required to submit to the Central Bank any document and financial statement by filling sample forms and any other information or clarification that may be requested, at a frequency determined by the Central Bank.</p>	<p>(1) La banque est tenue de soumettre à la Banque centrale tout document et état financier en remplissant les formulaires types et toute autre information ou éclaircissement qui peut être exigée, et ce suivant une périodicité déterminée par la Banque centrale.</p>
<p>(2) Banki Nkuru ishobora gusaba muntu uwo ari we wese ufitanye isano na banki inyandiko cyangwa ibisobanuro byerekeye iyo banki, yaba ufitemo imigabane, ugize Inama y’Ubutegetsu, umuyobozi cyangwa undi mukozi wese wa banki. Umuntu ntagomba kwitwaza ibanga ry’akazi ngo yimane amakuru asabwa na Banki Nkuru.</p>	<p>(2) The Central Bank may require from any person having a relationship with a bank any document or clarifications concerning that bank, whether a shareholder, a member of the Board of Directors, a manager or any other employee of a bank. The person shall not invoke professional secrecy as a ground for non-disclosure of information required by the Central Bank.</p>	<p>(2) La Banque centrale peut exiger de toute autre personne qui entretient des rapports avec une banque, tout document ou éclaircissement concernant cette banque, qu’il s’agisse d’un actionnaire, d’un membre du Conseil d’administration, d’un dirigeant ou de tout autre employé d’une banque. La personne ne peut pas invoquer le secret professionnel comme motif de non-divulgateion des informations requises par la Banque centrale.</p>
<p>(3) Iyo umunyamigabane, ugize Inama y’Ubutegetsu, umuyobozi mukuru, umukozi cyangwa intumwa ya banki</p>	<p>(3) When a shareholder, a member of the Board of Director, a senior manager or any employee or agent of a bank makes a</p>	<p>(3) Lorsqu’un actionnaire, un membre du Conseil d’administration, un cadre supérieur ou tout employé ou agent d’une</p>

<p>amenyesheje amakuru Banki Nkuru agaragaza ko banki cyangwa umukiriya wayo ashobora kuba yarakoze igikorwa kinyuranye n'amategeko agenga banki kandi akaba afite impamvu zifatika zituma yemera ko ayo makuru, mu gihe cyo kuyatanga, ashobora kuba ari ukuri, ntakurikiranwa mu rwego mbonezamubano cyangwa mpanabyaha ko yamenyekanishije amakuru cyangwa ngo ahanwe mu rwego rw'akazi.</p> <p><u>Ingingo ya 60: Gutangaza imiterere y'imari y'amabanki</u></p> <p>Banki Nkuru yemerewe gutangaza imiterere y'imari y'amabanki ihurijwe hamwe mu gice kimwe cyangwa yose. Icyakora, itangazwa rivugwa muri iyi ngingo ntirishobora gushyirwamo imiterere yihariye y'umutungo wa banki yihariye cyangwa iy'uw'umukiriya ku giti cye, keretse iyo Banki Nkuru imenyeshya amabanki n'ibigo by'imari ibyerekeye inguzanyo n'ingorane ziri mu byo kwishyura.</p> <p><u>UMUTWE WA VII: GAHUNDA YO KWIZAHURA N'INGAMBA Z'IZAHURWA</u></p>	<p>disclosure to the Central Bank to the effect that the bank or a customer of the bank may have been involved in an act which constitutes a contravention of the banking laws and has reasonable grounds to believe that that information, at the time of disclosure, may be true, he or she does not incur any civil or criminal liability as a result of the disclosure and is not subject to a disciplinary action.</p> <p><u>Article 60: Publication of the financial situation of banks</u></p> <p>The Central Bank is authorised to publish, in whole or in part, the consolidated financial situation of the banks. However, the publication referred to in this Article may in no case refer to the financial situation of a specific bank or individual customer, unless the Central Bank is communicating information to banks and financial institutions regarding credit operations and payment difficulties.</p> <p><u>CHAPTER VII: RECOVERY PLAN AND RESOLUTION MEASURES</u></p>	<p>banque fait une révélation à la Banque centrale selon laquelle la banque ou un client de la banque peut avoir été impliqué dans un acte qui enfreint la législation bancaire et qu'il a des motifs raisonnables de croire que cette information, au moment de la divulgation, peut être vraie, il n'encourt pas de responsabilité civile ou pénale en raison de la révélation et n'est pas soumis à une action disciplinaire.</p> <p><u>Article 60 : Publication de la situation financière des banques</u></p> <p>La Banque centrale est autorisée à publier en totalité ou en partie, la situation financière consolidée des banques. Toutefois, la publication visée au présent article ne peut en aucun cas porter sur la situation financière d'une banque spécifique ou d'un client individuel, à moins que la Banque centrale ne communique aux banques et aux institutions financières des informations relatives aux opérations de crédit et aux difficultés de paiement.</p> <p><u>CHAPITRE VII : PLAN DE REDRESSEMENT ET MESURES DE RÉOLUTION</u></p>
--	---	---

<p><u>Icyiciro cya mbere:</u> Gahunda yo kwizahura kwa banki</p> <p><u>Ingingo ya 61:</u> Itegurwa rya gahunda yo kwizahura kwa banki</p> <p>Banki itegura gahunda yo kwizahura ikayishyikiriza Banki Nkuru kugira ngo iyemeze.</p> <p><u>Ingingo ya 62:</u> Ibikubiye muri gahunda yo kwizahura kwa banki</p> <p>(1) Gahunda yo kwizahura kwa banki ikubiyemo ingamba zose banki ishyira mu bikorwa kugira ngo ihangane n'ikibazo cyose.</p> <p>(2) Amabwiriza ya Banki Nkuru agena imirongo migari y'ibikubiye muri gahunda yo kwizahura n'uburyo bwo kuyishyira mu bikorwa.</p>	<p><u>Section One:</u> Recovery plan for a bank</p> <p><u>Article 61:</u> Development of bank recovery plan</p> <p>A bank develops a recovery plan and submits it to the Central Bank for approval.</p> <p><u>Article 62:</u> Content of the bank recovery plan</p> <p>(1) The bank recovery plan consists of all measures that a bank implements to address any distress.</p> <p>(2) The Central Bank's directive provides guidance on the content and process of implementation of the recovery plan.</p>	<p><u>Section première :</u> Plan de redressement de la banque</p> <p><u>Article 61 :</u> Élaboration d'un plan de redressement d'une banque</p> <p>Une banque élabore un plan de redressement et le soumet à la Banque centrale pour son approbation.</p> <p><u>Article 62 :</u> Contenu du plan de redressement de la banque</p> <p>(1) Le plan de redressement d'une banque comprend toutes les mesures qu'une banque met en œuvre pour faire face à une situation de détresse.</p> <p>(2) Une directive de la Banque centrale fournit des orientations sur le contenu et le processus de mise en œuvre du plan de redressement.</p>
<p><u>Icyiciro cya 2:</u> Ingamba z'izahurwa</p> <p><u>Ingingo ya 63:</u> Urwego rushinzwe izahurwa</p> <p>(1) Urwego rushinzwe izahurwa ni Banki Nkuru.</p> <p>(2) Banki Nkuru ifite ububasha bwo</p>	<p><u>Section 2:</u> Resolution measures</p> <p><u>Article 63:</u> Resolution authority</p> <p>(1) The Central Bank is the resolution authority.</p> <p>(2) The Central Bank is vested with the</p>	<p><u>Section 2 :</u> Mesures de résolution</p> <p><u>Article 63 :</u> Autorité de résolution</p> <p>(1) La Banque centrale est l'autorité de résolution.</p> <p>(2) La Banque centrale est investie des</p>

<p>gukora izahurwa no gufata ingamba zose za ngombwa kugira ngo hazahurwe banki ifite ibibazo cyangwa itagishoboye gukora.</p>	<p>powers to act as a resolution authority and take all necessary measures to resolve a distressed or non-viable bank.</p>	<p>pouvoirs de résolution et de prendre toutes les mesures nécessaires pour effectuer la résolution d'une banque en difficulté ou non viable.</p>
<p><u>Ingingo ya 64:</u> Impamvu z'ishyirwaho ry'umuyobozi udasanzwe</p>	<p><u>Article 64:</u> Grounds for appointment of a special administrator</p>	<p><u>Article 64 :</u> Motifs de désignation d'un administrateur spécial</p>
<p>(1) Banki Nkuru ishobora gushyiraho umuyobozi udasanzwe muri banki iyo–</p> <p>(a) banki itubahirije ibikubiye muri iri tegeko no mu mabwiriza;</p> <p>(b) banki itubahiriza ibyo yemeye mu gihe yahabwaga uruhushya;</p> <p>(c) banki ifite ibibazo bituma ikwiye kuzahurwa;</p> <p>(d) imiterere y'imari ya banki igaragaza ko ari ngombwa;</p> <p>(e) banki ifite imikorere idahwitse yatuma igwa mu ngorane;</p> <p>(f) banki ikekwa ibikorwa by'iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba, gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbuzi n'ibindi bikorwa bigize ibyaha byo mu rwego rw'imari;</p>	<p>(1) The Central Bank may appoint a special administrator for a bank if–</p> <p>(a) the bank violates the provisions of this Law and regulations;</p> <p>(b) the bank does not comply with the terms of its licensing;</p> <p>(c) the bank is experiencing difficulties requiring its recovery;</p> <p>(d) the financial situation of the bank so requires;</p> <p>(e) the bank is engaged in risky and dangerous practices;</p> <p>(f) the bank is suspected of engaging in money laundering and financing of terrorism, the financing of proliferation of weapons of mass destruction and other constituent acts of financial offences;</p>	<p>(1) La Banque centrale peut désigner un administrateur spécial pour une banque si–</p> <p>(a) la banque viole les dispositions de la présente loi et des règlements;</p> <p>(b) la banque ne se conforme pas aux conditions de sa licence;</p> <p>(c) la banque est en difficultés exigeant son redressement;</p> <p>(d) la situation financière de la banque l'exige;</p> <p>(e) la banque est engagée dans des pratiques risquées et dangereuses;</p> <p>(f) la banque est soupçonnée de s'engager dans des activités de blanchiment d'argent et de financement du terrorisme, de financement de la prolifération des armes de destruction massive et à</p>

<p>(g) banki ibangamira ibikorwa by'igenzura bya Banki Nkuru;</p> <p>(h) banki ibangamiye ibikorwa by'abagenzuzi bigenga;</p> <p>(i) imiterere ya banki ishobora guhungabanya inyungu z'abayibikijemo;</p> <p>(j) imari shingiro ya banki yataye agaciro cyangwa ishobora gutakaza agaciro;</p> <p>(k) cyangwa hari indi mpamvu isaba ko ashwirwaho.</p> <p>(2) Umuyobozi udasanze ashobora kuba umwe mu bakozi ba Banki Nkuru cyangwa undi muntu wemejwe washwirwaho na Banki Nkuru.</p>	<p>(g) the bank is hindering the supervisory activities of the Central Bank;</p> <p>(h) the bank is hindering the work of the external auditors;</p> <p>(i) the situation of the bank may jeopardize interests of its depositors;</p> <p>(j) the capital of the bank is impaired or there is a threat of impairment; or</p> <p>(k) there is ground that leads to the appointment.</p> <p>(2) A special administrator may be one of the staff members of the Central Bank or such other person as may be appointed by the Central Bank.</p>	<p>d'autres actes constitutifs des infractions financières ;</p> <p>(g) la banque entrave des activités de supervision de la Banque centrale;</p> <p>(h) la banque entrave le travail des auditeurs externes;</p> <p>(i) la situation de la banque peut compromettre des intérêts de ses déposants;</p> <p>(j) le capital de la banque est déprécié ou il y a une menace de dépréciation; ou</p> <p>(k) il y a un autre motif exigeant sa désignation.</p> <p>(2) Un administrateur spécial peut être l'un des membres du personnel de la Banque centrale ou toute autre personne pouvant être désignée par la Banque centrale.</p>
<p><u>Ingingo ya 65: Inshingano z'umuyobozi udasanze</u></p> <p>(1) Banki Nkuru ishingiye ku mpamvu z'ishwirwaho ry'umuyobozi udasanze, ishobora kumuha inshingano imwe cyangwa nyinshi muri izi zikurikira:</p>	<p><u>Article 65: Mandate of the special administrator</u></p> <p>(1) The Central Bank may, by virtue of the seriousness of grounds for appointing a special administrator, assign to the special administrator one or many of the following mandates:</p>	<p><u>Article 65 : Mandat de l'administrateur spécial</u></p> <p>(1) La Banque centrale peut, en fonction de la gravité des motifs de désignation d'un administrateur spécial, lui donner un ou plusieurs des mandats suivants :</p>

<p>(a) gukora iperereza muri banki ;</p> <p>(b) kubanza kwemeza ibyemezo, amabwiriza atangwa, amasezerano y'ubwumvikane n'ibindi bikorwa bya banki ;</p> <p>(c) gucunga banki;</p> <p>(d) kuzahura banki.</p> <p>(2) Inshingano z'umuyobozi udasanze zisobanurwa mu nyandiko ya Banki Nkuru imushyiraho.</p> <p>(3) Banki Nkuru ishobora igihe icyo ari cyo cyose guhindura cyangwa guhagarika inshingano z'umuyobozi udasanze.</p> <p>(4) Nta muntu n'umwe wemerewe kwima amakuru umuyobozi udasanze yitwaje ibanga ry'akazi rya banki cyangwa ry'abandi bantu bakorana na yo mu gihe ari mu nshingano ze.</p> <p><u>Ingingo ya 66: Inshingano y'umuyobozi udasanze yo gukora iperereza</u></p> <p>Iyo umuyobozi udasanze afite inshingano yo gukora iperereza muri banki, Banki imuha</p>	<p>(a) to conduct investigation within the bank;</p> <p>(b) to grant prior approval of decisions, instructions, transactions, and other operations of the bank;</p> <p>(c) to manage the bank;</p> <p>(d) to resolve the bank.</p> <p>(2) Mandates of the special administrator are defined in his or her deed of appointment by the Central Bank.</p> <p>(3) The Central Bank may at any time modify or suspend the mandate of the special administrator.</p> <p>(4) No one is allowed to invoke professional secrecy obligation towards a bank or other persons related to it as grounds for non-disclosure of information required by the special administrator.</p> <p><u>Article 66: Investigation mandate of the special administrator</u></p> <p>Where the mandate of the special administrator consists in conducting</p>	<p>(a) mener des investigations auprès d'une banque ;</p> <p>(b) accorder l'approbation préalable des décisions, instructions, transactions et autres opérations de la banque;</p> <p>(c) gérer la banque ;</p> <p>(d) procéder à la résolution de la banque.</p> <p>(2) Les mandats de l'administrateur spécial sont définis dans l'acte de sa nomination par la Banque centrale.</p> <p>(3) La Banque centrale peut à tout moment modifier ou suspendre le mandat de l'administrateur spécial.</p> <p>(4) Nul n'est autorisé à invoquer le secret professionnel envers une banque ou d'autres personnes qui lui sont liées comme motif de ne pas communiquer les informations requises par l'administrateur spécial.</p> <p><u>Article 66 : Mandat d'enquête de l'administrateur spécial</u></p> <p>Lorsque l'administrateur spécial a pour mandat de mener des enquêtes auprès d'une</p>
--	--	--

<p>uburyo bwose akeneye, baba abakozi cyangwa ibikoresho.</p> <p><u>Ingingo ya 67: Inshingano y’umuyobozi udasanzwe yo kubanza kwemeza</u></p> <p>(1) Iyo umuyobozi udasanzwe afite inshingano yo kubanza kwemeza ibyemezo, amabwiriza atangwa, amasezerano y’ubwumvikane n’ibindi bikorwa bya banki, Banki Nkuru isobanura, mu nyandiko imushyiraho, ibyo byemezo, ayo mabwiriza, ayo masezerano y’ubwumvikane n’ibyo bikorwa abanza kwemeza ibyo ari byo.</p> <p>(2) Kuva Banki Nkuru ishizeho umuyobozi udasanzwe kugira ngo akore ibivugwa mu gika cya (1) cy’iyi ngingo, amasezerano y’ubwumvikane n’ibikorwa byakozwe na banki umuyobozi udasanzwe atabanje kubyemeza, bishobora guseswa na Banki Nkuru. icyo gihe umutungo weguriwe cyangwa uwishyuwe abandi uragaruzwa.</p>	<p>investigations, the bank gives him or her any required human or material resources.</p> <p><u>Article 67: Mandate of a special administrator for prior approval</u></p> <p>(1) In case the special administrator has a mandate to provide prior approval of decisions, instructions, compromises and other operations of the bank, the Central Bank specifies in its appointment order, the types of decisions, instructions, compromises and operations of which he or she provides prior approval.</p> <p>(2) Once the Central Bank has appointed a special administrator to carry out the tasks specified in Paragraph (1) of this Article, any compromise and operation carried out by the bank without prior approval from the special administrator may be subject to annulment by the Central Bank. In that case, asset transferred or the sum paid are refunded.</p>	<p>banque, cette dernière met à sa disposition tous les moyens humains et matériels dont il a besoin.</p> <p><u>Article 67 : Mandat d’approbation préalable de l’administrateur spécial</u></p> <p>(1) Lorsque l’administrateur spécial a pour mandat d’approuver préalablement les décisions, les instructions, les transactions et autres opérations d’une banque, la Banque centrale précise, dans l’acte de sa désignation, les types de décisions, d’instructions, de transactions et d’opérations dont il accorde l’approbation préalable.</p> <p>(2) Dès que la Banque centrale a désigné un administrateur spécial pour effectuer les tâches spécifiées au paragraphe (1) du présent article, toute transaction et opération effectuées par la banque sans l’approbation préalable de l’administrateur spécial peuvent être annulées par la Banque centrale. Dans ce cas, les actifs cédés ou toute somme payée sont restitués.</p>
--	--	--

Ingingo ya 68: Inshingano y'umuyobozi udasanzwe yo gucunga banki	Article 68: Mandate of the special administrator to manage a bank	Article 68 : Mandat de l'administrateur spécial de gérer la banque
<p>(1) Mu gihe umuyobozi udasanzwe ahawe inshingano yo gucunga banki, Banki Nkuru imuha ububasha busesuye bwo kuzuza inshingano ze. Icyo gihe, Banki Nkuru ishobora gufata icyemezo cyo kugabanya cyangwa guhagarika ububasha bw'ubuyobozi, ubw'Inama y'Ubutegetsu n'ubw'Inteko Rusange y'abanyamigabane bya banki.</p>	<p>(1) If the special administrator is appointed to manage the bank, the Central Bank vests in him or her full power to fulfil his or her mandate. In that case, the Central Bank may by decision limit or suspend the powers of the management, Board of Directors and General Assembly of shareholders of the bank.</p>	<p>(1) Lorsque l'administrateur spécial a pour mandat d'assurer la gestion de la banque, la Banque centrale lui accorde tous les pouvoirs pour accomplir son mandat. Dans ce cas, la Banque centrale peut limiter ou suspendre par décision les pouvoirs de la direction, du Conseil d'administration et de l'Assemblée générale des actionnaires de la banque.</p>
<p>(2) Kugira ngo akore inshingano yo gucunga banki, umuyobozi udasanzwe ashobora guhindura imfabusa cyangwa gukuraho ibyemezo by'ubuyobozi n'iby'Inama y'Ubutegetsu bya Banki mu gihe bidahuye n'inyungu za banki n'iz'abandi bafatanyabikorwa.</p>	<p>(2) For the purposes of discharging the mandate to manage the bank, the special administrator may overrule or revoke the actions of the management and Board of Directors of the bank in case they are not consonant with the interests of the bank and those of other stakeholders.</p>	<p>(2) Aux fins de l'exercice du mandat de gérer la banque, l'administrateur spécial peut annuler ou révoquer les actions de la direction et du Conseil d'administration de la banque si elles ne sont pas conformes aux intérêts de la banque et à ceux des autres parties prenantes.</p>
<p>(3) Banki Nkuru itangaza icyemezo kivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo nibura mu binyamakuru bitatu bisomwa na benshi mu Rwanda, mu kinyamakuru kimwe gisomwa cyane mu karere u Rwanda ruherereyemo kandi kopi y'icyo cyemezo ikamanikwa aho amashami yose ya</p>	<p>(3) The Central Bank publishes the decision referred to in Paragraph (1) of this Article in at least three widely circulated newspapers in Rwanda, in one of the most widely circulated newspaper in the region and displays a copy of this decision in all branches of the concerned bank or by means of technology.</p>	<p>(3) La Banque centrale publie la décision visée au paragraphe (1) du présent article dans au moins trois journaux les plus lus au Rwanda, dans un journal le plus lu dans la région et affiche une copie de cette décision dans toutes les succursales de la banque concernée ou par voie</p>

<p>banki bireba akorera cyangwa hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga.</p> <p>(4) Gushyiraho umuyobozi udasanzwe hakurikijwe ibiteganywa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo bimuha ububasha bwo guhagarika igice kimwe cy'ubwishyu cyangwa ubwishyu bwose, ukwegurira undi ibigize umutungo, ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano cyangwa ibikorwa bya banki igihe abona ari ngombwa. Iryo hagarikwa rigomba kumenyeshwa rubanda hakurikijwe uburyo Banki Nkuru yagennye.</p> <p>(5) Ihagarikwa ry'ubwishyu ntirishobora kugira ingaruka ku bikorwa by'ubwishyu byakozwe birinzwe n'amategeko abigenga.</p> <p>(6) Iyo habayeho ihagarikwa ry'ibikorwa byavuzwe mu gika cya (4) cy'iyi ngingo, nta bwishyu, guhererekanya amafaranga, kwegurira undi ibigize umutungo, cyangwa kubahiriza amasezerano bishobora gukorwa na banki, kereka umuyobozi udasanzwe abanje kubyemeza.</p>	<p>(4) The appointment of the special administrator in accordance with provisions of Paragraph (1) of this Article empowers the special administrator to suspend, in whole or in part, any payment, asset transfer, contract execution or transactions of the bank if he or she considers it necessary. The suspension must be made public in accordance with modalities determined by the Central Bank.</p> <p>(5) The suspension of payments does not affect payment transactions protected by relevant laws.</p> <p>(6) As soon as the suspension of operations referred to in Paragraph (4) of this Article has been effected, no payment, transfer, asset transfer or execution of contracts may be carried out by the bank except with prior approval of the special administrator.</p>	<p>électronique.</p> <p>(4) La nomination de l'administrateur spécial conformément aux dispositions du paragraphe (1) du présent article le rend capable de suspendre, entièrement ou partiellement, tout paiement, toute cession d'actif, toute exécution de contrat ou toutes transactions de la banque s'il le juge nécessaire. Cette suspension doit être rendue publique selon les modalités déterminées par la Banque centrale.</p> <p>(5) La suspension de paiement n'affecte pas les transactions de paiements protégées par les lois applicables.</p> <p>(6) Dès que la suspension des opérations visées au paragraphe (4) du présent article est effectuée, aucun paiement, transfert, cession d'actifs ou exécution de contrat ne peut être effectué par la banque sauf sur approbation préalable de l'administrateur spécial.</p>
---	---	---

<p>(7) Mu gihe cy'ihagarikwa ry'imyishyurire, ntawe banki ibereyemo umwenda ushobora gufatira ibigize umutungo wayo kandi n'uburyo bwose bukoreshwa mu kwishyuzwa imyenda buba buhagaze.</p>	<p>(7) During the suspension of payment, no creditor may seize a bank's asset, and all enforcement procedures for obtaining payment of debts are suspended.</p>	<p>(7) Pendant la suspension de paiement, aucun créancier ne peut saisir un actif de la banque, et toutes les procédures d'exécution pour obtenir le paiement des dettes sont suspendues.</p>
<p><u>Ingingo ya 69: Inshingano y'umuyobozi udasanzwe yo kuzahura banki</u></p>	<p><u>Article 69: Mandate of the special administrator to resolve a bank</u></p>	<p><u>Article 69 : Mandat de l'administrateur spécial de révoluer une banque</u></p>
<p>(1) Umuyobozi udasanzwe uhawe inshingano yo kuzahura banki asesengura imiterere y'imari ya banki kandi agaha Banki Nkuru raporo ku buryo bushoboka bwo kuzahura banki.</p>	<p>(1) A special administrator vested with the mandate to resolve a bank analyses the financial situation of the bank and submits to the Central Bank a report on the prospects for restoring the financial soundness.</p>	<p>(1) Un administrateur spécial qui est investi d'un mandat de résolution d'une banque analyse la situation financière de la banque et soumet à la Banque centrale un rapport sur la possibilité de rétablir la solidité financière de la banque.</p>
<p>(2) Banki Nkuru ikimara gushyikirizwa raporo y'umuyobozi udasanzwe, ifata icyemezo cyo kuzahura banki. Mbere yo gufata icyo cyemezo, Banki Nkuru, ibonye ko ari ngombwa, ishobora kugirana imishyikirano n'ubuyobozi bwa banki, abagize Inama y'Ubutegetsu, abafite imigabane n'abo banki ibereyemo imyenda.</p>	<p>(2) Upon receipt of the report of the special administrator, the Central Bank decides on the prospects for restoring the bank's financial soundness. Before making the decision, the Central Bank, if it considers it necessary, may meet the management, members of the Board of Directors, shareholders and creditors of the bank.</p>	<p>(2) À la réception du rapport de l'administrateur spécial, la Banque centrale décide sur la possibilité de redresser la solidité financière de la banque. Avant de prendre la décision, la Banque centrale, s'il s'avère nécessaire, peut s'entretenir avec la direction de la banque, les membres du Conseil d'administration, les actionnaires et les créanciers de la banque.</p>
<p>(3) icyakora, iyo Banki Nkuru ibona ko ari ngombwa, ishobora gufata icyemezo cyo kuzahura banki na</p>	<p>(3) However, the Central Bank may, if it deems it necessary, decide to proceed with the resolution of the bank even before</p>	<p>(3) Toutefois, la Banque centrale peut, s'il le juge nécessaire, décider de procéder à la résolution de la banque avant même la</p>

<p>mbere y'uko ishyikirizwa raporo y'umuyobozi udasanze.</p> <p><u>Ingingo ya 70: Ububasha bw'izahurwa rya banki</u></p> <p>(1) Banki Nkuru iyo isanze banki itagikora neza cyangwa ishobora kutazongera gukora neza, kandi nta cyizere cy'uko izongera gukora neza, ishobora gufata ibyemezo by'izahurwa rya banki bikurikira:</p> <p>(a) guhindura imyenda ikaba imigabane;</p> <p>(b) kwegurira abandi cyangwa kugurisha umutungo wose n'imyenda yose, uburenganzira bwose n'inshingano zose, harimo inshingano zo kubitsa n'umutungo w'imigabane;</p> <p>(c) gushyiraho ikigo cyihariye gishinzwe gucunga umutungo no kwegurira icyo kigo inguzanyo zitishyuye cyangwa imitungo igoye guha agaciro kugira ngo kibicunge;</p> <p>(d) gushyiraho ikigo cy'agateganyo gishinzwe gukora no gukomeza imirimo imwe y'ingenzi n'ibikorwa bikora neza bya banki iri mu gihombo;</p>	<p>receiving the report of the special administrator.</p> <p><u>Article 70: Resolution powers</u></p> <p>(1) When the Central Bank finds that a bank is no longer viable or likely to be no longer viable, and has no reasonable prospect of becoming so, the Central Bank has power to take the following resolution measures:</p> <p>(a) bail in within resolution;</p> <p>(b) transfer or sell all assets and liabilities, legal rights and obligations, including deposit liabilities and ownership in shares;</p> <p>(c) establish a separate asset management vehicle and transfer to the vehicle for management and run-down non-performing loans or difficult-to-value assets;</p> <p>(d) establish a temporary bridge institution to take over and continue operating certain critical functions and viable operations of a failed bank;</p>	<p>réception du rapport de l'administrateur spécial.</p> <p><u>Article 70 : Pouvoirs de résolution</u></p> <p>(1) Si la Banque centrale constate qu'une banque n'est plus viable ou risque de ne plus l'être, et n'a aucune perspective raisonnable de devenir viable, elle a le pouvoir de prendre les mesures de résolution suivantes :</p> <p>(a) convertir les dettes en actions;</p> <p>(b) transférer ou vendre tous les actifs et passifs, droits et obligations juridiques, y compris des obligations de dépôt et la détention d'actions;</p> <p>(c) créer un véhicule de gestion d'actifs distinct et transférer à ce véhicule pour la gestion et l'écoulement des prêts non performants ou des actifs difficiles à évaluer;</p> <p>(d) établir une institution-relais temporaire pour reprendre et continuer à exploiter certaines fonctions critiques et opérations viables d'une banque en faillite;</p>
--	--	---

<p>(e) kugena igihe ubwishyu buba buhagaritswe ku baberewemo imyenda badafite ingwate no ku bakiriya no guhagarika ibikorwa byo gufatira imitungo ya banki bikorwa n'ababerewemo imyenda n'ibindi bikorwa bigendanye no kwishyuzwa banki. Ihagarikwa rivugwa muri aka gaka ntirireba ibikorwa by'imari birinzwe n'amategeko;</p> <p>(f) gutegeka iseswa rya banki iri mu gihombo;</p> <p>(g) gukora ikindi gikorwa cyafasha mu izahurwa rya banki.</p> <p>(2) Banki Nkuru itegura, ikabungabunga ikanashyira mu bikorwa gahunda y'izahurwa rya banki.</p>	<p>(e) determine the period of suspension of payments to unsecured creditors and clients, and suspend the seizure process by creditors of a bank's assets and any debt collection process against the bank. The suspension referred to in this subparagraph does not apply to financial transactions protected by law;</p> <p>(f) force liquidation of the failed bank;</p> <p>(g) to undertake any other transaction or operation that may help to restore the financial soundness of the bank.</p> <p>(2) The Central Bank develops, maintains and executes the bank resolution plan.</p>	<p>(e) déterminer la période de suspension des paiements aux créanciers chirographaires et aux clients et suspendre la procédure de saisie, par les créanciers, des biens d'une banque et toute procédure de recouvrement de créances contre la banque. La suspension visée au présent sous-alinéa ne s'applique pas aux transactions financières protégées par la loi ;</p> <p>(f) forcer la liquidation de la banque en faillite;</p> <p>(g) entreprendre toute autre transaction ou opération pouvant contribuer à rétablir la solidité financière de la banque.</p> <p>(2) La Banque centrale élabore, maintient et exécute le plan de résolution bancaire.</p>
<p><u>Ingingo ya 71: Kwifashisha impuguke</u></p> <p>Mu kuzuzwa inshingano ze, umuyobozi udasanze, abihereye uburenganzira na Banki Nkuru, ashobora kwifashisha impuguke zirimo ababaruramari, abagenzuzi bigenga n'abanyamategeko.</p>	<p><u>Article 71: Use of experts</u></p> <p>In fulfilling his or her mandate, the special administrator may, with prior authorization of the Central Bank, have recourse to experts, including accountants, external auditors and lawyers.</p>	<p><u>Article 71 : Recours à des experts</u></p> <p>Dans l'accomplissement de son mandat, l'administrateur spécial peut, sur autorisation préalable de la Banque centrale, faire appel à des experts, y compris des comptables, des auditeurs externes et des juristes.</p>

<p><u>Ingingo ya 72: Umushahara w’umuyobozi udasanzwe n’ibitangwa ku mpuguke yifashishije</u></p> <p>Banki ni yo yishyura umushahara n’ibindi bigenerwa umuyobozi udasanzwe mu buryo bugenwa na Banki Nkuru, kimwe n’ibitangwa ku mirimo y’impuguke aba yifashishije, keretse Banki Nkuru ibigennye ukundi.</p> <p><u>Ingingo ya 73: Isozwa ry’inshingano z’umuyobozi udasanzwe</u></p> <p>Umuyobozi udasanzwe urangije inshingano ze aha raporo Banki Nkuru kandi akagira ibanga ry’akazi ku birebana n’amakuru ayo ari yo yose yamenye ajyanye n’inshingano yari yahawe.</p> <p><u>UMUTWE WA VIII: ISESWA</u></p> <p><u>Icyiciro cya mbere: Isewa ku bushake</u></p> <p><u>Ingingo ya 74: Ibisabwa mu iseswa rikozwe ku bushake n’ishyirwaho ry’ushinzwe iseswa</u></p> <p>(1) Haseguriwe ibiteganywa n’itegeko ry’amasosiyete y’ubucuruzi, banki yose,</p>	<p><u>Article 72: Wages of the special administrator and experts cost</u></p> <p>The bank pays wages and other service remunerations of the special administrator under conditions set out by the Central Bank, as well as costs associated with any expertise services that the special administrator may require unless otherwise determined by the Central Bank.</p> <p><u>Article 73: Completion of duties of the special administrator</u></p> <p>A special administrator who completes his or her duties submits a report to the Central Bank and is bound by professional secrecy with regard to any information obtained in connection with his or her mandate.</p> <p><u>CHAPTER VIII: LIQUIDATION</u></p> <p><u>Section One: Voluntary liquidation</u></p> <p><u>Article 74: Conditions for voluntary liquidation and appointment of liquidator</u></p> <p>(1) Subject to the provisions of the law governing companies, any bank may, with</p>	<p><u>Article 72 : Salaires de l’administrateur spécial et coût des experts</u></p> <p>La banque prend à sa charge le paiement du salaire et autres rémunérations de services de l’administrateur spécial dans les conditions fixées par la Banque centrale, ainsi que les charges liées aux services d’expertise auxquels il peut faire recours, sauf décision contraire de la Banque centrale.</p> <p><u>Article 73 : Fin de mission de l’administrateur spécial</u></p> <p>Un administrateur spécial qui termine ses fonctions soumet un rapport à la Banque centrale et est tenu au secret professionnel pour toute information dont il a eu connaissance dans le cadre de l’exercice de son mandat.</p> <p><u>CHAPITRE VIII : LIQUIDATION</u></p> <p><u>Section première : Liquidation volontaire</u></p> <p><u>Article 74 : Conditions de liquidation volontaire et nomination du liquidateur</u></p> <p>(1) Sous réserve des dispositions de la loi régissant les sociétés commerciales,</p>
--	--	--

<p>ihawe uburenganzira na Banki Nkuru, ishobora gusesa ibikorwa byayo ku bushake.</p> <p>(2) Mbere yo gusesa ibikorwa byayo ku bushake, banki igeza kuri Banki Nkuru inyandiko isaba kwemeza gahunda yayo yo gusesa ibikorwa ku bushake n’ushinzwe iseswa hamwe n’ibi bikurikira:</p> <p>(a) icyemezo cy’umugenzuzi wigenga cyemeza ko banki ifite ubushobozi bwo kwishyura harimo kwishyura ako kanya abayibikijemo n’abo ibereyemo imyenda bandi;</p> <p>(b) icyangombwa kigaragaza ko iseswa risabwa ryemejwe n’abanyamigabane bangana nibura na 75%.</p> <p>(3) Banki Nkuru imenyekanisha icyemezo cyayo mu gihe kitarenze amezi abiri uherye umunsi isaba ry’iseswa ku bushake ryakiriwe.</p> <p>(4) Mu rwego rwo kwizezwa ko banki izishyura imyenda yose irimo, Banki Nkuru ishobora kwemera iseswa ariko igasaba ko hatangwa ingwate z’inyongera</p>	<p>the approval of the Central Bank, voluntarily liquidate its operations.</p> <p>(2) Prior to instituting a voluntary liquidation, a bank submits to the Central Bank an application for approval of its voluntary liquidation plan and liquidator along with the following:</p> <p>(a) a certificate from an external auditor to the effect that the bank is solvent and is capable of promptly repaying its depositors and other creditors;</p> <p>(b) an approval of the proposed liquidation by shareholders representing at least 75%.</p> <p>(3) The Central Bank announces its decision within two months from the date of receipt of the application for voluntary liquidation.</p> <p>(4) In order to ensure that commitments of the bank will be fully paid, the Central Bank may grant its approval of liquidation subject to the constitution of additional guarantees for payment of potential post</p>	<p>toute banque peut, sur approbation de la Banque centrale, volontairement liquider ses opérations.</p> <p>(2) Avant de procéder à une liquidation volontaire, la banque soumet à la Banque centrale une demande d’approbation de son plan de liquidation volontaire et du liquidateur ainsi que les pièces suivantes :</p> <p>(a) un certificat de l’auditeur externe attestant que la banque est solvable et capable de rembourser rapidement ses déposants et autres créanciers;</p> <p>(b) une approbation de la liquidation proposée par des actionnaires représentant 75 % au moins.</p> <p>(3) La Banque centrale annonce sa décision dans un délai de deux mois à compter de la date de réception de la demande de liquidation volontaire.</p> <p>(4) Afin de s’assurer que les engagements de la banque seront entièrement payés, la Banque centrale peut accorder l’approbation de liquidation sous condition de la</p>
--	---	--

<p>kugira ngo hishyurwe imyenda ishobora kugaragara nyuma y'iseswa.</p> <p>(5) Iyo Banki Nkuru imaze kubyemera, banki bireba ihita ihagarika imirimo yayo igasigarana gusa ububasha butuma ikora imirimo ya ngombwa kugira ngo iseswa rikorwe neza.</p>	<p>liquidation commitments.</p> <p>(5) Upon receipt of the approval of the Central bank, the concerned bank immediately ceases to do business, and retains only the powers to do necessary business for the purpose of effecting an orderly liquidation.</p>	<p>constitution des garanties additionnelles pour le paiement des engagements éventuels pouvant survenir après la liquidation.</p> <p>(5) Dès réception de l'approbation de la Banque centrale, la banque concernée cesse immédiatement ses activités en ne conservant que le pouvoir d'effectuer les opérations nécessaires pour procéder à une liquidation ordonnée.</p>
<p><u>Ingingo ya 75: Gahunda y'iseswa rikozwe ku bushake</u></p> <p>(1) Gahunda y'iseswa ku bushake rya banki ikubiyemo ibi bikurikira:</p> <p>(a) inyandiko irambuye igaragaza urutonde rw'ibintu bigize umutungo n'ahandi hose hashobora guturuka umutungo;</p> <p>(b) inyandiko irambuye igaragaza urutonde rw'imyenda, isobanura kandi uko buri mwenda ungana, niba ari umwenda ugomba kwishyurwa mbere cyangwa umwenda usanzwe udafite ingwate, niba ugibwaho impaka cyangwa ntazo.</p>	<p><u>Article 75: Voluntary liquidation plan</u></p> <p>(1) The bank voluntary liquidation plan includes the following:</p> <p>(a) a detailed statement of assets and of any other means of resource mobilization;</p> <p>(b) a detailed statement of liabilities specifying the amount of each debt, its preferential or unsecured nature, and whether it is contested or not.</p>	<p><u>Article 75 : Plan de liquidation volontaire</u></p> <p>(1) Le plan de liquidation volontaire d'une banque comprend ce qui suit :</p> <p>(a) un état détaillé de l'actif et de tout autre moyen de mobilisation de ressources ;</p> <p>(b) un état détaillé du passif précisant le montant de chaque dette, son caractère privilégié ou chirographaire et si elle fait l'objet d'une contestation ou non.</p>

<p>(2) Ushinzwe iseswa, buri cyumweru, mu gihe cy'ibyumweru bibiri bikurikiranye, ashya ahagaragara mu kinyamakuru cyo mu Rwanda gisomwa na benshi no mu bundi buryo bwose bushobotse, itangazo ryerekana aho ibikubiye muri gahunda y'iseswa bishobora kureberwa.</p>	<p>(2) The liquidator publishes on a weekly basis, for two consecutive weeks in a newspaper with wide circulation in Rwanda and through any other appropriate channel, a notice indicating the locations where items specified in the liquidation plan may be consulted.</p>	<p>(2) Le liquidateur publie hebdomadairement, pendant deux semaines consécutives, dans un journal de grande diffusion au Rwanda et par toute autre voie appropriée, une annonce indiquant les lieux où peut être consulté le contenu du plan de liquidation.</p>
<p><u>Ingingo ya 76: Ibitekerezo n'ibibazo kuri gahunda y'iseswa rikozwe ku bushake</u></p>	<p><u>Article 76: Observations and claims concerning the voluntary liquidation plan</u></p>	<p><u>Article 76 : Observations et réclamations relatives au plan de liquidation volontaire</u></p>
<p>(1) Abantu babifitemo inyungu bashobora kumenyekanisha mu gihe kitarenze amezi abiri icyo batekereza cyangwa icyo basaba cyerekeranye na gahunda y'iseswa.</p>	<p>(1) Interested persons may express within two months their observations or claims concerning the liquidation plan.</p>	<p>(1) Les personnes intéressées peuvent exprimer, dans un délai de deux mois, leurs observations ou réclamations concernant le plan de liquidation.</p>
<p>(2) Ushinzwe iseswa amenyesha ababifitemo inyungu ibitekerezo n'ibibazo byatanzwe kuri gahunda y'iseswa rikozwe ku bushake na we yagize icyo abivugaho, akoresheje ibaruwa ishinganye itangirwa icyemezo cy'uko yakiriwe cyangwa ubundi buryo bwizewe bw'itumanaho.</p>	<p>(2) Observations and claims on the voluntary liquidation plan are communicated by the liquidator, along with his or her own comments, to any interested person by certified mail against acknowledgement of receipt or by another safe communication channel.</p>	<p>(2) Les observations et réclamations concernant le plan de liquidation sont communiquées par le liquidateur, avec ses propres commentaires, à toute personne intéressée par lettre recommandée contre accusé de réception ou par tout autre moyen de communication efficace.</p>
<p>(3) Nyuma y'igihe cy'andi mezi abiri, ushinzwe iseswa ashobora kugirana imishyikirano n'ababikije cyangwa abandi bafitiwe imyenda, buri muntu ku giti cye cyangwa bari mu matsinda, kandi agashyiraho gahunda y'iseswa rikozwe ku</p>	<p>(3) After another two months' period, the liquidator may engage in negotiations with depositors or other creditors, individually or in groups, and the liquidator decides on a suitable voluntary liquidation plan. Interested persons are informed of the final</p>	<p>(3) Au terme d'une autre période de deux mois, le liquidateur peut mener des négociations avec les déposants et autres créanciers, individuellement ou en groupes, et il arrête un plan de liquidation volontaire adéquat. Le plan de liquidation</p>

<p>bushake inonosoye. Gahunda y’iseswa rikozwe ku bushake yemejwe burundu imenyeshwa ababifitemo inyungu na Banki Nkuru.</p> <p><u>Ingingo ya 77: Ibikorwa bitangirwa uruhushya na Banki Nkuru mu gihe cy’iseswa ku bushake</u></p> <p>Ushinzwe iseswa abanza kubona uruhushya rwa Banki Nkuru mbere y’uko akora ibi bikurikira mu gihe cy’iseswa rikozwe ku bushake:</p> <p>(a) ibikorwa byerekeye amafaranga ari hejuru y’umubare ntarengwa ushyirwaho na Banki Nkuru, uretse ibyo kwishyura imyenda;</p> <p>(b) kureka kwishyura umwenda wose cyangwa igice cyawo cyangwa undi mutungo wimukanwa;</p> <p>(c) kwishyura umwenda wihariye wafashwe mbere y’uko hafatwa icyemezo cy’iseswa;</p> <p>(d) gutanga cyangwa kugwaturiza umutungo wose utimukanwa.</p>	<p>liquidation plan by the Central Bank.</p> <p><u>Article 77: Operations to be authorised by the Central Bank in case of voluntary liquidation</u></p> <p>The liquidator obtains prior authorisation from the Central Bank before carrying out the following operations during the voluntary liquidation process:</p> <p>(a) operations involving an amount exceeding a maximum set by the Central Bank, except for the operations of debt collection;</p> <p>(b) total or partial relinquishment of a debt or other movable asset;</p> <p>(c) payment of any individual debt incurred prior to the liquidation decision;</p> <p>(d) to transfer or mortgage any immovable property.</p>	<p>définitif est porté à la connaissance des personnes intéressées par la Banque centrale.</p> <p><u>Article 77 : Opérations devant être autorisées par la Banque centrale en cas de liquidation volontaire</u></p> <p>Le liquidateur obtient l’autorisation préalable de la Banque centrale avant d’effectuer les opérations suivantes au cours de la liquidation volontaire :</p> <p>(a) des opérations portant sur un montant supérieur à un maximum fixé par la Banque centrale, sauf les opérations de recouvrement des créances;</p> <p>(b) l’abandon total ou partiel de toute créance ou autre actif mobilier;</p> <p>(c) le paiement de toute dette particulière contractée avant la prise de la décision de liquidation;</p> <p>(d) l’aliénation ou l’hypothèque de tout bien immobilier.</p>
---	--	--

<p><u>Ingingo ya 78: Kubika umutungo w'abafitiwe imyenda batajyanye</u></p> <p>(1) Iyo iseswa rirangiye, ushinzwe iseswa abika muri Banki Nkuru, mu izina ry'abafitiwe imyenda, amafaranga n'ibintu bene byo batatwaye, uburenganzira babifiteho bukarangirana n'igihe giteganyijwe n'amategeko.</p> <p>(2) icyakora, ibiteganywa n'iyi ngingo ntibireba ibyerekeye ihwanyabwishyu ry'imyenda umukiriya abereyemo banki n'imyenda banki imurimo.</p>	<p><u>Article 78: Deposit of funds and holdings not claimed</u></p> <p>(1) Upon completion of the liquidation, funds and holdings attributed to creditors and not withdrawn are deposited by the liquidator with the Central Bank on behalf of the interested parties, whose rights are prescribed in accordance with the relevant laws.</p> <p>(2) However, the provisions of this Article do not apply to the offsetting of the debts a client owes to the bank and debts a bank owes to the client.</p>	<p><u>Article 78 : Dépôt de fonds et avoirs non réclamés</u></p> <p>(1) A la clôture de la liquidation, les fonds et avoirs attribués aux créanciers et non retirés sont déposés par le liquidateur à la Banque centrale au nom des intéressés, dont les droits sont prescrits conformément aux dispositions légales.</p> <p>(2) Toutefois, les dispositions du présent article ne s'appliquent pas aux compensations des dettes qu'un client doit à la banque et des dettes que la banque doit au client.</p>
<p><u>Iciviro cya 2: Iseswa ritegetswe</u></p>	<p><u>Section 2: Forced liquidation</u></p>	<p><u>Section 2 : Liquidation forcée</u></p>
<p><u>Ingingo ya 79: Impamvu z'iseswa ritegetswe</u></p> <p>(1) Banki Nkuru ishobora gutegeka ko banki iseswa iyo –</p> <p>(a) gahunda y'izahura itegurwa na banki itubahirijwe cyangwa iyo ibangamira inyungu z'abayibikijemo cyangwa abandi bafitiwe imyenda;</p> <p>(b) umuyobozi udasanzwe yerekanye ko</p>	<p><u>Article 79: Causes of forced liquidation</u></p> <p>(1) The Central Bank may order the forced liquidation of a bank if –</p> <p>(a) the recovery plan developed by the bank is not respected or is jeopardizing the interests of depositors or other creditors;</p> <p>(b) the special administrator gives</p>	<p><u>Article 79 : Causes de liquidation forcée</u></p> <p>(1) La Banque centrale peut ordonner la liquidation forcée d'une banque lorsque –</p> <p>(a) le plan de redressement élaboré par la banque n'est pas respecté ou s'avère préjudiciable aux intérêts des déposants ou des autres créanciers ;</p> <p>(b) l'administrateur spécial démontre</p>

<p>ari ngombwa;</p> <p>(c) banki itagishoboye kwishyura kandi nta bushobozi ifite bwo kongera gukora neza;</p> <p>(d) banki iyibyara cyangwa ibumbye izindi yafatiwe icyemezo cyo guseswa gishobora kugira ingaruka mbi kuri banki;</p> <p>(e) cyangwa banki yambuwe uruhushya rwo gukora.</p> <p>(2) Banki Nkuru ishyiraho ingamba zituma umutungo wa banki udahungabana mu gihe itangajwe iseswa ritegetswe.</p> <p>(3) Ububasha bw'umuyobozi udasanzwe burangira iyo iseswa ritegetswe ryatangajwe.</p>	<p>evidence that it is necessary;</p> <p>(c) the bank is insolvent and without possibility of recovery;</p> <p>(d) the parent bank or holding company is undergoing liquidation which may adversely affect the bank; or</p> <p>(e) the bank licence is revoked.</p> <p>(2) The Central Bank puts in place measures to protect assets of the bank upon the declaration of the forced liquidation.</p> <p>(3) The powers of the special administrator cease when the forced liquidation procedure is decided.</p>	<p>qu'elle est nécessaire ;</p> <p>(c) la banque est en cessation de paiement et sans possibilité de redressement ;</p> <p>(d) la banque mère ou société holding fait l'objet de liquidation qui peut avoir un effet négatif sur la banque; ou</p> <p>(e) la licence de la banque est révoquée.</p> <p>(2) La Banque centrale met en place des mesures pour protéger le patrimoine de la banque en cas de déclaration de liquidation forcée.</p> <p>(3) Les pouvoirs de l'administrateur spécial cessent quand la décision de liquidation forcée est prise.</p>
<p><u>Ingingo ya 80: Kwamburwa uburenganzira ku mutungo</u></p> <p>(1) Banki iba yambuwe uburenganzira ku mutungo wayo iyo iseswa ritegetswe ritangijwe.</p> <p>(2) Ubwishyu bwose n'ibindi banki yakora kimwe n'ibyo yakwishyurwa,</p>	<p><u>Article 80: Divestiture of the right on assets</u></p> <p>(1) A bank is automatically divested of rights on its assets when forced liquidation commences.</p> <p>(2) All payments and other acts carried out by the bank and payments made to the bank</p>	<p><u>Article 80 : Dessaisissement du droit au patrimoine</u></p> <p>(1) Une banque est automatiquement dessaisie du droit sur son patrimoine au début de la liquidation forcée.</p> <p>(2) Tous les paiements et actes posés par la banque et tous les paiements faits à</p>

<p>iri mu iseswa, irenze ku iyamburwa ry'ububasha bwayo, ntibishobora kugira agaciro ku bo ibereyemo umwenda bose.</p> <p>(3) Mu gihe cy'iseswa ritegetswe, ntawe banki ibereyemo umwenda ushobora gufatira ikigize umutungo wa banki kandi uburyo bwose bwo kubona ubwishyu buba buhagaritswe.</p>	<p>when undergoing liquidation, in violation of the divestiture, shall not be invoked against all its creditors.</p> <p>(3) During the forced liquidation process, no creditor may seize an asset of the bank, and all enforcement procedures for obtaining payment of debts are suspended.</p>	<p>la banque qui fait l'objet de liquidation, en violation du dessaisissement dont celle-ci est frappée, sont inopposables à tous ses créanciers.</p> <p>(3) Au cours de la liquidation forcée, aucun créancier ne peut saisir un actif de la banque et toutes les voies d'exécution pour parvenir au paiement des créances sont suspendues.</p>
<p><u>Ingingo ya 81: Urwego rushinzwe iseswa ritegetswe</u></p> <p>(1) Banki Nkuru ni yo yemeza iseswa ritegetswe kandi igashyiraho ushinzwe iseswa.</p> <p>(2) Igihembo cy'ushinzwe iseswa washyizweho na Banki Nkuru kimwe n'andi mafaranga yo kwishyura ibyakozwe mu rwego rw'iseswa bitangwa na banki iri mu iseswa.</p>	<p><u>Article 81: Organ in charge of forced Liquidation</u></p> <p>(1) The Central Bank decides on forced liquidation and designates a liquidator.</p> <p>(2) The remuneration of the liquidator designated by the Central Bank and the costs associated with the liquidation procedure is borne by the bank undergoing liquidation.</p>	<p><u>Article 81 : Organe responsable de la liquidation forcée</u></p> <p>(1) La Banque centrale décide de la liquidation forcée et désigne un liquidateur.</p> <p>(2) La rémunération du liquidateur désigné par la Banque centrale et les charges occasionnées par la procédure de liquidation sont à la charge de la banque en liquidation.</p>
<p><u>Ingingo ya 82: Itangazwa ry'icyemezo cy'iseswa ritegetswe</u></p> <p>Icyemezo cyo gusesa banki kigomba gutangazwa mu bitangamakuru nibura bitatu bikurikirwa na benshi mu Rwanda no</p>	<p><u>Article 82: Publication of the decision of forced liquidation</u></p> <p>The decision to carry out forced liquidation of a bank must be published in at least three widely circulated medias in Rwanda and in</p>	<p><u>Article 82 : Publication de la décision de liquidation forcée</u></p> <p>La décision de liquidation forcée d'une banque doit être publiée dans au moins trois médias les plus lus au Rwanda et dans un</p>

<p>mu gitangazamakuru kimwe gisomwa cyane mu karere u Rwanda ruherereyemo cyangwa mu bundi buryo Banki Nkuru ibona ko bukwiye.</p> <p><u>Ingingo ya 83: Ibikorwa Banki Nkuru yemerera ushinzwe iseswa ritegetswe gukora</u></p> <p>Bimaze kwemezwa na Banki Nkuru, ushinzwe iseswa ritegetswe ashobora gukora ibi bikurikira:</p> <p>(a) gutanga ikirego mu butabera mu mwanya wa banki iri mu iseswa cyangwa kwiregura mu mwanya wayo mu rwego rwose rw'imiburanishirize;</p> <p>(b) gucunga banki iri mu iseswa ritegetswe kugira ngo iseswe;</p> <p>(c) kwifashisha abanyamategeko, abanoteri, ababaruramari, abagenagaciro b'imitungo n'abandi bajyanama mu by'akazi cyangwa gushyiraho umuntu wese wo kumuhagararira;</p> <p>(d) kumvikanisha cyangwa guhuza banki n'abo ibereyemo imyenda, abavuga ko iyibabereyemo cyangwa abiyita ko ibarimo imyenda, yaba iriho cyangwa</p>	<p>one media with wide distribution in the region or through any other channel considered appropriate by the Central Bank.</p> <p><u>Article 83: Acts authorised by the Central Bank to the liquidator in charge of forced liquidation</u></p> <p>Upon approval by the Central Bank, the liquidator in charge of forced liquidation may perform the following:</p> <p>(a) to initiate legal proceedings on behalf of the bank undergoing liquidation or defend it in any legal proceeding;</p> <p>(b) to manage the bank undergoing forced liquidation for its liquidation;</p> <p>(c) to obtain the services of lawyers, notaries, accountants, evaluators and other professional advisers or appoint any other person to represent him or her;</p> <p>(d) to make any compromise or arrangement between the bank and creditors, persons claiming to be creditors or persons purporting to have</p>	<p>media le plus lu dans la région ou par toute autre voie jugée appropriée par la Banque centrale.</p> <p><u>Article 83 : Actes autorisés au liquidateur chargé d'une liquidation forcée par la Banque centrale</u></p> <p>Après approbation de la Banque centrale, le liquidateur chargé d'une liquidation forcée peut faire ce qui suit :</p> <p>(a) intenter des actions en justice au nom de la banque en liquidation ou la défendre dans toute procédure judiciaire;</p> <p>(b) gérer la banque en liquidation forcée pour sa liquidation;</p> <p>(c) requérir les services de juristes, de notaires, de comptables, d'évaluateurs et d'autres conseillers professionnels ou nommer toute personne pour le représenter ;</p> <p>(d) faire tout compromis ou arrangement entre la banque et les créanciers, les personnes qui se déclarent créancières ou qui prétendent avoir</p>
---	---	--

<p>iyo mu gihe kizaza cyangwa igejeje igihe cyo kwishyurwa;</p> <p>(e) kumvikana ku mafaranga y'abahamagarijwe kuyatanga, ku nshingano ku mafaranga yabo no ku zindi nshingano zishobora kubyara imyenda, ku bishyuzwa ubu cyangwa bazishyuzwa nyuma imyenda ishobora kubyara indishyi z'akababaro, inshingano zindi ziriho cyangwa zishobora kubaho hagati ya banki iri mu iseswa n'abandi bantu;</p> <p>(f) kugurisha ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa bya banki, hakoreshejwe icyamunara cyangwa mu bwumvikane, mu cyiciro kimwe cyangwa mu byiciro byinshi;</p> <p>(g) kugurisha banki yose cyangwa igice cyayo kugira ngo abo ibereyemo umwenda bishyurwe;</p> <p>(h) gutesha agaciro igikorwa icyo ari cyo cyose cyakozwe na banki iyo banki n'abandi bantu bari bazi cyangwa bagombaga kuba bazi ko ibyo bikorwa byashoboraga kwangiza inyungu za banki cyangwa iz'abayibitsamo;</p>	<p>present, future or liquid claims;</p> <p>(e) to make compromises on calls for funds, exposures related to the calls for funds, exposures which may entail debts, any sort of present and future claim apt to give rise to damage claims and exposures existing or apt to exist between the bank undergoing liquidation and third parties;</p> <p>(f) to sell movable and immovable assets of the bank at public auction or by mutual agreement, in one or several batches;</p> <p>(g) to sell all or part of the bank for reimbursing creditors;</p> <p>(h) to declare void any act carried out by the bank, if the bank and the third parties knew or should have known that the said acts would jeopardize the interests of the bank or of its depositors;</p>	<p>des créances présentes ou futures ou exigibles;</p> <p>(e) faire des compromis sur les appels de fonds, les engagements en rapport avec les appels de fonds, les engagements susceptibles d'engendrer des dettes, toutes sortes de réclamations présentes ou futures susceptibles de donner lieu à des dommages et intérêts et les engagements qui existent ou sont susceptibles d'exister entre la banque en liquidation et les tiers;</p> <p>(f) vendre les biens meubles et immeubles de la banque, aux enchères publiques ou de gré à gré, en un seul ou en plusieurs lots;</p> <p>(g) vendre tout ou partie de la banque en vue de rembourser des créanciers;</p> <p>(h) déclarer nuls tous les actes qui ont été posés par la banque, si la banque et les tiers savaient ou devaient savoir que ces actes seraient dommageables aux intérêts de la banque ou de ses déposants;</p>
---	---	---

<p>(i) gukora ikindi gikorwa yasabwa na Banki Nkuru cyangwa na we yasaba Banki Nkuru cyatuma iseswa ritegetswe rigenda neza.</p> <p><u>Ingingo ya 84: Ibyo ushinzwe iseswa akora atabanje kubisabira uruhushya Banki Nkuru</u></p> <p>Ushinzwe iseswa ashobora gukora ibi bikurikira atabanje gusaba uruhushya Banki Nkuru:</p> <p>(a) gushyira umukono ku nyandiko no gushyira mu bikorwa ibyo ziteganywa, mu mwanya wa banki iri mu iseswa;</p> <p>(b) guhagararira banki iri mu iseswa mu bijyanye n'igihombo cy'ikindi kigo cyangwa isosiyete y'ubucuruzi banki ifitemo inyungu;</p> <p>(c) gutanga cyangwa gusinya mu mwanya wa banki iri mu iseswa, ingwate za banki cyangwa inyandiko zishobora gucuruzwa hakurikijwe aho ububasha bwe bugarukira;</p> <p>(d) kugaragaza uburyozwe bwite bwa</p>	<p>(i) to perform other duty as may be assigned by the Central Bank or that the liquidator may request from the Central Bank for the smooth running of the forced liquidation.</p> <p><u>Article 84: Acts performed by the liquidator without prior authorisation from the Central Bank</u></p> <p>The liquidator may perform the following acts without prior authorisation from the Central Bank:</p> <p>(a) to sign and execute the provisions of documents on behalf of the bank undergoing liquidation;</p> <p>(b) to represent the bank undergoing liquidation in any insolvency proceedings involving another entity or company in which the bank has an interest;</p> <p>(c) to issue or endorse, on behalf of the bank undergoing liquidation, securities of the bank or any commercial paper within the limits of the powers of the liquidator;</p> <p>(d) to identify individual liability of each</p>	<p>(i) exécuter toute autre tâche qui peut lui être assignée par la Banque centrale ou que le liquidateur peut solliciter auprès de la Banque centrale pour le bon déroulement de la liquidation forcée.</p> <p><u>Article 84 : Actes posés par le liquidateur sans autorisation préalable de la Banque centrale</u></p> <p>Le liquidateur peut poser les actes suivants sans autorisation préalable de la Banque centrale :</p> <p>(a) signer et exécuter les dispositions des documents au nom de la banque en liquidation;</p> <p>(b) représenter la banque en liquidation dans toute procédure d'insolvabilité d'un autre établissement ou d'une société commerciale dans laquelle la banque possède des intérêts;</p> <p>(c) émettre ou endosser, au nom de la banque en liquidation, des titres de la banque ou tout effet de commerce dans les limites des pouvoirs du liquidateur;</p> <p>(d) dégager la responsabilité individuelle</p>
--	--	---

<p>buri wese mu bafite imigabane, abagize Inama y'Ubutegetsi n'abayobozi ba banki iri mu iseswa;</p> <p>(e) gukuraho ibyari bigenewe abanyamigabane;</p> <p>(f) kumvikana, kugirana imishyikirano no gukora amasezerano mu nyungu z'ababikije amafaranga muri banki iri mu iseswa;</p> <p>(g) gusaba mu nyandiko umuntu wese wabaye cyangwa ukiri umuyobozi, umukozi, umugenzuzi wigenga wa banki iri mu iseswa cyangwa undi muntu wese urinda imari cyangwa ikindi kigize umutungo wa banki iri mu iseswa –</p> <p>(i) gutanga ubufasha mu isuzumwari ry'ibibazo byerekeranye n'iseswa;</p> <p>(ii) cyangwa kwerekana inyandiko iyo ari yo yose yerekeye ibikorwa bya banki iri mu iseswa.</p>	<p>shareholder, member of the Board of Directors and managers of the bank undergoing liquidation;</p> <p>(e) to remove benefits granted to shareholders;</p> <p>(f) to agree on, negotiate and conclude any act in the interest of the depositors of the bank undergoing liquidation;</p> <p>(g) to request in writing any person who is or was a manager, an employee or external auditor of the bank undergoing liquidation, or any other person keeping funds or other assets of the bank undergoing liquidation –</p> <p>(i) to provide assistance in the assessment of issues related to the liquidation process;</p> <p>(ii) or to produce any document related to the activities of the bank undergoing liquidation.</p>	<p>de chacun des actionnaires, des membres du Conseil d'administration et des dirigeants de la banque en liquidation;</p> <p>(e) supprimer les avantages accordés aux actionnaires;</p> <p>(f) transiger, négocier et conclure tout acte dans l'intérêt des déposants de la banque en liquidation;</p> <p>(g) demander, par écrit, à toute personne qui est ou a été dirigeant, employé ou auditeur externe de la banque en liquidation ou toute autre personne qui garde des fonds ou autres actifs de la banque en liquidation –</p> <p>(i) de fournir une assistance dans l'examen des problèmes liés au processus de liquidation ;</p> <p>(ii) ou de produire tout document en rapport avec les activités de la banque en liquidation.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 85: Ububasha bw’ushinzwe iseswa bwo gukora iperereza</u></p> <p>Ushinzwe iseswa ashobora gukora iperereza kugira ngo –</p> <p>(a) agaragaze inkomoko y’igihombo;</p> <p>(b) cyangwa akore raporo ku bintu binyuranye byerekeye –</p> <p>(i) abantu bafitanye isano na banki;</p> <p>(ii) kurenga ku mategeko n’amabwiriza;</p> <p>(iii) imiterere y’ibikorwa bya banki n’uburyo inguzanyo zatangwagamo;</p> <p>(iv) na za politiki n’imigenzereze ya banki iri mu iseswa.</p>	<p><u>Article 85: Power of investigation of liquidator</u></p> <p>The liquidator may conduct investigations to –</p> <p>(a) determine the causes of the insolvency;</p> <p>(b) or report on various transactions relating to –</p> <p>(i) bank-related parties;</p> <p>(ii) violations of laws and regulations;</p> <p>(iii) the nature of transactions and lending practices;</p> <p>(iv) and the policies and procedures of the bank undergoing liquidation.</p>	<p><u>Article 85 : Pouvoir d’enquête du liquidateur</u></p> <p>Le liquidateur peut mener des investigations pour –</p> <p>(a) déterminer les causes de l’insolvabilité;</p> <p>(b) ou faire des rapports sur diverses transactions en rapport avec –</p> <p>(i) les personnes apparentées à la banque;</p> <p>(ii) les violations des lois et des règlements;</p> <p>(iii) la nature des transactions et les pratiques de prêts ;</p> <p>(iv) et les politiques et les procédures de la banque en liquidation.</p>
<p><u>Ingingo ya 86: Igihe cyo kumenyesha ushinzwe iseswa imyenda banki yishyuzwa</u></p> <p>(1) Mu rwego rwo gusuzuma agaciro k’umutungo n’imyenda bya banki iri mu iseswa ritegetswe n’aho bituruka, mu gihe kitarenze iminsi 45 guhera ku munsu icyemezo cyo gusesa cyatangarijweho,</p>	<p><u>Article 86: Period for submitting claims to the liquidator</u></p> <p>(1) For purposes of assessment of the value of the assets and liabilities of a bank undergoing forced liquidation and their source, the liquidator gives, within 45 days from the date of publication of the</p>	<p><u>Article 86 : Délai de soumission des réclamations au liquidateur</u></p> <p>(1) Aux fins de l’évaluation de l’actif et du passif d’une banque en liquidation forcée et de leur source, le liquidateur fait, dans un délai de 45 jours à partir de la date de publication de la décision de liquidation,</p>

<p>ushinzwe iseswa atanga, hifashishijwe itangazamakuru n'ikorabuhanga, itangazo rihamagarira abo banki ibereyemo imyenda bafite ingwate ku mitungo itimukanwa, abafite umwanya w'ibanze mu bishyuzwa, abishyuzwa nta ngwate, hamwe n'ababitsaga, kumugezaho imibare mu buryo burambuye y'ibyo bishyuzwa n'umwihariko w'umwenda wabo mu gihe kitarenze iminsi 180 guhera itangazo risohotse.</p> <p>(2) Iyo igihe cy'iminsi 180 ivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo kirenze, umuntu wese utaramenyeshije ushinzwe iseswa ibyo yishyuzwa ntaba acyemerewe kuba mu babanza kwishyurwa, bityo afatwa nk'uwishyurwa nta ngwate kuri banki.</p> <p>(3) Ibikubiye mu gika cya (1) cy'iyi ngingo ntibireba ababikije amafaranga azigamiwe ku mugabane wabo wishyurwa n'ikigega cy'ubwishingizi bw'amafaranga azigamiwe.</p>	<p>decision of forced liquidation, through media and information technology, a notice inviting all holders of mortgages, preferred claims or unsecured creditors, as well as depositors, to submit to him or her within a period not exceeding 180 days from the date of publication of the notice, a detailed statement of sums claimed and the specific terms of the claim.</p> <p>(2) Failure to submit the claim to the liquidator within the period of 180 days referred to in Paragraph (1) of this Article makes the claimant lose the right to be entitled to preferential treatment for the payment of its claim and this claimant is treated as unsecured creditor vis-à-vis the bank.</p> <p>(3) The provisions of Paragraph (1) of this Article do not apply to the insured depositors for the portion of their deposits covered by the deposit guarantee fund.</p>	<p>par voie médiatique et électronique, une annonce invitant tous les créanciers hypothécaires, privilégiés, chirographaires, ainsi que les déposants à lui soumettre, dans un délai de 180 jours à partir de la date de publication de l'annonce, un état détaillé des sommes réclamées et les conditions particulières de cette réclamation.</p> <p>(2) Toute personne qui n'adresse pas sa réclamation au liquidateur dans le délai de 180 jours visé au paragraphe (1) du présent article perd son privilège de traitement préférentiel pour le règlement de sa créance et est traitée comme créancier chirographaire vis-à-vis de la banque.</p> <p>(3) Les dispositions du paragraphe (1) du présent article ne s'appliquent pas aux déposants assurés pour la partie de leurs dépôts couverts par le fonds de garantie des dépôts.</p>
---	---	---

<p><u>ngingo ya 87:</u> Igihe ntarengwa cyo gutanga raporo y’umutungo wa banki iri mu iseswa</p> <p>Ushinzwe iseswa ashyikiriza Banki Nkuru, mu gihe kitarenze amezi 12 abarwa uherye ku itariki yashyiriweho, raporo irambuye ku gaciro k’umutungo wa banki n’imyenda ibereyemo abayibitsagamo n’abandi ibereyemo imyenda. icyo gihe gishobora kongerwa inshuro imwe iyo bibaye ngombwa.</p> <p><u>Ingingo ya 88:</u> Itumizwa ry’inama y’ababerewemo imyenda n’abanyamigabane</p> <p>Ushinzwe iseswa, iyo bikenewe kandi mu gihe icyo ari cyo cyose, ashobora gutumiza inama y’ababerewemo imyenda cyangwa abanyamigabane kugira ngo bigire hamwe ibi bikurikira:</p> <p>(a) imigendekere y’iseswa;</p> <p>(b) ikindi kibazo cyerekeye iseswa ushinzwe iseswa ashobora gusanga ari ngombwa.</p>	<p><u>Article 87:</u> Time limit for submission of financial report of the bank under liquidation</p> <p>The liquidator submits, within 12 months from the date of his or her appointment, to the Central Bank a detailed report on the value of assets of the bank and exposures to its depositors and other creditors. That period may be extended once if deemed necessary.</p> <p><u>Article 88:</u> Invitation of a meeting of creditors and shareholders</p> <p>The liquidator may, if necessary and at any time, convene a meeting of creditors or shareholders to discuss on the following:</p> <p>(a) the progress in the liquidation process;</p> <p>(b) any other matter relating to the liquidation as the liquidator may deem appropriate.</p>	<p><u>Article 87 :</u> Délai de soumission du rapport financier de la banque en liquidation</p> <p>Le liquidateur doit, dans un délai de 12 mois à partir de la date de sa nomination, soumettre à la Banque centrale un rapport détaillé de la valeur de l’actif et des engagements de la banque vis-à-vis de ses déposants et d’autres créanciers. Cette période peut être renouvelée une fois s’il s’avère nécessaire.</p> <p><u>Article 88 :</u> Convocation de la réunion des créanciers et actionnaires</p> <p>Le liquidateur peut, en cas de nécessité et à tout moment, convoquer une réunion des créanciers ou des actionnaires pour discuter de ce qui suit :</p> <p>(a) l’état d’avancement du processus de liquidation ;</p> <p>(b) toute autre question relative à la liquidation que le liquidateur peut juger appropriée.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 89: Gutangira kwishyura ababerewemo imyenda</u></p> <p>(1) Mu gihe kitarenze amezi abiri amaze gutanga raporo ku mutungo n’imyenda bya banki, ushinzwe iseswa atangira kwishyura amafaranga ababerewemo imyenda na banki hakurikijwe uko abishyurwa ku mutungo wa banki isheshwe bakurikirana.</p> <p>(2) Iyo hagize amafaranga asigara nyuma yo kwishyura ababerewemo imyenda bose, ushinzwe iseswa ayagabanya abanyamigabane ba banki.</p>	<p><u>Article 89: Commencement of the creditor reimbursement process</u></p> <p>(1) Within two months after submission of the report on the assets and liabilities of the bank, the liquidator starts paying the debtors of the bank in accordance with the creditor relief ranking of a liquidated bank.</p> <p>(2) If after reimbursement, there are still funds without claims against the bank, the liquidator distributes the remainder to shareholders of the bank.</p>	<p><u>Article 89 : Début du processus de remboursement des créanciers</u></p> <p>(1) Le liquidateur débute, dans un délai de deux mois après la remise du rapport sur les actifs et le passif de la banque, le processus de remboursement des sommes dues aux créanciers de la banque, conformément au rang de remboursement de créanciers de la banque liquidée.</p> <p>(2) Si, après le remboursement, il subsiste des fonds exempts de réclamations à l’encontre de la banque, le liquidateur distribue le reliquat aux actionnaires de la banque.</p>
<p><u>Icyiciro cya 3: Ingingo zihuriweho ku iseswa ku bushake no ku iseswa ritegetswe</u></p>	<p><u>Section 3: Common provisions on voluntary and forced liquidation</u></p>	<p><u>Section 3 : Dispositions communes à la liquidation volontaire et à la liquidation forcée</u></p>
<p><u>Ingingo ya 90: Uko abishyurwa ku mutungo wa banki isheshwe bakurikirana</u></p> <p>(1) Igihe cyose banki isheshwe, ibivuye mu mutungo wayo n’ingwate, uretse amafaranga ahemba imirimo ijyanye n’iseswa, bigabanywa ibyiciro binyuranye by’abafitiwe imyenda.</p>	<p><u>Article 90: Creditor relief ranking of a liquidated bank</u></p> <p>(1) In any liquidation, the proceeds from the sale of assets and guarantees, minus costs associated with the liquidation, are distributed to the various categories of creditors.</p>	<p><u>Article 90 : Rang de remboursement de créanciers de la banque liquidée</u></p> <p>(1) Dans toute liquidation d’une banque, le produit de la réalisation de l’actif et des garanties, déduction faite des dépenses liées à la liquidation, est distribué aux différentes catégories de créanciers.</p>

<p>(2) Ikigega cy'ubwishingizi bw'amafaranga abitswa hakurikijwe itegeko rikigenga ni cyo cyishyurwa mbere umubare w'amafaranga yasubijwe ababitsaga bizigamiye muri banki yasheshwe.</p> <p>(3) Umutungo usigaye usaranganywa abandi baberewemo imyenda ku buryo bukurikira:</p> <p>(a) ababikije amafaranga atishingiwe n'ikigega cy'ubwishingizi bw'amafaranga abitswa;</p> <p>(b) abandi banki ibereyemo imyenda hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko ryerekeye igihombo.</p> <p>(4) Uko umutungo n'ingwate bigenda biboneka n'uko icyiciro cy'ababerewemo umwenda baba bamaze kwishyurwa amafaranga yose, asigaye agabanywa ababerewemo imyenda bo mu cyiciro gikurikiyeho hashingiwe ku kigero cy'uko umwenda wa buri wese ungana. Icyakora, iyo ababikije bagomba kwishyurwa igice, Banki Nkuru ishobora kwemerera ushinzwe iseswa kugenera buri muntu umubare ntarengwa w'amafaranga ku ijanisha ringana kuri bese.</p>	<p>(2) The deposit guarantee fund has, in accordance with the law governing it, the first claim to the extent of sums repaid to the depositors of the liquidated bank.</p> <p>(3) The remaining proceeds are distributed to other creditors in the following order:</p> <p>(a) depositors for sums uninsured by the deposit guarantee fund;</p> <p>(b) other creditors of the bank in accordance with the law relating to insolvency.</p> <p>(4) As assets and guarantees are sold off and each time a category of creditor is completely paid off, the remainder is distributed to creditors belonging to the following category in proportion to their respective claims. However, within the context of a partial pay-off of depositors, the Central Bank may authorise the liquidator to distribute a maximum amount corresponding to an equal percentage to each of them.</p>	<p>(2) Le fonds de garantie des dépôts est, conformément à la loi le régissant, le premier à être remboursé à concurrence des sommes remboursées aux déposants de la banque liquidée.</p> <p>(3) Le montant restant est distribué à d'autres créanciers dans l'ordre suivant :</p> <p>(a) les déposants des sommes non assurées par le fonds de garantie des dépôts ;</p> <p>(b) d'autres créanciers conformément à la loi relative à l'insolvabilité.</p> <p>(4) Au fur et à mesure de la réalisation de l'actif et des garanties, et chaque fois qu'une catégorie de créanciers est totalement désintéressée, le reliquat est distribué aux créanciers de la catégorie suivante au prorata de leurs créances. Toutefois, dans le cadre d'un remboursement partiel des déposants, la Banque centrale peut autoriser le liquidateur à distribuer un montant maximum correspondant à un pourcentage égal à chacun d'eux.</p>
--	--	---

<p><u>Ingingo ya 91: Igihe ububasha bw’umuyobozi udasanzwe burangirira</u></p> <p>Ububasha bw’umuyobozi udasanzwe burangira iyo iseswa ritegetswe ryatangajwe.</p> <p><u>Ingingo ya 92: Ibyo Banki Nkuru isabwa gukora kuri banki iri mu iseswa</u></p> <p>Kuri buri banki yose iri mu iseswa, Banki Nkuru –</p> <p>(a) yongera inyuma y’izina rya banki amagambo “iri mu iseswa” ku nyandiko yose irebana n’iyo banki;</p> <p>(b) ihagarika imirimo ya banki iseswa uretse iya ngombwa ikenewe gusa mu gihe cy’iseswa;</p> <p>(c) kandi ikamanika mu nyubako zose za banki iseswa, itangazo rimenyesha ko iri mu iseswa hongeweho amagambo –</p> <p>(i) “uruhushya rwa Banki Nkuru”, iyo ari iseswa ku bushake;</p> <p>(ii) cyangwa “icyemezo cya Banki</p>	<p><u>Article 91: Cessation of powers of special administrator</u></p> <p>The powers of the special administrator cease when the forced liquidation procedure is decided.</p> <p><u>Article 92: Acts performed by the Central Bank to a bank in liquidation</u></p> <p>For any bank undergoing liquidation, the Central Bank –</p> <p>(a) adds on the name of the bank the words “in liquidation” in any document related to the bank;</p> <p>(b) immediately ceases the operations of the bank except for those strictly necessary for its liquidation;</p> <p>(c) and displays in all of the premises of the bank in liquidation a notice of liquidation with the reference –</p> <p>(i) “by authorisation of the Central Bank”, if the liquidation is voluntary;</p> <p>(ii) or “by decision of the Central</p>	<p><u>Article 91 : Cessation des pouvoirs d’un administrateur spécial</u></p> <p>Les pouvoirs d’un administrateur spécial cessent quand la décision de liquidation forcée est prise.</p> <p><u>Article 92 : Actes accomplis par la Banque centrale à l’égard d’une banque en liquidation</u></p> <p>Pour toute banque en liquidation, la Banque centrale–</p> <p>(a) ajoute au nom de la banque la mention « en liquidation » dans tout document lié à la banque ;</p> <p>(b) fait cesser immédiatement les opérations de la banque à l’exception de celles strictement nécessaires à sa liquidation ;</p> <p>(c) et affiche dans tous les locaux de la banque en liquidation un avis de mise en liquidation avec mention –</p> <p>(i) « sur autorisation de la Banque centrale», lorsqu’il s’agit d’une liquidation volontaire ;</p> <p>(ii) ou « par décision de la Banque</p>
--	--	--

<p>Nkuru”, igihe ari iseswa ritegetswe.</p> <p><u>Ingingo ya 93: Ubuzimagatozi bwa banki iri mu iseswa</u></p> <p>Ubuzimagatozi bwa banki iri mu iseswa burakomeza kugeza igihe iseswa rirangiye.</p> <p><u>Ingingo ya 94: Ububasha bwa Banki Nkuru bwo gukorera igenzura banki iri mu iseswa</u></p> <p>(1) Mu gihe cy’iseswa, banki ikomeza kugenzurwa na Banki Nkuru.</p> <p>(2) Ushinzwe iseswa abika inyandiko zose z’ibaruramari hakurikijwe amabwiriza ya Banki Nkuru, kandi agashyikiriza Banki Nkuru kopi z’inyandiko zose n’iz’amabaruwa yose yerekeye iseswa.</p> <p><u>Ingingo ya 95: Ububasha buhabwa ushinzwe iseswa</u></p> <p>Ushinzwe iseswa ashobora kuregera urukiko asaba –</p>	<p>Bank”, if the liquidation is forced.</p> <p><u>Article 93: Legal personality of a bank in liquidation</u></p> <p>The legal personality of a bank in liquidation continues to exist until liquidation has been completed.</p> <p><u>Article 94: Power of supervision of the Central Bank during the liquidation of a bank</u></p> <p>(1) During its liquidation, the bank remains under supervision of the Central Bank.</p> <p>(2) The liquidator preserves all accounting documents in accordance with instructions of the Central Bank and submits copies of all documents and correspondences related to liquidation to the Central Bank.</p> <p><u>Article 95: Powers granted to the liquidator</u></p> <p>The liquidator may petition the court for –</p>	<p>centrale», lorsqu’il s’agit d’une liquidation forcée.</p> <p><u>Article 93 : Personnalité juridique de la banque en liquidation</u></p> <p>La personnalité juridique d’une banque en liquidation subsiste jusqu’à la clôture de la liquidation.</p> <p><u>Article 94 : Pouvoir de supervision de la Banque centrale pendant la période de liquidation d’une banque</u></p> <p>(1) Pendant la durée de la liquidation, la banque demeure sous la supervision de la Banque centrale.</p> <p>(2) Le liquidateur préserve tous les documents comptables conformément aux instructions de la Banque centrale et soumet à la Banque centrale les copies de tous les documents et correspondances relatifs à la liquidation.</p> <p><u>Article 95 : Pouvoirs accordés au liquidateur</u></p> <p>Le liquidateur peut demander à la juridiction–</p>
--	--	---

<p>(a) gufunga ahari imitungo y’abagize Inama y’Ubutegetsi n’iy’abayobozi ba banki bafite uruhare rugaragara mu ihomba ryayo;</p> <p>(b) gukora ifatira-tambama cyangwa ifatira ry’agateganyo ry’amafaranga y’abagize Inama y’Ubutegetsi n’abayobozi n’ibintu byabo byimukanwa n’ibitimukanwa;</p> <p>(c) gutambamira uburenganzira bw’abagize Inama y’Ubutegetsi ku mutungo utimukanwa uwo ari wo wose.</p>	<p>(a) affixing seals to the property of members of the Board of Directors and managers whose responsibility in the insolvency of the bank is established;</p> <p>(b) proceeding to seizure by garnishment or attachment of any sums owed to members of the Board of Directors and managers and their movable and immovable assets;</p> <p>(c) raising objection to the exercise of the right to dispose of any fixed asset by the members of the Board of Directors.</p>	<p>(a) d’apposer les scellés sur les biens des membres du Conseil d’administration et dirigeants de la banque dont la responsabilité dans l’insolvabilité de la banque est établie ;</p> <p>(b) de procéder à la saisie-arrêt ou saisie conservatoire des sommes dues aux membres du Conseil d’administration et dirigeants et de leurs biens meubles et immeubles ;</p> <p>(c) de former opposition à l’exercice par les membres du Conseil d’administration du droit de disposer de tout bien immobilier.</p>
<p><u>Ingingo</u> va <u>96</u>: Kwamburwa uburenganzira bwo kuba mu buyobozi bwa banki</p> <p>Umuntu wese ugaragajwe n’iperereza ko ashobora gukurikiranwa kubera kunyuranya na politiki n’imigenzereze bya banki iri mu iseswa cyangwa wagize uruhare mu guhomba kwayo, yamburwa uburenganzira bwo kuba mu bemerewe gukora imirimo yo gucunga cyangwa gutegeka banki cyangwa ikigo cy’imari biteganywa n’iri tegeko n’itegeko rigenga Banki Nkuru.</p>	<p><u>Article 96</u>: Loss of the eligibility for management functions in a bank</p> <p>Any person who, after investigations, is subject to legal proceedings for violation of the policies and procedures of the bank undergoing liquidation or who has contributed to its insolvency, loses his or her eligibility for managerial and administrative position in a bank or a financial institution defined in accordance with this Law and the law governing the Central Bank.</p>	<p><u>Article 96</u> : Perte de qualité d’élégibilité aux fonctions de gestion d’une banque</p> <p>Toute personne qui, après enquête, est susceptible d’être poursuivie pour violation des politiques et procédures de la banque en liquidation ou a contribué à l’insolvabilité de celle-ci, perd la qualité d’élégibilité aux fonctions de gestion et d’administration d’une banque ou d’une institution financière définie par la présente loi et la loi régissant la Banque centrale.</p>

<p><u>Ingingo ya 97: Kwitabaza inzego z'ubutabera zibifitiye ububasha</u></p> <p>Iyo iperereza rigaragaje ko ugize Inama y'Ubutegetsi, ubuyobozi bukuru cyangwa undi muntu yagize uruhare mu guhombya banki, ushinzwe iseswa amaze kubyemererwa na Banki Nkuru cyangwa Banki Nkuru bashobora kwitabaza inzego z'ubutabera zibifitiye ububasha.</p> <p><u>Ingingo ya 98: Igihe iseswa rimara na raporo yaryo</u></p> <p>(1) Manda y'ushinzwe iseswa imara imyaka ibiri ishobora kongerwa inshuro imwe keretse hari impamvu itunguranye. Iyo ushinzwe iseswa arangije inshingano ze, ashikiranira raporo Banki Nkuru hakurikijwe inyandiko rugero igenwa na Banki Nkuru.</p> <p>(2) Mu gusuzuma no kugenzura raporo y'ushinzwe iseswa kimwe n'izindi nyandiko zijyanye n'iseswa, Banki Nkuru ishobora kwifashisha umugenzuzi wigenga, iyo isanze ari ngombwa.</p> <p><u>Ingingo ya 99: Isozwa ry'iseswa</u></p> <p>(1) Iyo Banki Nkuru yemeje raporo y'ushinzwe iseswa, yemeza ko iseswa</p>	<p><u>Article 97: Recourse to competent judicial organs</u></p> <p>If investigation reveals that a member of the Board of Directors, senior management or any other person was involved in the insolvency of the bank, the liquidator, after prior authorisation by the Central Bank, or the Central Bank may refer the matter before competent judicial organs.</p> <p><u>Article 98: Duration of the liquidation and report thereon</u></p> <p>(1) The mandate of the liquidator is two years renewable once unless there is unforeseen circumstances. Upon the expiration of his or her mission, the liquidator submits a report in accordance with a template determined by the Central Bank.</p> <p>(2) During the review and verification of the report of the liquidator or other documents related to the liquidation, the Central Bank may, if considered necessary, resort to an external auditor.</p> <p><u>Article 99: Liquidation closure</u></p> <p>(1) When the Central Bank approves the report of the liquidator, it declares that the</p>	<p><u>Article 97 : Recours aux organes judiciaires compétents</u></p> <p>Si des investigations révèlent qu'un membre du Conseil d'administration, de la direction générale ou toute autre personne a été impliqué dans l'insolvabilité de la banque, le liquidateur, sur autorisation préalable de la Banque centrale, ou la Banque centrale peut saisir les organes judiciaires compétents.</p> <p><u>Article 98 : Durée de liquidation et le rapport y relatif</u></p> <p>(1) Le mandat du liquidateur d'une banque est de deux ans renouvelables une fois sauf circonstances imprévues. À la fin de sa mission, le liquidateur soumet son rapport à la Banque centrale conformément au modèle déterminé par la Banque centrale.</p> <p>(2) Pendant l'examen et la vérification du rapport du liquidateur ainsi que d'autres documents liés à la liquidation, la Banque centrale peut, si elle le juge nécessaire, recourir à un auditeur externe.</p> <p><u>Article 99 : Clôture de la liquidation</u></p> <p>(1) Lorsque la Banque centrale adopte le rapport du liquidateur, elle déclare</p>
---	--	---

<p>rirangiye kandi igaha ushinzwe iseswa icyemezo cy'uko yakoze neza.</p> <p>(2) icyemezo kivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo gikuriraho ushinzwe iseswa uburyozwe bw'ibyo yakoze cyangwa atakoze mu gihe yacungaga banki iri mu iseswa. icyakora, icyo cyemezo ntikivanaho gukurikiranwa iyo, nyuma y'isozwa ry'iseswa, hagaragaye ibimenyetso ko hakozwe uburiganya cyangwa ko yakoze ibintu uko bitagomba gukorwa.</p> <p>(3) Ushinzwe iseswa asubiza Banki Nkuru inyandiko n'ibitabo bya banki yasheshwe kandi akaba ari yo igena icyo bizakoreshwa.</p>	<p>liquidation process is concluded and gives the liquidator a certificate of discharge.</p> <p>(2) The certificate referred to in Paragraph (1) of this Article discharges the liquidator from any liability for actions carried out or omitted during the management of the bank undergoing liquidation. However, the certificate does not discharge the liability of the liquidator if, after the liquidation closure, there is proof of fraud or wrong procedure.</p> <p>(3) The liquidator hands over the documents and books of the liquidated bank to the Central Bank, which determines their subsequent use.</p>	<p>que la liquidation est close et donne au liquidateur une attestation de décharge.</p> <p>(2) L'attestation visée au paragraphe (1) du présent article décharge le liquidateur de toute responsabilité pour les actes accomplis ou omis par lui lors de sa gestion de la banque en liquidation. Toutefois, cette déclaration ne décharge pas le liquidateur de la responsabilité si, après la clôture de la liquidation, il y a une preuve de fraude ou de mauvaise procédure.</p> <p>(3) Le liquidateur remet les documents et les livres de la banque liquidée à la Banque centrale qui en détermine l'usage.</p>
<p><u>UMUTWE WA IX: AMAKOSA, IBYAHA N'IBIHANO</u></p>	<p><u>CHAPTER IX: FAULTS, OFFENCES AND SANCTIONS OR PENALTIES</u></p>	<p><u>CHAPITRE IX: FAUTES, INFRACTIONS ET SANCTIONS OU PEINES</u></p>
<p><u>Icyiciro cya mbere: Amakosa n'ibihano</u></p>	<p><u>Section One: Faults and sanctions</u></p>	<p><u>Section première : Fautes et sanction</u></p>
<p><u>Ingingo ya 100: Kutubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko cyangwa amabwiriza n'ibyemezo byafashwe</u></p>	<p><u>Article 100: Failure to comply with the provisions of this Law or directives and decisions taken</u></p>	<p><u>Article 100 : Non-conformité aux dispositions de la présente loi, des directives et décisions prises</u></p>
<p>Amabwiriza ya Banki Nkuru agena amakosa</p>	<p>The Central Bank's regulation determines</p>	<p>Le règlement de la Banque centrale</p>

<p>n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi bihabwa banki, itsinda ry'amabanki, isosiyete y'imari ibumbye izindi, ugize Inama y'Ubutegetsi n'uri mu buyobozi bukuru bwa banki. Agena kandi uburyo bwo kujurira.</p> <p><u>Icyiciro cya 2: Ibyaha n'ibihano</u></p> <p><u>Ingingo ya 101: Gukoresha ijambo «Banki» cyangwa amagambo bifitanye isano mu buryo butemewe</u></p> <p>(1) Umuntu wiyitirira gukora nka banki cyangwa ukoresha, mu rurimi urwo ari rwo rwose, haba mu izina ry'ikigo cye, mu izina rye ry'ubucuruzi, mu kirango cye cyangwa mu iyamamaza rye, inyito ya banki, cyangwa ikindi kintu cyose gifitanye isano na banki cyangwa irindi jambo ryose rishobora kuvuga cyangwa gusobanura ibikorwa bya banki, atabanje kwemererwa nka banki, cyangwa ukora iyamamaza abeshya cyangwa akabya inkuru mu buryo bubangamira imirimo y'amabanki cyangwa y'ibigo by'imari, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'umwaka 1 ariko kitarenze imyaka 3 n'ihazabu itari muni ya 30.000.000</p>	<p>faults and administrative sanctions applicable to a bank, a banking group, and a financial holding company, a member of the Board of Directors and a member of the senior management of a bank. It also determines the appeals procedure.</p> <p><u>Section 2: Offences and penalties</u></p> <p><u>Article 101: Non authorised use of the term “Bank” or its derivatives</u></p> <p>(1) A person who claims the status of bank or banker, or uses in any language, in its corporate name, trade name, signage or advertisement, the terms bank, banker, or any other derivative that can indicate or be perceived as related to a banking activity, without being licensed as a bank, or who engages in deceptive or misleading advertising prejudicial to the banking or financial activity, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 1 year but not more than 3 years and a fine of not less than FRW 30,000,000 but not more than FRW 50,000,000 or one of these penalties.</p>	<p>détermine les fautes et sanctions administratives applicables à une banque, à un groupe bancaire, à une société holding financière, à un membre du Conseil d'administration et à un membre de la direction générale d'une banque. Il détermine également la procédure de recours.</p> <p><u>Section 2 : Infractions et peines</u></p> <p><u>Article 101 : Utilisation non autorisée du terme « banque » ou de ses dérivés</u></p> <p>(1) Une personne qui revendique la qualité de banque ou de banquier, ou fait usage en toute langue, dans son nom commercial, sa raison sociale, son enseigne ou sa publicité, des termes de banque, banquier, ou de tout autre terme dérivé qui peut évoquer ou être perçu comme lié à une activité bancaire, sans être agréé comme banque, ou qui fait des publicités mensongères ou tendancieuses préjudiciables à l'activité bancaire ou financière, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins 1 an mais n'excédant pas 3 ans et d'une amende d'au moins 30.000.000 FRW mais n'excédant pas 50.000.000 FRW ou de l'une de ces peines.</p>
---	--	--

<p>FRW ariko itarenze 50.000.000 FRW cyangwa kimwe muri ibyo bihano.</p> <p>(2) Iyo icyaha kivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo gikozwe n'ikigo cyangwa isosiyete bifite ubuzimagatozi bihanishwa ihazabu y'amafaranga itari muni ya 70.000.000 FRW ariko itarenze 100.000.000 FRW.</p> <p>(3) Iyo habayeho isubiracyaha, ibihano biteganywa mu gika cya (1) n'icya (2) by'iyi ngingo byikuba kabiri.</p>	<p>(2) If the offence referred to in paragraph (1) of this Article is committed by an entity or company with legal personality, it is liable to a fine of not less than FRW 70,00,000 but not more than FRW 100,000,000.</p> <p>(3) In case of recidivism, the penalties referred to in Paragraphs (1) and (2) of this Article are doubled.</p>	<p>(2) Si l'infraction visée au paragraphe (1) du présent article est commise par une entité ou une société dotées de la personnalité juridique, elle est passible d'une amende d'au moins 70.00.000 FRW mais n'excédant pas 100.000.000 FRW.</p> <p>(3) En cas de récidive, les peines visées aux paragraphes (1) et (2) du présent article sont portées au double.</p>
<p><u>Ingingo ya 102: Gukora imirimo ya banki nta ruhushya</u></p> <p>(1) Umuntu ukora imirimo ya banki atabanje kubyemererwa na Banki Nkuru, cyangwa wakira cyangwa wemera kubika amafaranga ya rubanda atabanje kubyemererwa, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni ya imyaka 3 ariko kitarenze imyaka 5 n'ihazabu itari muni ya 30.000.000 FRW ariko itarenze 50.000.000 FRW cyangwa kimwe muri ibyo bihano.</p>	<p><u>Article 102: Penalties for unlicensed banking activities</u></p> <p>(1) A person who engages in banking activity without prior licensing from the Central Bank, or who receives or accepts to keep money of the public without prior authorisation, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 3 years but not more than 5 years and a fine of not less than FRW 30,000,000 but not more than FRW 50,000,000 or one of these penalties.</p>	<p><u>Article 102 : Peines pour activités bancaires sans licence</u></p> <p>(1) Une personne qui exerce une activité de banque sans licence préalable de la Banque centrale, ou qui perçoit ou accepte de garder de l'argent des personnes sans aucune autorisation préalable, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins 3 ans mais n'excédant pas 5 ans et d'une amende d'au moins 30.000.000 FRW mais n'excédant pas 50.000.000 FRW ou de l'une de ces peines.</p>

<p>(2) Iyo icyaha kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikozwe n'ikigo cyangwa isosiyete bifite ubuzimagatozi bihanishwa ihazabu y'amafaranga itari muni ya 70.000.000 FRW ariko itarenze 100.000.000 FRW.</p>	<p>(2) If the offence referred to in Paragraph (1) of this Article is committed by an entity or a company with legal personality it is liable to a fine of not less than FRW 70,00,000 but not more than FRW 100,000,000.</p>	<p>(2) Si l'infraction visée au paragraphe (1) du présent article est commise par une entité ou une société dotée de la personnalité juridique elle passible d'une amende d'au moins 70.00.000 FRW mais n'excédant pas 100.000.000 FRW.</p>
<p>(3) Iyo habayeho isubiracyaha, ibihano biteganywa mu gika cya (1) n'icya (2) by'iyi ngingo byikuba kabiri.</p>	<p>(3) In case of recidivism, the penalties referred to in Paragraphs (1) and (2) of this Article are doubled.</p>	<p>(3) En cas de récidive, les peines visées aux paragraphes (1) et (2) du présent article sont portées au double.</p>
<p><u>Ingingo ya 103: Gutanga amakuru atari ay'ukuri, kubangamira ibikorwa by'ubugenzuzi bya Banki Nkuru, no kuba mu Nama y'Ubutegetsi cyangwa mu buyobozi bukuru utabyemerewe</u></p>	<p><u>Article 103: Providing false information, obstructing supervisory activities of Central Bank, and participating in the membership of the Board of Directors or senior management without approval</u></p>	<p><u>Article 103 : Fourniture des informations inexactes, faire obstacle aux activités de supervision de la Banque centrale, et être membre du Conseil d'administration ou de la direction générale sans approbation</u></p>
<p>(1) Umuntu uri mu Nama y'Ubutegetsi cyangwa ubuyobozi bukuru bwa banki watanze amakuru atari ay'ukuri kugira ngo yemezwe na Banki Nkuru, ubangamira mu buryo ubwo ari bwo bwose ibikorwa by'ubugenzuzi bya Banki Nkuru, imicungire cyangwa ifatwa ry'ibyemezo bireba Banki kandi byaragaragaye ko yahombye ku giti cye haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga; cyangwa wabaye mu Nama y'Ubutegetsi cyangwa mu buyobozi bukuru atabanje kubyemererwa na Banki Nkuru, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'amezi 6 ariko kitarenze</p>	<p>(1) A person who is a member of the Board of Directors or senior management of a bank and who provides false information to be adopted by the Central Bank, who obstructs in any manner whatsoever the supervisory activities of Central Bank, management or taking of decisions regarding the bank while he or she has been declared bankrupt in Rwanda or abroad, or who participated in the membership of the Board of Directors or senior management without prior approval of the Central Bank, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 6</p>	<p>(1) Une personne qui est membre du Conseil d'administration ou de la direction générale d'une banque et qui a fourni des informations inexactes à être adoptées par la Banque Centrale, qui fait obstacle, de quelque manière que ce soit, aux activités de supervision de la Banque centrale, à la gestion ou à la prise de décisions concernant la banque alors que la personne a été déclarée en faillite au Rwanda ou à l'étranger, ou qui a été membre du Conseil d'administration ou de la direction générale sans l'accord préalable de la Banque centrale, commet une infraction.</p>

<p>imyaka 2 n'ihazabu itari munsu ya 40.000.000 FRW ariko itarenze 60.000.000 FRW cyangwa kimwe muri ibyo bihano.</p> <p>(2) Iyo habayeho isubiracyaha, ibihano biteganywa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo byikuba kabiri.</p> <p>UMUTWE WA X: INGINGO ZINYURANYE</p> <p>Ingingo ya 104: Iyemererwa ry'umuyobozi udasanzwe n'ushinzwe iseswa</p> <p>(1) Banki Nkuru yemerera uwifuza kuba umuyobozi udasanzwe cyangwa ushinzwe isesa mu mabanki.</p> <p>(2) Amabwiriza ya Banki Nkuru akena uburyo bwo kwemererwa n'ibisabwa usaba kuba umuyobozi udasanzwe cyangwa ushinzwe iseswa mu mabanki.</p>	<p>months but not more than 2 years and a fine of not less than FRW 40,000,000 but not more than FRW 60,000,000 or one of these penalties.</p> <p>(2) In case of recidivism, the penalties referred to in Paragraph (1) of this Article are doubled.</p> <p>CHAPTER X: MISCELLANEOUS PROVISIONS</p> <p>Article 104: Accreditation of special administrators and liquidators</p> <p>(1) The Central Bank grants accreditation to a person wishing to be a special administrator or liquidator of banks.</p> <p>(2) The Central Bank's regulation determines modalities for accreditation and requirements to be an administrator or a liquidator of banks.</p>	<p>Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins 6 mois mais n'excédant pas 2 ans et d'une amende d'au moins 40.000.000 FRW mais n'excédant pas 60.000.000 FRW ou de l'une de ces peines.</p> <p>(2) En cas de récidive, les peines visées au paragraphe (1) du présent article sont portées au double.</p> <p>CHAPITRE X : DISPOSITIONS DIVERSES</p> <p>Article 104 : Accréditation d'un administrateur spécial et d'un liquidateur</p> <p>(1) La Banque centrale accorde une accréditation à une personne qui souhaite être un administrateur spécial ou à un liquidateur des banques.</p> <p>(2) Le règlement de la Banque centrale détermine les modalités d'accréditation et les conditions pour être administrateur spécial ou pour être liquidateur des banques.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 105: Ifungurwa n’ifungwa ry’aho banki ikorera</u></p> <p>(1) Banki yose ishaka gufungura cyangwa gufunga aho ikorera haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga igomba gusaba kwemererwa na Banki Nkuru.</p> <p>(2) Banki Nkuru ishobora kwanga gutanga uruhushya rwo gufungura cyangwa gufunga aho banki ikorera, iyo ibikorwa byahungabanya imicungire myiza cyangwa imari yayo, byabangamira inyungu z’abayibitsamo, cyangwa byadindiza imigenzurire ikwiye yayo.</p> <p>(3) Amabwiriza ya Banki Nkuru agena ibisabwa mu gufungura no gufunga aho banki ikorera.</p>	<p><u>Article 105: Opening and closing the place of business of a bank</u></p> <p>(1) Any bank which intends to open or close a place of business either in Rwanda or abroad must submit an application to the Central Bank for approval.</p> <p>(2) The Central Bank may refuse the permission to open or close the place of business of a bank if the operation is likely to compromise the quality of management or the financial soundness of the bank, if it jeopardizes the interests of the bank’s depositors, or if it hinders the effective prudential supervision of the bank.</p> <p>(3) The Central Bank’s regulation determines conditions for opening and closing the place of business of a bank.</p>	<p><u>Article 105 : Ouverture et fermeture d’un lieu d’activité de la banque</u></p> <p>(1) Toute banque désireuse d’ouvrir ou fermer un lieu d’activité au Rwanda ou à l’étranger doit en soumettre une demande à la Banque centrale pour approbation.</p> <p>(2) La Banque centrale peut refuser d’accorder la permission d’ouvrir ou de fermer un lieu d’activité de la banque si cette opération est susceptible de compromettre la qualité de gestion ou la solidité financière de la banque, les intérêts des déposants de la banque, ou d’entraver le contrôle prudentiel efficace de la banque.</p> <p>(3) Un règlement de la Banque centrale détermine les conditions d’ouverture et de fermeture d’un lieu d’activité de la banque.</p>
<p><u>Ingingo ya 106: Imicungire ya konti zidakoresheya n’izahagaritswe</u></p> <p>(1) Banki igomba guhagarika konti isanzwe y’umukiriya imaze kubona ko hashize igihe kingana n’amezi atandatu idakoresheya. Nyuma y’ayo</p>	<p><u>Article 106: Management of inactive and dormant accounts</u></p> <p>(1) A bank must inactivate a customer current account after realizing that no transaction was done on it within a period of six months. After this period, the bank does</p>	<p><u>Article 106: Gestion des comptes inactifs et dormants</u></p> <p>(1) Une banque doit fermer un compte courant du client quand elle se rend compte qu’aucune transaction n’a été faite sur ce compte au cours d’une</p>

<p>mezi nta mafaranga banki ica umukiliya yo gucunga konti. Iyo konti igomba kugaragazwa ko idakoreshwa nyuma y'umwaka umwe keretse iyo umukiriya asabye ko ikoreshwa.</p> <p>(2) Uburyo bwo gucunga konti zidakoresheya n'izahagaritswe bugenwa n'amabwiriza ya Banki Nkuru.</p>	<p>not charge the customer any account management fee. The account must be put in a dormant situation after one year unless the customer has requested for its activation.</p> <p>(2) Modalities for managing inactive and dormant accounts are determined by regulation of the Central Bank.</p>	<p>période de six mois. Après cette période, la banque ne demande au client aucun frais de gestion de compte. Ce compte doit être mis en situation de dormance après un an, sauf si le client a demandé son activation.</p> <p>(2) Les modalités de la gestion de comptes inactifs et fermés sont déterminées par le règlement la Banque centrale.</p>
<p><u>Ingingo ya 107: Kwiambaza undi muntu mu gukora imirimo cyangwa ibikorwa by'ingenzi</u></p> <p>(1) Mu gihe banki ihaye undi muntu kuyikorera imirimo cyangwa ibikorwa by'ingenzi, ni yo imugenzura kandi ikabiryoza nk'uko yaryozwa imirimo cyangwa ibikorwa yikoreye.</p> <p>(2) Ibivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo bireba kandi imirimo cyangwa ibikorwa by'ingenzi byakozwe n'ibigo bibarizwa mu itsinda rimwe ry'amabanki.</p> <p>(3) Imirimo n'ibikorwa by'ingenzi n'ibindi bisabwa mu gihe banki ihaye undi muntu gukora imirimo cyangwa</p>	<p><u>Article 107: Outsourcing of material functions or activities</u></p> <p>(1) When a bank outsources its material functions or activities, it maintains the same degree of oversight and accountability as applied to functions or activities that are not outsourced.</p> <p>(2) The provisions of Paragraph (1) of this Article also apply to material functions or activities that are outsourced to entities within the same banking group.</p> <p>(3) Material functions and activities as well as other requirements on the outsourcing of material functions or activities by bank are</p>	<p><u>Article 107 : Externalisation des fonctions ou des activités clés</u></p> <p>(1) Lorsqu'une banque externalise des fonctions ou des activités clés, il garde le même degré de contrôle et de responsabilité comme pour des fonctions et des activités qui ne sont pas externalisées.</p> <p>(2) Les dispositions du paragraphe (1) du présent article s'appliquent également aux fonctions ou aux activités-clés externalisées au sein des entités du même groupe bancaire.</p> <p>(3) Les fonctions et les activités clés ainsi que les conditions requises lorsqu'une banque externalise des fonctions ou des</p>

<p>ibikorwa by'ingenzi bigenwa n'amabwiriza ya Banki Nkuru.</p> <p><u>Ingingo ya 108:</u> Intumwa ya banki mu bikorwa byayo</p> <p>(1) Banki Nkuru ishobora guha uburenganzira amabanki bwo kugirana amasezerano n'umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gifite ubuzima gatozi kugira ngo gikore ibikorwa byihariye bya banki nk'intumwa mu izina ryayo.</p> <p>(2) Banki ikomeza kwishingira ibikorwa byose by'intumwa zayo.</p> <p>(3) Amabwiriza ya Banki Nkuru akena ibikorwa by'intumwa n'ibyo banki isabwa mu kugena intumwa.</p>	<p>determined by the Central Bank's regulation.</p> <p><u>Article 108:</u> Agent of a bank in its operations</p> <p>(1) The Central Bank may authorise banks to contract with an individual or a legal entity to undertake specific banking activities on behalf of the bank as its agent.</p> <p>(2) A bank remains liable for all operations undertaken by its agents.</p> <p>(3) The Central Bank's regulation determines activities of an agent and the requirements of a bank to appoint an agent.</p>	<p>activités clés sont déterminées par le règlement de la Banque centrale.</p> <p><u>Article 108 :</u> Agent de la banque dans ses opérations bancaires</p> <p>(1) La Banque centrale peut autoriser des banques à conclure des contrats avec une personne physique ou morale pour entreprendre des activités spécifiques d'opérations bancaires au nom d'une banque en tant que son agent.</p> <p>(2) La banque reste responsable de toutes les opérations entreprises par ses agents.</p> <p>(3) Le règlement de la Banque centrale détermine les activités d'un agent et les conditions que doit remplir une banque pour désigner un agent.</p>
<p><u>Ingingo ya 109:</u> Ububasha bwa Banki Nkuru bwo guhagarika by'agateganyo ibikorwa bya banki</p> <p>(1) Iyo hari impamvu zigaragaza ko ibikorwa bya banki bishobora guhungabanya imikorere n'imitunganyirize ya banki, Banki Nkuru ishobora guhagarika</p>	<p><u>Article 109:</u> Powers of the Central Bank to provisionally suspend activities of a bank</p> <p>(1) If the Central bank has reasons to believe that activities of a bank are likely to distort the operation and organisation of the banking system, it may provisionally suspend all activities or certain operations</p>	<p><u>Article 109 :</u> Pouvoirs de la Banque centrale de suspendre provisoirement des activités bancaires</p> <p>(1) Lorsque la Banque centrale a des raisons de croire que les activités d'une banque sont susceptibles de perturber l'opération et l'organisation du système bancaire, elle peut suspendre provisoirement toutes</p>

<p>by'agateganyo imirimo yose ya banki cyangwa ibikorwa byayo bimwe na bimwe.</p> <p>(2) Banki Nkuru imenyeshya mu nyandiko banki bireba ihagarikwa ry'agateganyo ry'ibikorwa kandi ikagaragaza itariki y'ihagarikwa ry'agateganyo n'igihe rizamara.</p> <p>(3) Ihagarikwa ry'agateganyo ry'ibikorwa bya banki ntirigomba kurenza iminsi itandatu y'akazi kandi rishobora kongerwa inshuro imwe.</p> <p>(4) Nyuma y'igihe kivugwa mu gika cya (3) cy'iyi ngingo, Banki Nkuru ishobora gufata ibindi byemezo hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.</p> <p><u>Ingingo ya 110:</u> Ububasha bwo gutanga amabwiriza n'imirongo ngenderwaho</p> <p>Banki Nkuru ifite ububasha bwo gushyiraho amabwiriza n'imirongo ngenderwaho kugira ngo habeho imikorere n'iterambere bikwiye mu mirimo y'amabanki.</p>	<p>of the bank.</p> <p>(2) The Central Bank notifies the concerned bank in writing of the provisional suspension of activities and specifies the date and duration of the suspension.</p> <p>(3) The provisional suspension of activities of a bank does not exceed six working days and may be extended once.</p> <p>(4) After the period specified in Paragraph (3) of this Article, the Central Bank may take other decisions in accordance with this Law.</p> <p><u>Article 110:</u> Powers to issue regulations, directives and guidelines</p> <p>The Central Bank has powers to issue regulations, directives and guidelines for the effective functioning and development of the banking business.</p>	<p>les activités ou certaines opérations d'une banque.</p> <p>(2) La Banque centrale notifie par écrit la suspension des activités à la banque concernée et précise la date et la durée de la suspension provisoire.</p> <p>(3) La suspension provisoire des activités d'une banque ne dépasse pas six jours ouvrables qui peut être prolongée une fois.</p> <p>(4) Après la période visée au paragraphe (3) du présent article, la Banque centrale peut prendre d'autres décisions conformément aux dispositions de la présente loi.</p> <p><u>Article 110 :</u> Pouvoirs d'émettre des règlements, des directives et des lignes directrices</p> <p>La Banque centrale a les pouvoirs d'émettre les règlements, les directives et les lignes directrices pour le fonctionnement et le développement efficaces de l'activité bancaire.</p>
---	--	---

<p><u>Ingingo ya 111: Amafaranga adafatwa nk'amafaranga abitswa</u></p> <p>Amafaranga akurikira ntafatwa nk'amafaranga abitswa:</p> <p>(a) amafaranga yatanzwe n'abagize Inama y'Ubutegetsi, abagize ubuyobozi bukuru cyangwa abacungamari nk'ingwate y'imicungire;</p> <p>(b) amafaranga yakiriwe aturutse mu nyandiko ishobora gucuruzwa y'inguzanyo cyangwa z'umutungo watanzwe cyangwa washowe muri rubanda;</p> <p>(c) amafaranga yaturutse ku nguzanyo ku nyandiko ishobora gucuruzwa itarageza igihe cyangwa ubugwate bw'innyandiko ishobora gucuruzwa ya Leta cyangwa iz'abikorera cyangwa ayaturutse kuri avansi cyangwa inguzanyo zatanzwe n'amabanki n'ibindi bigo by'imari;</p> <p>(d) n'andi mafaranga yose agenwa na Banki Nkuru.</p> <p><u>UMUTWE WA XI: INGINGO ZISOZA</u></p>	<p><u>Article 111: Funds not considered as deposits</u></p> <p>The following funds are not considered as deposits:</p> <p>(a) funds deposited by members of the Board of Directors, senior management or accountants as a guarantee of their management;</p> <p>(b) funds received in exchange for bonds or equity securities issued or invested with the public;</p> <p>(c) funds obtained through discount window or discounts on public or private securities or in the form of loans or advances from banks or other financial institutions; and</p> <p>(d) any other type of funds defined by the Central Bank.</p> <p><u>CHAPTER XI: FINAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>Article 111 : Fonds qui ne sont pas considérés comme dépôts</u></p> <p>Les fonds suivants ne sont pas considérés comme dépôts :</p> <p>(a) les fonds déposés par les membres du Conseil d'administration, de la direction générale ou par les comptables, à titre de garantie de leur gestion ;</p> <p>(b) les fonds reçus en contrepartie des obligations ou des titres de participation émis ou investis auprès du public ;</p> <p>(c) les fonds obtenus à travers les opérations d'escompte ou l'escompte sur des titres publics ou privés ou sous forme de prêts ou d'avances auprès des banques ou d'autres institutions financières ; et</p> <p>(d) tout autre type de fonds défini par la Banque centrale.</p> <p><u>CHAPITRE XI : DISPOSITIONS FINALES</u></p>
--	---	--

<p><u>Ingingo ya 112: Ingingo y’ururimi</u></p> <p>Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw’Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 113: Ingingo ivanaho</u></p> <p>Itegeko n° 47/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigena imitunganyirize y’imirimo y’amabanki rivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 114: Gutangira gukurikizwa</u></p> <p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.</p>	<p><u>Article 112: Language provision</u></p> <p>This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.</p> <p><u>Article 113: Repealing provision</u></p> <p>Law n° 47/2017 of 23/09/2017 governing the organisation of banking is repealed.</p> <p><u>Article 114: Entry into force</u></p> <p>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><u>Article 112 : Disposition linguistique</u></p> <p>La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.</p> <p><u>Article 113 : Disposition abrogatoire</u></p> <p>La Loi n° 47/2017 du 23/09/2017 portant organisation de l’activité bancaire est abrogée.</p> <p><u>Article 114 : Entrée en vigueur</u></p> <p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--	---	---

Kigali, 30/05/2024

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux